UMUSEMBURO W'UBUSABANE

Akanyamakuru ka Diyosezi ya Nyundo

N° 36 MUTARAMA – KAMENA 2012

IBIRI MURI AKA GATABO

1. Ijambo ry'ibanze
P. Fabiyani RWAKAREKE
2. Twese hamwe dufatanye kwamagana twivuye inyuma icyaha gikomeye cyo gukuramo inda / P.Léonidas NGARUKIYINTWARI
3. Tumenye imikorere y'inama z'ababyeyi ku bigo by'amashuri n'inshingano za komite z'ababyeyi / P.Bernard KANAYOGE
4. Sinode, imbarutso y'iterambere muri Busasamana
P. Emmanuel HAKIZAYEZU
5. Amateka ya paruwasi ya Kibuye
P. J.Paul RUTAKISHA
6. Padiri J.Baptiste Mendiondo Habineza yizihije Yubile y'imyaka 50 ahawe Ubusaserdoti
Jérôme GAKWAYA
7. Imurikwa ry'amazu 140 y'abatishoboye n'inyubako y'ikigo cy'amashuli cya Murama
P.Evariste NDUWAYEZU
8. Raporo y'umwiherero w'abakozi bo mu rugo
Christine MUKANDIRIMA, Camille NSENGIYUMVA, Gilbert BUGIRIMFURA
9. I Busasamana Abasaserdoti basabanye n'abaseminari babo
P. Emmanuel HAKIZAYEZU
10.Umunsi wahariwe urubyiruko ku nshuro ya karindwi mu Rwanda muri paruwasi ya Kibuye
Ignace BANYAGA
11. Ingabire yanjye iraguhagije (II Kor12, 9a)
Fratri Faustin HABIMANA
12. Ubutumwa bwa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu bigo by'amashuri bugeze he?
Alfred HABUMUGISHA
13. Icyo Bibiliya ivuga ku maturo
Fratri Thaddée NKURUNZIZA
14. Amatsinda y'abana muri paruwasi ya Nyundo atangiye gushinga imizi
Didace MUSEBYUKUNDI
15. Paruwasi ya Nyundo yishimiye itorwa ry'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri Myr Visenti Harolimana / Didace MUSEBYUKUNDI
16. Yaduhaye atitangiriye itama
Jérôme GAKWAYA
17. Ikirezi kibereye Rurema
Thérèse MUKANTABASHWA
18. Ubutumwa bushya bwahawe abasaserdoti ba Diyosezi ya Nyundo muri Nyakanga 2012
19. Udukuru two hirya no hino
Françoise BAMURANGE

IJAMBO RY'IBANZE

2012 Umwaka wo gukomeza Kiliziya duhereye imuhira

Twizihiza imyaka icumi twari tumaze dushoje Sinodi ya Diyosezi yacu, twishimiye ko yadufashije kumva ubumwe dufitanye muri Yezu Kristu, uduhuza n'Imana Se, ariwe Data, na Roho Mutagatifu, maze muri ubwo bumwe n'Ubutatu butagatifu akatugira abavandimwe. Byaduteye guhigira Imana ko tuzahora duharanira ko ubukristu butubyarira ubuvandimwe nyabwo, bityo turabyiyemeza.
Aya matwara yatumye twumva ko ubuvandimwe twamamaza atari amagambo, bugomba kugaragarira aho turi hose, cyane cyane bugahera muri buri rugo. Twabyiyibukije kenshi, urugo ni rwo Kiliziya y'ibanze, aho ducyura inyigisho z'ukuri dukura mu Byanditswe bitagatifu, tukaziganiraho zikatwubaka. Mu rugo kandi dushyira mu ngiro inyigisho z'abayobozi ba Kiliziya, dukomejwe n'amasakramentu twibukiranya guhabwa, tukajya mbere mu rukundo, tubaho buri wese agirira abandi icyo yifuza kugirirwa.
Uyu mwaka wa 2012, by'umwihariko, muri Diyosezi yacu wagenewe urugo, Umushumba wa Diyosezi yongeye no kubishimangira mu butumwa bushya yahaye abasaserdoti abasaba kwita ku ngo z'abakristu. Abivuga muri aya magambo : « Muri uyu mwaka dutangiye ndifuza ko twashyira imbere la pastorale de la famille. Twabyumvikanyeho mu nama yaduhuje kuri 16-17 Gicurasi 2012. Tubishyiremo ingufu mu miryangoremezo, mu miryango y'Agisiyo Gatolika… Dushishikarize abashakanye kwitabira Yubile y'imyaka bamaze basezeranye (25,50…) »
Iyo « Pastorale de la famille » ni iki ? Ni ukubwiriza, ni ugukangurira, cyangwa se gushishikariza urugo kumenya icyo Imana irutezeho, kandi rugafashwa kubishyira mu ngiro. Icya mbere Imana isaba buri rugo ni ukuyimenya no kuyikunda. Igihe Yezu yigishije intumwa ze gusenga yagaragaje icya mbere tugomba gusaba Imana : "Dawe izina ryawe ryubahwe, ingoma yawe yogere hose, icyo utegeka kijye gikorwa mu nsi nk'uko gikorwa mu ijuru" (Mt 6,9-10). Ngibyo rero ibyo buri rugo rukwiye gutozwa bya mbere : guharanira kumenya Imana, kuyikunda, kuyubaha, kuyisenga no gukurikiza amategeko yayo. Hakwiye rero kuboneka uburyo bwo kuyigishwa. Niyo mpamvu Musenyeri abisaba imiryangoremezo, imiryango y'Agisiyo Gatolika n'andi makoraniro kugira ngo bunganire ibitangirwa kuri paruwasi. Nyamara ariko abo mu rugo ubwabo bishoboreye byinshi, bagiye basengera hamwe bagasangira Ijambo ry'Imana bahigira cyane.
Abo mu rugo baba mu miryango cyangwa amakoraniro abahugura bakwiye kugira ishyaka ryo kubigeza kubo babana mu rugo. Si ukuvuga ngo bose binjire mu muryango umuntu arimo, ndetse ibyiza ni ukwubaha amatwara meza ya buri wese, ariko mu bwubahane abantu bagahitamo iby'ingenzi bahuriraho, cyane cyane bakamenya icyo umukristu nyawe asabwa kutibagirwa.
Muri rya sengesho Yezu yatwigishije ntiyibagiwe no kutubwira gusaba ifunguro ridutunga. Urugo nyarwo rero rumenya gushyira hamwe rukorera iryo funguro. Kujya inama yo guteza imbere imibereho y'abagize urugo nayo ni inshingano ikomeye.
Urwo rugo tuzaharanira gukomeza kuko ari Kiliziya y'ibanze, muri ibi bihe rurugarijwe. Urugo niyo nkomoko y'ubuzima n'uburere bw'abantu. Bibiliya itwereka ko Imana irema yashatse ko habaho umugabo n'umugore, bakabyara bakororoka, bakarera..., Padiri Léonidas

araza kubitunyuriramo neza muri aka gatabo. Inyandiko ye irimo inyigisho nziza kandi z'ingirakamaro. Kugira ngo ingo zibe nyazo hagomba kubaho kwubaha ubuzima no gutoza kubwubaha. Ubwo buzima kandi butangira umuntu agisamwa. Nibyo P.Léonidas atubwira adusaba gufatanya kwamagana twivuye inyuma icyaha gikomeye cyo gukuramo inda.
Ubu hariho abantu bahagurukiye gusenya imiryango no kwoshya kwica inzirakarengane zigisamwa. Inyungu babifitemo izo zaba arizo zose ni ubugome, ni ubwicanyi bubi bwiyorosa imvugo zijijisha. Ni ibintu dukwiye kumenya ntitugwe mu ruzi turwita ikiziba.
Uwitwa Sophia Kuby, Umuyobozi nshingwabikorwa (Directeur Exécutif) w'umuryango witwa European Dignity Watch, ku itariki ya 27 Werurwe 2012 imbere y'Inteko nshingamategeko y'Ibihugu byishyize hamwe by'Uburayi, yamaganye za miliyoni zitagira ingano zitangwa ngo bashyigikire gukuramo inda, ndetse no gusenya imiryango. Yabazaga niba atari agahomamunwa kureka amafaranga aturuka ku misoro y'abaturage b'ibyo bihugu, ashorwa muri gahunda z'ubwangizi? Abo bamamaza gukuramo inda ndetse no kwerekana ko gutandukana kw'umugabo n'umugore ari ibintu byoroshye kandi bitagize icyo bitwaye ni nabo bashyigikiye ko ngo umugabo asezerana n'undi mugabo bakabana nk'abashakanye, cyangwa umukobwa n'undi. Iyo mibonano Bibiliya iyita amahano.Igitabo cy'Abalevi kiravuga kiti : "Umugabo ntazaryamana n'undi mugabo nk'uko aryamana n'umugore. Byaba ari ishyano"(Lev18,22). Ibyo Bibiliya yita ishyano, cya cyaha cyatumye Sodoma irimburwa (reba Int19,5-24) bo bavuga ko ari ibintu bisanzwe. Ubyamaganye bakavuga ko yasigaye inyuma.
Hari ibintu abantu benshi basa nabarangije kwemeza : ngo mu bihe tugezemo ibintu bifatwa gutya, maze bose bagatwarira iyo ribogamiye. Amajyambere si ukujya iyo bijya. Amajyambere ni ukugana aheza, hakwiye washishoje ugasanga habereye umuntu muzima uyobowe n'amategeko y'Imana, dore ko burya iteka ahuza n'umuco mwiza w'abantu kuko Nyagasani yayabanditse mu mutima.
Muri iyi n°36 murasangamo inyandiko nyinshi ziduha amakuru ku bintu bimaze igihe bibaye ariko byasize imbuto zirambye muri za paruwasi. Ntibyandikiwe rero gutangaza inkuru gusa, ahubwo ibyinshi birimo inyigisho. Mwisomere buri wese yishakiramo icyamufasha. Ndongera gusaba imbabazi abohereje "article" ntitangarizwe igihe. Biterwa ni impamvu nyinshi tutigengaho. Mubyihanganire kandi ntimucike intege dufatanye kubikosora. Ndagira ngo twishimire twese ko hari abapadiri benshi banditse kandi twizere ko bazakomeza.
Ubwo uyu mwaka wagenewe ingo (familles), hakenewe ibitekerezo byinshi byo kuzikomeza no kuzirinda ibyazonona. Habonetse nk'abaduhishurira amayeri yose akoreshwa mw'itangazamakuru asenya imiryango, akamamaza ubwicanyi, akogeza imyitwarire yanga ubusugi n'ubumanzi baba bakoze cyane.
Ahandi dukeneye ibitekerezo bisaba ubuhanga ni mu byerekeye umwaka wagenewe Ukwemera. Papa Benedicto XVI yifuza ko muri uwo mwaka abantu bakwibutswa ibyatangajwe n'Inama nkuru ya Vatican II, kimwe n'ibikubiye muri Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika. Uwashobora kudufasha kwumva agace ako ariko kose kari muri ibyo byemezoshingiro bya Kiliziya bigomba kutuyobora yaba atanze umuganda w'ingirakamaro.

Amahoro ya Nyagasani abane namwe mwese.

Padiri Fabiyani RWAKAREKE

TWESE HAMWE DUFATANYE KWAMAGANA TWIVUYE INYUMA ICYAHA GIKOMEYE CYO GUKURAMO INDA

Intangiriro

Gukuramo inda ni ukwica umuntu. Ibyo bikaba icyaha gikomeye imbere y'Imana ndetse n'amahano mu bantu kuko icyo cyaha gikorerwa umuziranenge udafite uburyo bwo kwirwanaho, kandi kenshi akavutswa ubuzima n'abari bafite inshingano zo kumurengera, nk'ababyeyi cyangwa abashinzwe kubungabunga ubuzima muri rusange. Icyo cyaha gihanwa n'amategeko ya Leta ndetse n'aya Kiliziya.

Nyamara, muri iyi minsi, hari itegeko ryageze mu Nteko ishinga amategeko y'u Rwanda, aho ku ngingo yaryo ya 165, riha umugore uburenganzira bwo gukuramo inda maze ntakurikiranwe n'amategeko. Twemere se ko amategeko acira inzirakarengane urwo gupfa bene ako kageni ? Twicecekere se? Oya, ntitugomba kuruca ngo turumire, ni ngombwa kwamagana iryo tegeko kuko ryemera urupfu rw'abaziranenge.

Muri iyi nyandiko, tugiye kurebera hamwe igihe ubuzima bw'umuntu butangirira, tuvuge ku cyaha cyo gukuramo inda n'itegeko ribyemerera abagore ndetse n'icyo abantu b'ingeri zinyuranye babivugaho twibanda cyane cyane ku buyobozi bwa Kiliziya gatolika.

Nk'uko Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika ibishimangira, ubuzima bw'umuntu bugomba kubahwa no kurindwa ku buryo budasubirwaho guhera mu isamwa (n°2270).

1. UBUZIMA BW'UMUNTU BUTANGIRA RYARI ?

Umuntu atangira kuba umuntu ryari ?

1.1. Umuntu mu gitekerezo cy'Imana

Igihe cyose Imana ifashe umwanzuro wo kurema umuntu, ibikora ifite impamvu igaragara. Rugikubita, tubona mu Gitabo cy'Intangiriro, Imana irema Muntu mu ishusho ryayo maze ikamuha n'ubutumwa : "Nimwororoke, mugwire, mukwire isi yose, muyitegeke"(Intg1,27-28). Ku Mana, nta muntu ubaho ku bw'impanuka kuko byose biba biri mu mugambi wayo. Imana irema umuntu wese ifite icyo imuteganyiriza.

Iyo turebye mu Byanditswe Bitagatifu, dusanga Uhoraho atora inkoramutima ze mbere y'ivuka ndetse na mbere yo gusamwa. Mu gitabo cya Yeremiya, tubona uburyo Imana ihamagarira Yeremiya uwo kuba umuhanuzi, imubwira iti : "Ntarakuremera mu nda ya nyoko, nari nkuzi; nakwitoreye utaravuka, nkugira umuhanuzi w'amahanga" (Yr1,5). Biravuga rero ko Uhoraho yari yaritoreye Yeremiya na mbere ataranavuka, kandi yaramuteganyirije n'ubutumwa azakora.

Umugaragu w'Uhoraho, mu gitabo cy'umuhanuzi Izayi, nawe ati: "Uhoraho yampamagaye ntaravuka; nkiri mu nda ya mama, izina ryanjye yararivugaga"(Iz 49,1b). Turabona ubutorwe bw'uwo mugaragu akiri mu nda ya nyina nk'uko akomeza abishimangira: "Uhoraho yabyivugiye, we wandemeye kumubera umugaragu kuva nkiri mu nda ya mama" (Iz 49,5).

Ndetse na mbere yo gusamwa Imana iba idufite mu bitekerezo byayo. Dufate urugero rwa Samusoni dusanga mu gitabo cy'Abacamanza: "Noneho ugiye gusama, ukazabyara umuhungu"(Abac 13,3), "azegurirwa Imana akiri mu nda ya nyina, kandi akaba ariwe uzatangira kugobotora Israheli mu biganza by'Abafilisiti"(13,5). Tukabona integuza y'ivuka rya Yohani Batisita mbere y'uko asamwa (Lk1,5-20) ndetse na Pawulo ati: „"Umunsi uwanyitoranyirije nkiri mu nda ya mama yampamagaye" (Ga1,15). By'agahebuzo, tukabona integuza y'ivuka rya Yezu (Lk1,26-38). Umwanditsi wa Zabuli nawe ati : "Nkiri n'urusoro, amaso yawe yarambonaga; iminsi wangeneye yose yari isanzwe yanditse mu gitabo cyawe, na mbere y'uko umwe muri yo utangira kubaho"(Z 139 (138), 16). Izo ngero ni zimwe mu zindi zitabarika dusanga mu Byanditswe Bitagatifu. Tumenye rero ko buri wese, na mbere yo gusamwa, aba ari mu gitekerezo cy'Imana ndetse inamufiteho umugambi.

1.2. None se umuntu atangira kubaho ryari ?
Ku buryo bufatika, butari mu bitekerezo gusa, umuntu wese agira igihe atangirira kubaho. Umugabo n'umugore, mu rugo rwabo, bagira uburyo bwabo bitegura kwakira abana bazabyara. Nabo babanza kubateganya mu bitekerezo byabo. Nyamara ntibahera mu ntekerezo no mu byifuzo gusa, ahubwo bagera aho babishyira mu bikorwa.
Mu gihe rero intanga-ngabo ihuye n'intanga-ngore, umuntu mushya aba atangiye kubaho. Ubuzima bw'umuntu butangira umwana agisamwa. Ni ngombwa kubimenya no kubyiyumvisha neza nta kubica hirya cyangwa se kubyita ukundi kubera inyungu n'amaronko bamwe baba bishakira !
Mu itangazo bashyize ahagaragara ku itariki ya 17 Ukuboza 2010, Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bashimangira iryo hame : « Turongera guhamya dukomeje ko ubuzima bw'umuntu ari impano ikomeye y'Imana Rurema, ko rero bugomba kubahwa no kurengerwa kuva agisamwa kugeza igihe Imana imuhamagariye ». Barakomeza bakangurira buri wese kumenya ko n'inda itaravuka aba ari umuntu ufitanye umubano nyawo n'Imana ubwayo, ndetse n'abandi bantu. Bifashisha urugero rwa Yohani Batisita wisimbije mu nda ya nyina Elizabeti yumvise indamutso ya Mariya (Lk1,41). Ndetse n'inzobere mu bumenyamuntu zemeza ko n'umwana ugisamwa aba ari umuntu rwose, ko rero akwiye kwakirwa akarengerwa kuko akunda kandi agakenera gukundwa.
None se koko igi riri mu nda ya nyina twatinyuka kuryita umuntu ? ngo iyo ataravuka ntaba araba umwana ? ngo ni igi rizahinduka umuntu rivutse nk'uko igi ry'inkoko atari inkoko ? Ese umuntu yagereranywa n'inkoko ?
Nyamara bamwe mu basesenguzi bagerageza gushyira ubuzima bw'umuntu mu byiciro bitatu :
- Agitangira kubaho, agisamwa n'igihe cyose agikurira mu nda ya nyina
- Akivuka n'igihe cyose ari ku isi
- Igihe amaze gupfa, nyuma y'ubuzima bwo ku isi. Niyo mpamvu tugomba kubaha umurambo, no kujya tumwibuka no kumusabira.

Nta kubica hirya rero cyangwa se kubyita andi mazina yo kubyoroshya no kubihindurira inyito, ubuzima bw'umuntu butangira agisamwa, akiri mu nda ya nyina. Umwana uri mu nda ya nyina ni umuntu wuzuye, iyo umwishe uba wishe umuntu. None se koko hari impamvu ishoboka yakwemerwa yatuma umwana akurwa mu nda ya nyina igihe cye cyo kuvuka kitageze ?

2. ICYAHA CYO GUKURAMO INDA

Gukuramo inda ni uguhagarika ubuzima bwatangiye mu nda y'umugore. Hari impamvu ebyiri zituma inda zishobora kuvamo igihe cyazo cyo kuvuka kitageze :
- Impamvu z'uburwayi, nta bushake, byizanye ntawe ubigizemo uruhare ;
- Icyemezo cyo gukuramo inda ku bushake, igakurwamo n'uyitwaye mu gihe atayishaka.

Bavuga ko inda yavuyemo iyo umwana avuye mu nda ya nyina mbere y'uko igihe cyo kuvuka kigera. Bavuga ko inda yavuyemo igihe bibaye nyuma y'uko habayeho guhura kw'intanga-ngabo n'intanga-ngore. Hari uburyo bwinshi bwo gukuramo inda. Ariko biterwa n'ingano y'umwana uri mu nda : hari uburyo bwo kunyunyuza inda y'iminsi mike (aspiration menstruelle), ni ugukuramo inda ikiri nto cyane hakoreshejwe ibyuma ; hari ikinini cya bukeye kibuza umura kwakira urusoro. Amaherezo rurapfa ; hari agahadiko gafite akamaro ko kubuza urusoro gushinga imizi mu mura, kabuza urusoro kubaho. Nako gahagarika ubuzima bwamaze gutangira.
Kuvanamo inda ku bushake bikorwa iyo umugore atifuza kugira umwana mu gihe aba yaramaze gusama. Umugabo n'umugore nabo bashobora kubikora babyumvikanyeho bakitabaza umuganga.

Kugeza ubu, hano iwacu mu Rwanda, gukuramo inda ku bushake birabujijwe kandi ni icyaha gihanwa n'amategeko. Nyamara, muri iyi minsi, mu gihugu cyacu, hari umushinga w'urwunge rw'amategeko ahana aho ku ngingo ya 165 bemerera abagore n'abakobwa gukuramo inda bidafashwe nk'icyaha cyo kwica.
Kuri iyo ngingo tubonamo ukutaryozwa icyaha cyo gukuramo inda. Nta buryozwacyaha ku mugore no ku muganga wakuyemo inda bitewe n'imwe
mu mpamvu enye zikurikira :
-utewe inda n'umuntu mufitanye isano ya hafi kugera ku gisanira cya 2, ni ukuvuga musaza wawe, so ukubyara, umwana wawe,…
- kuba umugore yatwaye inda atayishaka kubera gukoreshwa imibonano mpuzabitsina ku ngufu
- kuba umugore yarashyingiwe ku ngufu
- igihe umubyeyi atwite inda ishobora gutuma abura ubuzima bwe ndetse n'ubw'umwana.
Imwe muri izi mpamvu uko ari enye yemezwa n'abaganga batatu ndetse n'iperereza ryakozwe na polisi. Izi nzego nizo zemeza ko inda ivanwamo. Ku bw'iyi ngingo rero, umugore afite uburenganzira bwo guhitamo kureka uwo mwana akazavuka, akabaho cyangwa gukuramo iyo nda kuko iyo ayikuyemo adakurikiranwa n'amategeko ; iyo yugarijwe akayivanamo, ntafungwa.
Nubwo tuzi ko igihe habaye gusama, ubuzima buba bwatangiye ku kiremwamuntu, iyo ngingo yemeza ko kuri izo mpamvu enye ubwo buzima bw'ikiremwa gishya buba bwatangiye mu nda y'umugore bushobora kuvanwamo ! Ngo hakaba rero hashimangiwe uburenganzira bw'umugore ! Ubw'ibanze bw'uwo mwana bwo kubaho se kuki butakwitabwaho ?
None se hari ikibazo iryo tegeko ryaba riteye ?
Ku mpamvu ya kane, iyo inda ibangamiye ubuzima (santé) bw'umubyeyi n'umwana, mu gukiza umubyeyi, inda ishobora kuvanwamo. Ku zindi mpamvu eshatu zisigaye, turabonamo ibibazo umuntu ashobora gusigara yibaza :
- Yego nibyo, turabyemera, umugore afite uburenganzira, nyamara n'umwana afite uburenganzira bw'ibanze bwo kubaho. Kuki wavuga uburenganzira bw'umugore wirengagije ubw'umwana ? Bwose buragendana.
- Igihe cyose hari umuntu ugomba gupfa burya kiba ari ikibazo gikomeye cyane, kwemerera abantu gukuramo inda ni uguhagarikira ubwicanyi (Assassinat assisté).
- Umubyeyi ndetse n'umuganga bakagombye kubungabunga ubuzima bw'umwana nibo bahawe uburenganzira bwo kumwica ? Ni akumiro ! Nibo bahawe uburenganzira bwo kubusenya ? Icyo gihe isano iri hagati y'umubyeyi n'umwana irahangirikira cyane.
- Ese birakwiye gukemuza ikibazo ikindi ? Ni aka ya mvugo ngo « Ishyano rimarwa n'irindi » ! Kwica umwe ugakiza undi ntibivuga ko uwo wundi atapfuye, ni ngombwa rero kumaranira ko bombi bakira.
- Indangagaciro z'umuco nyarwanda zirahangirikira cyane
- Ni kuki abadafite icyaha, inzirakarengane, abaziranenge aribo bakwicwa ? Barazira iki ?
- Niba twese twemeranywa ko umwana uri mu nda ya nyina ari umuntu, nitwemeranywe rero ko gukuramo inda ari ukwica umuntu, ni icyaha, ni amahano. Kuki amategeko yakwemera ubwo bwicanyi ?
- N'umwana uri mu nda ya nyina afite uburenganzira bwo kubaho. Kubera iki yabuvutswa ?
- Kuki umwana ariwe wacirwa urwo gupfa aho guhana abanyabyaha ? Kuki hatashakishwa izindi ngamba aho kwica umuziranenge ?
- Abatora aya mategeko uwabashyira mu mwanya wa bariya bana barimo bacira urwo gupfa babyifatamo bate ?
- Babyeyi, muzasubiza iki mu rubanza rw'izo mpinja muzaba mwaratumye zitahira zitabonye izuba ?
« Babyeyi mukinisha gukuramo inda, nimusigeho ! » Uwo ni umwanzuro w'Ibaruwa uruhinja

rukiri mu nda rwandikiye nyina, inkuru yateguwe na padiri Mwumvaneza Anaclet, dusanga mu kanyamakuru « Ba intumwa y'ubutabera n'amahoro » , n°30, Noheli 2010, pp.75-77.
Twese rero, duhaguruke, dufatane urunana, turwanye twivuye inyuma icyaha cyo gukuramo inda.

3. ESE KOKO TWEMERE KO HARI IGIHE UMUNTU YABA YEMEREWE GUKURAMO INDA ?

Gukuramo inda ku bushake ni ubwicanyi, ni ukwica ubuzima bw'umuntu. Ntibyemewe na rimwe. Ni icyaha gikomeye. Uburyo ubwo ari bwo bwose bukoreshwa mu gukuramo inda burabujijwe, nta n'impamvu yemewe yatuma umuntu akuramo inda.
Ijambo ry'Imana ritubwiriza kubaha ubuzima iyo buva bukagera. Tubona agaciro k'umuntu gashyirwa imbere (Intg1,26-27) ; duhamagarirwa kandi kurinda ubuzima bw'intungane (Iyim23,7) ; ndetse tukaba dusabwa gukunda bagenzi bacu « nk'uko twikunda » (Mt22,39).

3.1. Amateka ya Kiliziya se yo abivugaho iki ?

Guhera mu gihe cy'Abakurambere ba Kiliziya, ubukristu bwarwanyije ku buryo bugaragara icyaha cyo gukuramo inda. Akenshi na kenshi, Abakurambere ba Kiliziya bahanganye n'ubwicanyi bwibasira abana cyane cyane bashaka kwerekana ko mu gikorwa cyo gukuramo inda, uretse guhohotera ubuzima, hari n'ikindi kijyanye no kwangiza umubano uri hagati y'abana n'ababyeyi babo.
Terituliyani yahoraga akangurira abantu kubaha ingobyi. Yaravugaga ati : "Nk'uko tutemerewe kwica uwavutse ntitunemerewe kwica ugiye kuvuka". Ashaka kwerekana uburyo ingobyi igomba kubaho yaravugaga ati : "Uzaba umuntu mu minsi izaza yatangiye kuba we". Abatagatifu Yeronimo na Agustini nabo barwanyije bivuye inyuma icyaha cyo gukuramo inda.
Inzego z'ubuyobozi bwa Kiliziya zo se zabivuzeho iki ?
Papa Sixte wa 5, mu nyandiko ye yise "Effraenatam" yo ku wa 29/10/1588, yemeje ko ibihano byose bigenwa n'inzego za Kiliziya ndetse n'iza Leta byafatirwa abantu bose bakuramo inda igihe cyose yaba imaze. Yemeje kandi ko icyo cyaha gikizwa na Papa wenyine.
Papa Gregori wa 14, mu nyandiko ye yise "Sedes Apostolica", yo ku wa 31/05/1591, yashimangiye igihano cyo gufungirwa amasakramentu ku muntu wakuyemo inda maze icyo cyaha kigakizwa na Papa wenyine.
Papa Piyo wa 11, mu nyandiko "Casti Connubii" yo mu w'1930, yavuze ko Imana ihorera amaraso y'inzirakarengane ayitakambira yamenywe. Ikintu cyose kibangamira ubuzima kigomba kwamaganwa.
Papa Piyo wa 12, tumukesha inyigisho itomoye ya Kiliziya : umuntu wese, yewe n'umwana uri mu nda ya nyina, afite uburenganzira ku buzima yahawe n'Imana ubwayo yonyine. Piyo wa 12 yagaragaje aho Kiliziya ihagaze ku byerekeranye n'ikibazo cyo gukiza ubuzima bw'umugore ushobora guhitanwa nd'inda atwite. Kuri we, niba nta kindi gishoboka cyakorwa mu gukiza umugore n'umwana, aho kubabura bombi, ni ngombwa rwose gukiza ubuzima bw'umugore. Icyo gikorwa ntitwacyita ubwicanyi kuko butagambiriwe.
Inama nkuru ya Kiliziya yabereye i Vatikani ubwa kabiri, yemeza ko ubuzima bugomba kurindwa ku buryo bwose kuva umuntu agisamwa. Gukuramo inda no guhotora abana ni ibyaha bikabije (Vatikani ya 2, Kiliziya muri ibi bihe turimo, n°51,3).
Tukabona rero ko gukuramo inda ari ubwicanyi bubi bukwiye kwamaganwa ndetse n'ababugiramo uruhare bose bagomba kwamaganwa nk'abandi bicanyi iyo bava bakagera.

3.2.Amategeko y'u Rwanda n'umuco nyarwanda byo bibivugaho iki ?

Itegekonshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryemeza ko ubuzima bw'umuntu butangira igihe habaye isamwa kandi ko gukuramo inda bihanwa n'amategeko keretse gusa hari impamvu

z’ubuzima. Iryo tegeko ridukangurira guha ubuzima agaciro. Na none kandi, risaba kurengera ubuzima bw’umuntu ntibuhungabanywe.
Itegeko n°43 ryo kuwa 18/05/1970 rihana umugore utwite ukuyemo inda keretse byemejwe ko yagira ikibazo cyo gupfa. Ryaje gusimburwa n’irindi tegeko n°21-77 ryo kuwa 18/08/1977 rifata gukuramo inda nk’icyaha cyo kwica umwana rikaba rihanisha igifungo cyo kuva ku myaka itanu kugera ku icumi.
Itegeko n°27/01 ryerekeye uburenganzira bw’umwana n’uburyo bwo kumurinda ihohoterwa ryasohotse mu Igazeti ya Leta n°23 yo kuwa 1/12/2001 ryemejwe ku ya 28/01/2001 ritangira gukurikizwa ku ya 1/12/2001.
- Ingingo ya 4 yaryo igira iti : “Buri mwana afite uburenganzira bwo kubaho kuva agisamwa. Gukuramo inda ku bushake birabujijwe keretse gusa ku mpamvu no mu buryo biteganywa n’amategeko”.
- Ingingo ya 30: uwikuyemo inda ku bushake ahanishwa igihano cyo gufungwa kuva ku myaka itanu kugeza kuri cumi n’itanu. Uwagerageje gukuramo inda ahanishwa igifungo cyo kuva ku mezi atandatu kugeza ku myaka itatu.
- Ingingo ya 31 : uzakuramo umugore inda nyirubwite atabyemeye azahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri kugeza kuri burundu. Mu gihe babyemeranyijweho, uzamukuramo inda azahanishwa igifungo kuva ku myaka itanu kugeza kuri cumi n’itanu. Iyo nyir’ukuyikuramo atabigambiriye ahanishwa igifungo kuva ku mezi atatu kugera ku myaka itatu.
Ku ruhande rw’abahagarariye société civile mu Rwanda, gukuramo inda ni ibintu binyuranyije n’umuco nyarwanda bikananyuranya n’amahame abanyarwanda batoye mu itegekonshinga.
Iyo dusesenguye indangagaciro z’umuco nyarwanda, dusanga gukuramo inda bitarimo. Ahubwo kuva kera na kare, umuco nyarwanda ntiwashyigikiraga ko umwana w’umukobwa atwara inda atarongowe ngo abe atunzwe n’umugabo uzwi. Abakurambere bacu babonaga ko guca ukubiri n’uwo muco mwiza bishobora gukururira igihugu ibyago. Byafatwaga nk’ibishobora kwanduza igihugu, bigashobora no kuba byagikururira amapfa n’ibindi byorezo. Uwabaga yagaragaweho no gutwara inda yafatwaga nk’ishyano akajyanwa kurohwa, imiryango ikanywa amasubyo, igakora n’indi mihango bigendanye.
Wenda ubu haba harimo gukabya kwica umuntu azira ko yatwaye inda y’indaro nyamara ni ngombwa cyane ko twahaguruka tugakumira ibituma izo nda zitwarwa, tukamagana ubusambanyi n’indi myitwarire ibuganishaho ndetse tugafata ingamba zihamye zo kurinda abafatwa ku ngufu. Mu muco nyarwanda harimo ingamba zo gukumira icyo cyaha mbere y’uko kiba. Ni kuki tutawufatiraho urugero ?
Ntitwakwirengagiza kandi ko n’ibinyendaro ari abana nk’abandi ndetse ko bafite uburenganzira nk’ubw’abandi bana, kandi nabo bavamo abantu b’ibihangange iyo babonye uburere bwiza, hari ingero nyinshi tuzi ndetse tutibagiwe n’izo dusanga mu Byanditswe Bitagatifu. Dukwiye rero kumvikanisha ijwi ry’abadashoboye kwivugira ko gukuramo inda ari ukwica umuziranenge kandi yari kuzavamo umuntu ukomeye utakeka.
3.3. Abanyamadini bo se babibona bate ?
Abanyamadini nabo babona gushyigikira itegeko ryo gukuramo inda ari ubwicanyi nk’ubundi bwose. Dr Pastor Rick Warren asanga gukuramo inda ari icyaha gikomeye nk’ibindi. Gukuramo inda abifata nko kwica kuko uba ubujije ubuzima uwabuhawe n’Imana cyane ko ubuzima bw’umuntu butangira agisamwa.
Mgr Onesphore Rwaje we abona ko ari ngombwa kureba uburyo hakumirwa ndetse hakiri kare ikibazo cyo gufatwa ku ngufu hadatowe itegeko rishyigikira gukuramo inda.
3.4. Amategeko ya Kiliziya n’Abepiskopi bo mu Rwanda babyumva bate ?
Mu mategeko ya Kiliziya, nk’uko tubibona ku ngingo ya 1398 y’igitabo cy’amategeko ya Kiliziya, uwakuyemo inda ahanishwa gufungirwa amasakramentu, yewe n’igihe ubuyobozi

bwa Kiliziya buba butarabitangaza, ni ukuvuga ko igihe cyose icyaha gikozwe, ugikoze ahita afungirwa amasakramentu. Afungurirwa n'Umwepiskopi wa Diyosezi.
Abashumba bacu bo se babibona bate ?
Mgr Vincent Harolimana, Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri, ku munsi ahabwaho ubwepiskopi, ku itariki ya 24 Werurwe 2012, yaravuze ati : "Mbararikiye mwese gushyira ingufu mu kurengera ubuzima bw'umuntu kuva agisamwa kugeza igihe Imana yigeneye. Twibuke ko ubuzima ari ingabire y'Imana igomba kubahwa. Twamagane abashaka kubukinisha. Itegeko ry'Imana riratubwira ngo : NTUZICE".
Mgr Smaragde Mbonyintege, Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda, ati : "Ntabwo dufite ubushobozi bwo kurihagarika ariko niriramuka risinyweho, tuzagaragaza uko tubibona nk'abakristu, ko gukuramo inda ari
ubwicanyi nk'ubundi bwose". Gukuramo inda ni icyaha gihanwa n'Imana kandi no mu mategeko agenga umwuga w'ubuganga, gufasha umuntu gukuramo inda ubigambiriye ni amakosa ahanwa.
Mu itangazo ry'Inama y'Abepiskopi bo mu Rwanda ryashyizwe ahagaragara ku itariki ya 17/12/2010 rivuga ku byerekeye kurengera ubuzima no kwamagana icyaha cyo gukuramo inda, Abashumba bacu baratwibutsa inshingano yo kubaha no kurengera ubuzima abantu bakesha ubuntu n'urukundo rw'Imana. Baradusaba kwamagana twivuye inyuma icyaha gikomeye cyo gukuramo inda.
Barakomeza bashimangira ko gukuramo inda ku bushake ari ukwica umuntu. Baramagana abantu bakwirakwiza ibitekerezo bicyoroshya kugeza n'aho bagipfobya bitwaje uburenganzira n'ubwisanzure bw'umugore bityo bakirengagiza nkana ubw'umwana.
Bamagana by'umwihariko 'Amasezerano y'i Maputo' yo kuwa 11/07/2003 cyane cyane ingingo ya 14 yayo 'irebana n'uburenganzira bwo gukuramo inda nk'uburenganzira bw'umugore mu kwishyira ukizana, ndetse nka bimwe mu bisubizo by'ikibazo cy'ubwiyongere bw'imyororokere'. Abepiskopi barashimangira : "Twongere tubisubiremo gukuramo inda ni ukwica umuntu; ni no kumuvutsa uburenganzira bw'ibanze, ari nabwo ubundi bwose bushingiraho", gukuramo inda ni icyemezo cyo kwica umuntu.
Nidufatanye rero dushake umuti wo gusama bidakenewe, naho uwo kwica tuwamagane. Twirinde ubusambanyi n'izindi ngeso mbi zose.

UMWANZURO

"Dufatiye ku muco w'abanyarwanda no ku nyigisho duhabwa n'Ivanjili ya Kristu, dufite inshingano zo kurengera ubuzima no kubwubaha ubudahwema" (Itangazo ry'Abepiskopi bo mu Rwanda).
Turasaba abarebwa n'icyo kibazo bose cyane cyane abiga bakanashyiraho amategeko u Rwanda rugenderaho, abakora iby'ubuvuzi n'umuryango nyarwanda muri rusange, kudaha urwaho imyumvire idahwitse ku buzima bwa muntu, ikirengagiza agaciro nyako k'umubyeyi n'ak'umwana nk'inzirakarengane (itangazo).
Mu gusoza, turasaba abayobozi b'igihugu cyacu gutakambira Nyagasani ingabire y'ubushishozi, maze ntibemere gusinya ririya tegeko; turasaba abanyarwanda bose kuryamaganira kure kuko ritandukanye n'umuco nyarwanda; turasaba abakristu kumenya abo bari bo no gukomera ku wo bemeye utubuza kwica n'ibindi bijyanye nabyo; turasaba abantu b'umutima mwiza gushyira mu gaciro maze twese hamwe dufatane urunana twamagana icyaha cyo gukuramo inda. Twese hamwe, twunge mu rya Rugamba tuti : "impinja ntizigapfe".

Padiri Léonidas NGARUKIYINTWARI
Paroisse Kinunu

TUMENYE IMIKORERE Y'INAMA Z'ABABYEYI KU BIGO BY'AMASHURI N'INSHINGANO ZA KOMITE Z'ABABYEYI.

Tugendeye ku ihame ko uburezi bw'umwana ari nshingano ya buri wese, duhereye kandi ku itegeko ngenga n°20/2003 rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 3 Kanama 2003 rigena imiterere y'uburezi rifite intego yo gushimangira no kugaragaza uburyo bwo kunoza ubufatanye hagati y'ababyeyi, abarimu n'abandi bose bafite uburezi mu nshingano zabo, tubona neza ko buri wese agomba kugira uruhare mu migendekere myiza y'uburezi nk'imwe mu nkingi z'iterambere kuri roho no ku mubiri ku banyagihugu abo aribo bose. Ikigamijwe muri iyi nyandiko ni ugukangurira buri wese muri rusange n'abafatanyabikorwa mu burezi ku buryo bw'umwihariko gukangukira kumenya inshingano zabo n'umwanya ukomeye bafite mu guteza imbere uburezi bufite ireme. Turamutse twese dushyize hamwe imbaraga nta wirengagije inshingano ze cyangwa ngo yibagirane mu bafite uruhare mu guteza imbere uburezi, twagira abanyeshuri bafite ubumenyi, umuco, ubupfura, bazi aho bava n'aho bagana, bubaha abantu bagakunda n'Imana. Intego z'iyi nyandiko ni izi zikurikira :

- Kumenya inshingano z'abagize komite z'ababyeyi
- Kumenya aho komite z'ababyeyi zihurira n'abayobozi b'ibigo
- Imikoranire ya komite n'ubuyobozi bw'ikigo

1. INYITO Y'IKIGO CY'ISHURI

Ishuri twavuga ko ari nk'ishyirahamwe ry'ababyeyi n'abarimu bagamije guteza imbere uburezi kuri icyo kigo (PTA :parents and teachers association).

2. ABAGIZE IKIGO CY'ISHURI

- Ababyeyi bose barerera kuri icyo kigo
- Abarezi bose bo kuri icyo kigo
- Abanyeshuri
- Nyir'ikigo (ashobora kuba Leta, umuntu ku giti cye, itorero/idini cyangwa ishyirahamwe rigamije guteza imbere uburezi).
- Ubuyobozi bwa Leta
- Abandi bakozi bo mu kigo : abazamu, abakora isuku…

3. INTEKO RUSANGE Y'ISHURI

Inteko rusange y'ishuri ni rwo rwego rw'ikirenga rwaryo mu birebana n'imyigire, imyigishirize n'imibereho myiza.

Abagize inteko rusange y'ishuri

- Ababyeyi bose barerera kuri icyo kigo
- Abishingizi bemewe n'amategeko ku bana badafite ababyeyi
- Umuyobozi w'ikigo ari nawe munyamabanga
- Abarimu bose bo kuri icyo kigo
- Abandi bakozi bakorera kuri icyo kigo : abazamu, abashinzwe isuku…
- Abanyeshuri bahagarariye abandi (baba baratowe na bagenzi babo)
- Nyir'ikigo n'abamuhagarariye kuri icyo kigo batarenze batatu ku mashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano n'ayigenga.
- Undi muntu wese wemerewe n'inteko rusange (ashobora kuba umuterankunga igihe akihafite ibikorwa, umuhanga ubunganira mu bitekerezo by'icyo bagamije gukora : ashobora kuba agronome, vétérinaire…).
- Umukozi w'Akarere ukorera mu Kagari ishuri ryubatsemo
- Umuyobozi w'umudugudu ishuri ryubatsemo.

4. INSHINGANO Z'ABAGIZE INTEKO RUSANGE

Kugira ngo inteko rusange y'ishuri ishobore gutunganya neza inshingano zayo, yitoramo komite nshingwabikorwa. Inshingano z'inteko rusange y'ishuri zigamije gufasha ababyeyi kugira uruhare mu gufata ibyemezo, mu gutanga ibitekerezo ndetse no kumenya neza

ibikorerwa ku ishuri hagamijwe kuriteza imbere. Inshingano z'ingenzi z'inteko rusange ni izi zikurikira :
- Gushyiraho icyerekezo cyihariye cy'ishuri hagendewe ku ntego zaryo
- Gutanga ibitekerezo n'ibyifuzo ku birebana n'iterambere ry'ishuri ndetse no kubirebana n'ikemurwa ry'ibibazo bikomeye by'ishuri
- Kwiga no kwemeza amategeko ngengamikorere y'ishuri ndetse n'andi mabwiriza y'uburezi mu byerekeranye n'uburezi n'imicungire y'umutungo
- Kwiga no kwemeza ingengo y'imari no kugena umusanzu w'ababyeyi igihe ari ngombwa
- Gusuzuma no kwemeza ibizakorwa ku ishuri bahereye ku cyihutirwa
- Gukurikirana imicungire y'umutungo w'ishuri
- Gutora no guhagarika (bibaye ngombwa) abagize komite nshingwabikorwa y'inteko rusange y'ishuri
- Kugeza kuri komite nshingwabikorwa ibibazo n'amakimbirane igomba gukemura
- Kugenzura imikorere ya komite nshingwabikorwa
- Kwemeza raporo y'imicungire y'amafaranga y'ikigo
- Gushaka aho umutungo w'ikigo uzaturuka
- Gushakisha ibikoresho by'ishuri no gufata ingamba zo kubirinda
- Gusuzuma ibibazo bikomeye by'uburezi no kubifatira imyanzuro ikwiye
- Kugira inama umuyobozi w'ikigo mu bikorwa bijyanye n'imyigishirize ifite ireme
- Gutanga raporo

5. IMIKORERE Y'INTEKO RUSANGE :

Kugira ngo ishobore gushyira mu bikorwa ibyemezo byayo, inteko rusange y'ishuri yifashisha komite nshingwabikorwa. Ishuri ntiritanga igihembo ku bikorwa ibyo ari byo byose by'inteko rusange y'ishuri.

6. ABAYOBOZI B'INTEKO RUSANGE Y'ISHURI :
- Perezida utorwa mu babyeyi
- Visi-perezida utorwa mu babyeyi
- Umuyobozi w'ishuri ari nawe munyamabanga
- Abajyanama babiri batorwa mu babyeyi
- Umubitsi wayo utorwa mu barimu.

7. ITERANA RY'INTEKO RUSANGE
- inteko rusange isanzwe iterana kabiri mu mwaka :

1. Mu mpera z'igihembwe cya mbere kugira ngo irebe imigendekere myiza y'akazi
2.Mu mpera z'igihembwe cya gatatu kugira ngo isuzume ko ibikorwa byari byateganyijwe byakozwe no kugira ngo bategure ibikorwa by'umwaka w'amashuri ukurikiyeho. Itumizwa ry'inteko rusange rikorwa hasigaye byibura iminsi cumi n'itanu ngo iterane.

- Inteko rusange idasanzwe.

Inteko rusange idasanzwe ishobora guterana ikindi gihe bibaye ngombwa kandi igatumizwa hasigaye iminsi itanu ngo iterane. ICYITONDERWA : Inteko rusange iyoborwa na perezida, yaba adahari ikayoborwa na visi-perezida.

8. IBYEMEZO BY'INTEKO RUSANGE Y'ISHURI

Abagize inteko rusange bashyira umukono ku byemezo by'inteko ako kanya inama ikimara kurangira. Ibyemezo by'inteko rusange bifatwa ku bwiganze bw'amajwi. Iyo amajwi angana,

irya perezida ribarwa kabiri. Ibyemezo by'inteko rusange bishyirwa mu bikorwa na komite nshingwabikorwa (PTC: parents-teachers commitee).

9. KOMITE NSHINGWABIKORWA (PTC:Parents-Teachers Commitee).
Ni urwego rw'inteko rusange y'ishuri rushinzwe gushyira mu bikorwa ibyo inama y'nteko rusange yemeje.
10. ABAGIZE KOMITE NSHINGWABIKORWA
- Perezida utorwa mu babyeyi
-Visi-perezida utorwa mu babyeyi
- Nyir'ikigo cyangwa umuhagarariye
- Umuyobozi w'ikigo akaba ari nawe mwanditsi (NB.Ibiro bya directeur ni n'ibya komite nshingwabikorwa)
- Umubitsi (atorwa mu barimu agatorwa n'inteko rusange)
- Abajyanama babiri batorwa mu babyeyi (umugabo n'umugore)
- Abarimu babiri (umugabo n'umugore, batorwa n'abarimu hagati yabo kandi bagomba kuba bigisha kuri icyo kigo)
- Abanyeshuri babiri bahagarariye abandi (umuhungu n'umukobwa batorwa n'abanyeshuri hagati yabo)
Bose hamwe ni abantu 11
Uretse nyir'ikigo cyangwa umuhagarariye hamwe n'umuyobozi w'ishuri, abandi bagize komite nshingwabikorwa y'inteko rusange y'ishuri batorerwa igihe cy'imyaka ibiri gishobora kongerwa.
11. INSHINGANO ZA KOMITE NSHINGWABIKORWA
- Gushyira mu bikorwa ibyemejwe n'inteko rusange
- Gutegura inama z'inteko rusange
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'inteko rusange
- Kwita ku iyubahirizwa ry'amategeko, amateka n'amabwiriza y'ishuri agenga uburezi.
- Gukurikira imikoreshereze y'ingengo y'imari n'umutungo by'ishuri
- Gukurikirana imyigishirize n'imyigire
- Gukurikirana imyifatire n'imyitwarire y'abarimu n'abanyeshuri
- Gusuzuma ibibazo bikomeye by'ishuri no kugaragaza uburyo byakemuka
- Kugeza ku nteko rusange ingamba zigamije kunoza ireme ry'inyigisho n'imikorere myiza y'ishuri
- Gushyiraho gahunda ihoraho yo gusura abanyeshuri bafite ibibazo mu ngo iwabo no ku ishuri
- Gukurikirana abanyeshuri bataye ishuri, kubagira inama no guharanira ko barisubiramo
- Guhuza ishuri n'ababyeyi, abaturiye ishuri n'inzego z'ubuyobozi bwa Leta
- Inama ya komite nshingwabikorwa iterana buri gihembwe igatumizwa hasigaye iminsi cumi n'itanu, inama ya komite nshingwabikorwa idasanzwe itumizwa hasigaye iminsi itanu ngo iterane.
- Gushyikiriza ubuyobozi bw'umurenge raporo y'ibikorwa byo ku ishuri.
- Nyirikigo akurikirana imikorere y'inteko rusange y'ishuri agakurikirana n'imikorere ya komite nshingwabikorwa.
12. INSHINGANO Z'ABAGIZE KOMITE NSHINGWABIKORWA
A. PEREZIDA
- Kuyobora inama z'inteko rusange

- Kuyobora inama za PTC
- Guhuza ibikorwa byose bya PTC afatanyije n'umuyobozi w'ikigo
- Gukurikirana imikorere ya PTC
- Gusinya kuri konti

B. VISI-PEREZIDA
- Asimbura Perezida iyo adahari

C. UMUNYAMABANGA
- Gukora raporo z'inteko rusange z'ishuri
- Kubika raporo n'ibyemezo byose by'inteko rusange y'ishuri
- Kwandika ku buryo bwiza kandi agashyingura neza inyandiko z'inama
- Gusinya kuri konti.

D. NYIR'ISHURI
- Akurikirana imikorere ya PTC
- Kwitabira inama za PTC
- Kwitabira inama za PTA
- Guharanira icyateza ishuri imbere.

E. ABAJYANAMA BABIRI
- Gukurikirana no gutanga ibitekerezo n'inama mu micungire rusange y'ikigo
- Gufatanya n'umuyobozi w'ikigo n'abarimu mu kwita ku isuku y'ikigo n'abanyeshuri ndetse n'ibidukikije ku ishuri
- Gukurikirana no gutanga inama ku byerekeranye n'ubumwe n'ubwiyunge
- Gukurikirana no gutanga inama mu ikemura ry'ibibazo binyuranye by'ikigo

F. UMUBITSI
- Kubika umutungo w'amafaranga y'inteko rusange y'ishuri
- Gukora raporo y'imikoreshereze y'uwo mutungo
- Kubika inyandiko zose zirebana n'umutungo w'inteko rusange y'ishuri
- Gusinya kuri konti.

Umwanzuro :
Ababyeyi bakagombye kugira uruhare rugaragara mu micungire y'amashuri y'abana babo. Bakwiriye no guhabwa kandi bagasobanurirwainshingano zabo mu miyoborere n'imicungire y'amashuri, imyigire n'imyigishirize y'abanyeshuri kugira ngo ishuri rirusheho gutera imbere. Abafatanyabikorwa mu burezi nabo nibahabwe umwanya ugaragara mu byemezo bifatwa hagamije guteza imbere uburezi. Twese nidushyira hamwe imbaraga zacu, uburezi buzagira ireme.

Padiri Bernard KANAYOGE
Paruwasi ya Muhororo

Hifashishijwe inyandiko zikurikira :
- General inspectorate of education, quality standards in education for nursery, primary and secondary schools in Rwanda, Kigali, September 2009
- MINEDUC & CONCERN worldwide, Imiterere n'imikorere by'inama z'ababyeyi n'abarimu : Imbumbanyigisho y'amahugurwa agenewe abagize inama z'ababyeyi n'abarimu, Kigali 2009 .

SINODE, IMBARUTSO Y'ITERAMBERE MURI BUSASAMANA

Paruwasi ya Busasamana iri mu ma paruwasi yakomerekejwe na jenoside yakorewe abatutsi n'intambara zabikurikiye. Nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi n'ubwicanyi bwabaye muri 1997 abantu bamwe bibwiraga ko ibya Busasamana n'abayituye birangiye ariko ntibamenye ko agati kateretswe n'Imana gahungabanywa n'umuyaga ariko ntikagwe. Ibi byatewe n'inzangano, amacakubiri n'ibindi byose byasenye ubuvandimwe.

Mu kwitegura guhimbaza Yubile y'imyaka 2000 Umukiza atuvukiye no kuzirikana ko Inkuru nziza ya Yezu imaze imyaka 100 imenyeshejwe abanyarwanda. Kiliziya umubyeyi wacu yaduhaye umwanya mwiza wo kwitekerezaho ngo turebe kandi tugaye ko twabuze ubuvandimwe, tugatana, tukabangamira umugambi w'Imana yo itanga ubuzima idushishikariza Sinode idasanzwe ngo turebe ibyo twimitse bitandukanye n'Inkuru Nziza y'urukundo.

Sinode yakozwe i Busasamana yafashije abakristu kugarura agatege baratinyuka bavuga ubukristu bavuga ubuvandimwe. Iyo uhageze imbuto za sinode yakozwe zirakwigaragariza. Izo mbuto kandi zigaragarira mu mihigo bahize. Biyemeje ubwabo kwihatira guha agaciro gakomeye isano ibahuza y'ubukristu bakagendera kure ibibatandukanya. Bazi neza ko isano y'ubukristu isumba andi masano yose. Ibi byose bigaragarira mu mibanire yabo irangwa no gushyira hamwe muri byose kugira ngo paruwasi yabo irusheho gutera imbere.

Imibanire mu bakristu

Muntu yaremwe mu ishusho y'Imana (Int1.27). Imana ni urukundo ndetse n'ubuhemu bwa muntu ntibuyigamburuza ku rukundo rwayo. Nyuma yo gucumura muntu yitandukanije n'Imana ariko urukundo ruhoraho rwafashe umugambi wo kumugarura mu butoni yari yitesheje.

Nyuma yo kuzirikana bihagije k'urukundo Imana ikunda abantu, abakristu biyemeje kongera kubungabunga ubuvandimwe bakomora kuri Kristu. Sinode yababereye umwanya wo kwiyibutsa icy'Imana isaba muntu bagaharanira kubana bya kivandimwe, bakabana bakundanye, bubahana bagaha agaciro ibibahuza bagatera umugongo ibibatandukanya. Bumviye kandi inyigisho Yohani abaha aho asaba gukundana kuko urukundo rukomoka ku Mana ndetse n'Imana ubwayo ni urukundo bityo ukunda wese akaba Umwana w'Imana (Yh4.7-8). Bumvise ko bagomba gukundana bitari mu magambo gusa ahubwo mu migirire no mu bikorwa bya buri munsi. Bamaze kumenya ko bagize umuryango umwe ari wo Kiliziya. Bazi neza ko isano y'ubukristu bafitanye irenze kure andi masano yose. Iyo sano bayikomora ku Mana imwe yo rukundo ruzima twamenyeshejwe muri Yezu Kristu. Pawulo ati Kristu ni umutwe mwe mukaba ingingo z'umubiri we (1Kor12,27). Muri Kristu tugize umuryango umwe , bityo twese turi abavandimwe. Sinode yabafashije kumva neza iyo sano bafitanye, barenga ibyabacagamo ibice byose, bimika ibikorwa bibumbatira ubuvandimwe nyabwo, bihatira kurangwa n'isengesho riranga abunze ubumwe n'Imana.

Agaciro k'isengesho

Isengesho ni intwaro y'abana b'Imana Nzima. Abakristu nyabo barangwa n'isengesho rijyana n'ibikorwa. Isengesho rishyigikira umubano w'Imana n'abantu.

Abakristu biyemeje gusenga ubutitsa. Biyemeje gukunda no kwitabira igitambo cya Misa kuko ari isengesho rihebuje. Misa ibafasha kumva isano bafitanye n'Imana ndetse n'isano iri hagati yabo ubwabo. Mu Misa twibuka isengesho rya Yezu wasabiye abe kuba umwe nk'uko We na Se ari umwe (Yh17,21). Bihatira kandi gusenga banyuze ku Mubyeyi Mariya kuko ari We twarazwe ku musaraba. Biyemeje kujya basenga buri munsi banyuze ku Mubyeyi Mariya mu isengesho rya Rozali, kuko bamaze kumenya ko Rozali ari akabando k'umunsi. Mu kurushaho kunoza umubano ubahuza n'Imana, biyemeje gusenga ubutitsa cyane cyane mu ngo iwabo igihe babyutse batura Imana ibikorwa bari bukore, bagatura Imana abashyitsi

babagenderera ndetse na mbere yo kuryama bagashimira Imana ibyo yabagiriye umunsi wose banayisaba kubarinda mu ijoro. Imbuto z'ibyo zigaragarira mu kwitabira imiryangoremezo n'imiryango y'Agisiyo Gatolika n'andi makoraniro y'abasenga, kwitabira amasakramentu cyane cyane irya Penetensiya n'iry'Ukaristiya. Biyemeje kandi gushishikariza abasore n'inkumi gukunda no kwitabira Isakramentu ry'ugushyingirwa.
Biragaragara cyane. Bamaze kumenya ko Imana ari Yo Mugenga wa byose kuko umubare w'abagarukiramana wiyongera umunsi ku wundi, n'umubare munini w'abaza muri Kiliziya kugeza no kuri babandi umuntu atakekaga ko bagana Kiliziya. Sinode yaje ishimangira ko umubano w'Imana na muntu ubungabungwa n'isengesho ritaryarya. Mu isengesho twigana Umwami wacu Yezu kuko mu buzima bwe yaranzwe no gusenga ibihe byose. Yezu yahoranaga umubano mwiza n'Imana Data ndetse no mu bihe bikomeye.
Uretse kubungabunga umubano w'abantu n'Imana, isengesho ni ngombwa mu kubungabunga umubano w'abantu hagati yabo. Mu kubafasha kurushaho kunga ubumwe, abapadiri, abashumba babo bafite umugambi mwiza wo kwita ku ntama zose, cyane cyane izitameze neza. Abashumba babo babasura mu matsinda mato. Ku ntama zacitse intege. Kuko iyo gahunda itarakomera, basangwa mu ngo iwabo bityo hakuzuzwa ijambo Yezu yavuze ko Umushumba mwiza yita no kuri ya ntama yacitse ikava mu rwuri (Lk15,3-7). Padiri yihatira ko bose bagerwaho n'ubutabazi mu birebana n'Iyobokamana kandi akabashishikariza kugira roho nzima mu mubiri muzima ni nayo mpamvu iyo ugeze i Busasamana hagaragara iterambere.
Gushyigikira Kiliziya
Imana ntiyigeze itererana Busasamana kuko yabahaye abungeri batagamburuzwa n'iminsi. Ibi bigaragarira bose. Umugambi mwiza wo kwiyubakira paruwasi biyemeje basoza Sinode uragaragaza ko bamaze kumenya ko paruwasi izabeshwaho n'amaboko y'abana bayo. Babifashijwemo n'abapadiri babo, bamenye ko bagize umuryango umwe w'abana b'Imana kandi ko mu muryango buri wese atanga umuganda we kugirango barusheho gutera imbere ; buri wese afite uruhare rudasimburwa kurwirengagiza bikaba gutana.
Sinode yasigiye abakristu imigambi myiza bityo ubumwe n'ubufatanye byatumye batera imbere ku buryo bugaragara. Iterambere rya paruwasi rigaragarira buri wese ku buryo abashyitsi b'umurenge wa Busasamana bose berekezwa mu bikorwa bya paruwasi. Turabizi ko abashyize hamwe Imana ibasanga. Padiri Mukuru w'iyi paruwasi abaye intagereranywa kuko, ni moteri w'iterambere ry'iyi paruwasi. Abahanyura bose murabibona, si henshi uzasanga umuntu witanga atirondereza kugira ngo abandi babeho neza. Ashishikajwe n'iterambere rya paruwasi ku buryo iyo uhageze buri gihe uhasanga agashya kagezweho. Tubwiye abatahaheruka, iyo winjiye mu marembo ya Busasamana urenze inzu y'ikimenyetso cy'amahoro agomba kuranga abana b'Imana wakirwa n'ishusho nini kandi nziza yibutsa amateka y'ugucungurwa kwa muntu. Iyi shusho ya Bikira Mariya ajya gusuhuza Elizabeti Mutagatifu itwibutsa ko Mariya wari utwite Umucunguzi yazamutse imisozi miremire akajya gusura mubyara we ; ni ikimenyetso cy'urukundo. Iyi shusho ikugeza kuri Kiliziya isa neza cyane. Ubu ya Kiliziya twari tuzi yaravuguruwe ku buryo kunyagirirwa mu Kiliziya byabaye amateka. Ubu hasakajwe amabati ajyanye n'ibihe tugezemo. Umuhigo wa Padiri Mukuru wo kutazigera atora agatotsi atarabonera Uhoraho ingoro imukwiye aba arawuhiguye.

Kiliziya ya Busasamana
Iyi Kiliziya yasanywe n'ingufu z'abakristu ba paruwasi ndetse n'abandi bakunda paruwasi. Ibi bibaye nyuma y'igihe kirekire Padiri Mukuru ataryama ashakisha uburyo bwo gusanura iyi ngoro y'Imana. Yagiye henshi kandi kenshi kuko yari azi neza ko ari nta wundi uzakora iki gikorwa utari we. Gushyira hamwe kw'abapadiri n'abakristu kubyaye imbuto yo kwisanurira Kiliziya badategereje imfashanyo batazi aho izaturuka. Uretse iyi ngoro, paruwasi ni intangarugero mu buhinzi n'ubworozi.

Ikiraro gishya
Ikigega cya IABU

Iki kigega n'ikiraro cya kijyambere ni imbuto y'ubumwe bw'abemera b'i Busasamana bakomora kuri Kristu. Muri Sinode biyemeje kurangwa n'ubumwe no gushyira hamwe baharanira iterambere rya paruwasi yabo. Iki kigega gihunikwamo imyaka biyejereje bityo bigafasha mu kwigisha abahinzi bagashobora no gutubura imbuto. Iki kiraro na cyo kigenewe kororerwamo inka za kijyambere bigafasha no kwigisha aborozi. Ibi byagezweho kubera ubwitange bw'abasaserdoti. Nyuma yo kwigisha Ijambo ry'Imana no gutanga amasakramentu, abapadiri bihatira no guteza imbere abakristu babatoza gukora ibikorwa by'amajyambere. Muri paruwasi, Sinode yumvikanye nk'umwanya wo kurwanya amacakubiri no kwiyumvisha ko Imana yaduhamagariye kunga ubumwe muri Kristu. Bumvise ko ubuvandimwe nyabwo burangwa n'ubugiraneza, ubuntu n'imbabazi tubifashijwemo n'ukwemera kuyobowe n'Ivanjiri. Iyi migambi myiza irangwa no gufashanya, gushyira hamwe no kwigomwa kubera abandi. Mu mihigo biyemeje kandi kurwanya ubujiji n'ubukene kuko bibangamira ubuvandimwe.

Si mu rwego rwa paruwasi gusa usanga ibi bikorwa kuko hirya no hino mu ma santarali bashishikajwe no gutunganya aho basengera ndetse bamwe batangiye gutekereza n'aho Padiri yacumbika igihe abagendereye. Ubuhanuzi bwa Hagayi barabwumviye ntibagomba gutura heza naho Uhoraho atuye mu matongo (Hag1,4).

UMWANZURO

Ubuvandimwe buranga abemera bushingiye ku isano ihebuje bafitanye n'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu twahishuriwe na Yezu ku buryo budasubirwaho. Abafitanye isano n'Imana bazi kandi bemera ko Imana ari Yo yabakunze mbere. Bose ni abavandimwe kuko ari abana b'Imana. Ni abana b'Umubyeyi umwe.

Kristu ni we bumwe bwacu. Muri Kristu turi abavandimwe. Ubu buvandimwe tubukomora ku rukundo ruhebuje Imana idukunda. Yatwohereereje Umwana wayo w'Ikinege ngo yishyireho ibyaha byacu agira ngo dukire. Mu rupfu n'izuka rye, Yezu yaronkeye abantu bose kwitwa abana b'Imana. Ubwo buvandimwe tuburonkera muri Batisimu yo itugira abana b'Imana muri Kiliziya. Imana idutahamo iyo duhabwa Ukaristiya. Iyi sano dukomora ku Mana ihuza abantu bose bahuje isura y'urukundo. Yohani arabitubwira ko Imana iduhuza ari Urukundo (Yh4,8) akaba ariyo mpamvu tugomba gukundana. Yezu adusaba gukundana nk'uko yadukunze (Yh15,12).

Muri Sinode idasanzwe abakristu bumvise ko ari bo ngingo nzima za Kiliziya. Kiliziya ntabwo ari ishyirahamwe ahubwo ni umuryango w'abana b'Imana basangiye isano n'Imana. Abakristu b'i Busasamana bamaze kwiyumvisha ko isano n'igihango bakomora kuri Kristu bigomba kugira agaciro gatambutse andi masano. Ibi bifasha kumva neza ko ubukristu atari umurimbo cyangwa imihango ahubwo bugomba kugaragarira mu migirire no mu bikorwa. Ibi nibyo byatumye abakristu bumva neza umuco wo gufatanya muri byose.

Abakristu bamenye ko buri wese afite agaciro gakomeye kandi yihariye muri paruwasi, bityo buri wese agaharanira ko itera imbere abigizemo uruhare. Buri wese agenda ashyiraho umuganda we haba mu kwitabira imiryangoremezo, amakoraniro y'abasenga n'andi makoraniro. Gutahiriza umugozi umwe ni inzira y'iterambere. Abakristu bose bagendera hamwe barangajwe imbere n'abasaserdoti babo. Abishyize hamwe ntakibananira.

Diyakoni Emmanuel HAKIZAYEZU

(N.D.L.R) Yahawe ubupadiri taliki ya 14/7/2012.
Tumwifurije ubutumwa bwiza.

AMATEKA YA PARUWASI YA KIBUYE

Paruwasi ya Kibuye yitiriwe Mutagatifu Petero yubatse mu Mujyi wa Kibuye, Umudugudu wa Gatwaro, Akagari ka Kibuye, Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba.

PARUWASI DUHANA IMBIBI.

Paruwasi ya Kibuye ni imwe muri paruwasi 23 zigize Diyosezi ya Nyundo. Ikikijwe na paruwasi Mushubati mu Majyaruguru, paruwasi ya Birambo muBurasirazuba, paruwasi ya Mukungu mu Majyepfo, paruwasi Gisovu na Mubuga mu Majyepfo ajyana Iburengerazuba, naho Iburengerazuba bwayo hari ikiyaga cya Kivu.

Paruwasi ya Kibuye yubatswe nyuma y'izindi paruwasi bibangikanye ukuyemo paruwasi ya Mukungu.

Abakristu ba mbere bayivukamo,babarirwaga muri paruwasi Mushubati, Mubuga, cyangwa Birambo. Ikibanza cyayo cyatangiye gusizwa mu w'1960, ubwo Padiri Jean Pierre Kirsh yahageraga, agahabwa umusozi wa Nyamikenke wari wuzuye ibiti by'imigenge n'ibyatsi by'itete ngo ashake ikibanza.

Padiri Kirsh umuhanga mu bwubatsi, ntiyaciwe intege n'imiterere y'aho hantu, ahubwo yarahishimiye maze avumburamo amabuye meza, yatumye iyo Kiliziya ayubakisha amabuye kuva mu musingi kugeza ku gisenge. Ibyo byatangaje abantu benshi kuko byari bibaye ubwa mbere haboneka inzu (Ingoro y'Imana) yubatse mu mabuye. Ibuye ry'ifatizo ryashyizweho kuwa 14/08/1961, yuzuye hashize imyaka 4.Bamwe mu bafundi bayubatse baracyariho, abandi barapfuye. Abariho ni aba bakurikira: RUDAKEMWA François, KAYINAMURA Aloys, NYIRINGANGO Philippe, SIMBIZI Joseph. Abitabye Imana ni Petero NGIRINSHUTI, Stanislas SEBAKUNDA, GATARAYIHA....

Abakirisitu ba mbere paruwasi ya Kibuye yibarutse babatijwe na Padiri Kirsh, babatijwe ku wa 20/08/1960. Abo ni Déogratias MUNGWARAKARAMA na bagenzi be bamukurikiye muri Nzeri 1960. Padiri Kirsh yakoze umurimo ukomeye cyane mu Iyogezabutumwa kuko uko yubakishaga Kiliziya ni nako yigishaga Iyobokamana. Abenshi mu bakozi niwe wababatije.

Yubatse kandi Home St.Jean n'andi mazu yose yubakishije amabuye ari mu bukebe bwa paruwasi. Yavuguruye ibigo by'amashuri abanza nka Kibuye na Ruragwe.

Abakirisitu ba mbere ba paruwasi ya Kibuye basengeraga ku ishuri rya Kibuye, nyuma yaho bimukira kuri Chapelle iri haruguru ya Rond-point i Gatwaro, aho bita ku ishusho. Padiri Kirsh agiye muri konji iwabo muri Luxemburg yasigariweho na Padiri Lovens, nyuma yaje gufashwa na Clément KANYABUSOZO wahamaze igihe kitarenze umwaka umwe. Ni we mupadiri w'umunyarwanda wabanje muri paruwasi Kibuye. Undi mupadiri wabanye na Kirsh akanamusimbura ku buyobozi bwa paruwasi Kibuye ni Padiri Joseph SEKABARAGA. Ni umwe mu bapadiri barambye muri paruwasi Kibuye kuko yahamaze imyaka isaga icumi. Yakoze neza imirimo y'Iyogezabutumwa abona abakirisitu benshi baturutse mu bigo by'amashuri no mu bibeho.

Yubakishije Centrale Ruragwe, Nyabikenke..... padiri Joseph SEKABARAGA yabanye na padiri Schmetz na padiri Adrien NZANANA. Uyu padiri Adrien akaba yarasusurukije paruwasi ya Kibuye ashinga korali n'ubu ikiriho yitwa korali Urumuli. Yashyigikiye kandi imiryango y'Agisiyo gatorika y'urubyiruko (abasaveri, abasikuti,...) abakundisha imikino cyane umupira w'amaguru.

Padiri SEKABARAGA Joseph yasimbuwe na Padiri Robert MATAJYABO ku buyobozi bwa paruwasi afatanya na padiri Paul MAREKANI wari Représentant Préfectoral de l'Enseignement Catholique na padiri Vénuste NSENGIYUMVA. Padiri Robert MATAJYABO yakoze imirimo ikomeye yo gusura abakirisitu n'amasantarari n'ubwo yari asheshe akanguhe. Yubakishije za shapeli Nyagasozi na Muvungu.

Padiri Paul MAREKANI yasimbuwe na Padiri Martin BAJYAMBERE naho padiri MATAJYABO Robert we yasimbuwe na padiri Boniface SENYENZI wayoboye iyi paruwasi kugeza muri 1994. Yafatanyije na padiri Déogratias RWIVANGA.
Mu 1994 igihe cya jenoside, abakirisitu ba paruwasi Kibuye babarirwaga mu bihumbi bikabakaba ibihumbi 20. Jenoside yakorewe abatutsi yahekuye paruwasi ya Kibuye kukokugeza ubu dukora yubire y'imyaka 50, abakirisitu bakabakaba ibihumbi icumi(10.000), hari abazize jenoside, hari abazize ingaruka zayo n'abagiye bahinduranya amadini. Kiliziya ya paruwasi Kibuye yabaye ibagiro ry'abayihungiyemo basaga ibihumbi cumi. Baje bazi ko ntacyabakoraho bari mu ngoro y'Imana, bishingiye ku mateka ya kera, aho mu 1959,1960, 1963 na 1973 bahungiye mu Kiliziya ntibagirirwa nabi.
Ibyo byatumye abatutsi benshi baturutse mu mpande zose z'icyari Komini Gitesi, Mabanza, Rutsiro na Kayove bahahungira, inkoramaraso zubahuka ingoro y'Imana zibatsinda aho.
Padiri Boniface Senyenzi yakoze uko ashoboye ngo abafashe mu kaga barimo, abaha ibiribwa. Komini Gitesi yari yabujije ko bitangwa kuko byari bigenewe impunzi za Nyacyonga. Yagaragaje koko ko ari umushumba udahana izo aragiye, yemera kugumana nabo kugeza ubwo barimbuwe n'interahamwe nawe ubwe bari kumwe kandi yari yaburiwe na Furere Joachim ubwo yamusabaga guhungana nawe akanga. Abajandarume n'interahamwe bishe izo nzirakarengane bakoresheje imbunda, imipanga, ibyuka biryana mu maso no gutwika amapine ngo abahungiye mu Kiliziya babure umwuka, basohoke ahagaragara babone uburyo babarimbura.
Bapfuye urw'agashinyaguro, abayobozi bariho icyo gihe ni nka Perefe KAYISHEMA, Bourgmestre KARARA Augustin aribo babashumurije abo babisha.
Nyuma jenoside irangiye abo mu yandi madini babonye aho bahera basebya Ingoro y'Imana ngo ni irimbi n'ibagiro ntawe ukwiye kongera kuyisengeramo, ab'ukwemera guke barataye, bahindura idini. Ibyo byatumye hashira imyaka igera kuri 4 idasengerwamo.
Abapadiri bahabaye nyuma ya jenoside ni padiri François Kayiranga, niwe wahaje jenoside ikirangira, yakoze ibikorwa bya Caritas byo gufasha impunzi n'abandi batishoboye biturutse ku ngaruka za jenoside (abapfakazi, impfubyi…)
Padiri Modeste GASIGWA, padiri Géorge WABWIRE (umugande) nibo bazahuye imbaga y'Imana bongera kubabumbira mu gikumba kimwe. Padiri Modeste yafashijwe kandi na padiri TUYISHIME J.Baptiste, na padiri MURENZI Eugène ndetse na padiri J.M.Vianney TWAGIRAYEZU. Bafashaga n'andi ma paruwasi atwegereye ya Mubuga na Kibingo.
Habaye imishyikirano itoroshye kugira ngo Kiliziya ya Kibuye yongere isengerwemo kuko hari benshi bifuzaga ko yahindurwa urwibutso rwa jenoside. Padiri Modeste yaharwanye inkundura maze urwibutso rwubakwa imbere yayo, Kiliziya iragangahurwa irongera iba urusengero rw'abakirisitu ba Kibuye. Hagati aho kuva mu 1995-1999, igitambo cy'Ukaristiya cyaturirwaga muri Collège Ste Marie no muri sale y'Intara.
Padiri Tumusabyimbabazi Gérard nawe yarahabaye ashinzwe ibikorwa bya CARITAS. Yavuguruye Home St.Jean iba icumbi rigezweho. Abapadiri babaye muri paruwasi ya Kibuye mbere ya jenoside bahitanywe na jenoside, uwacitse ku icumu ni padiri Paul MAREKANI wakijijwe n'uko yabaga mu mahanga icyo gihe.
Padiri Modeste Gasigwa yasimbuwe na padiri Jean Hakolimana, wahabaye imyaka itatu ahabana na padiri Burusu Valère. Hakolimana akaba yarabanaga na padiri Jean Bosco Nyilibakwe waje asimbura padiri Burusu Valère.
Padiri Jean Hakolimana ahavuye haje padiri Gaudens MURASANDONYI wabyukije imiryangoremezo arayubaka irakomera, yisunga abatagatifu kandi ikagira iminsi mikuru yayo, abakundisha paruwasi yabo, agarura intama zatannye. Padiri Jean Bosco NYILIBAKWE yasimbuwe na padiri Gilbert NTIRANDEKURA witaye ku rubyiruko cyane, umuco wo gushengerera arawubaka urakomera no gusabira abarwayi, niwe kandi wahaye korale Urumuli Umutagatifu yiragije. Bityo iba korali St.Pierre Urumuli. Abo bapadiri bombi

bakoze neza imirimo y'Iyogezabutumwa.
Padiri TUMUSABYIMBABAZI Gérard wari kuri Home St.Jean yasimbuwe na padiri HATANGIMBABAZI Elie wayoboye CARITAS akaza nawe gusimburwa na padiri MUSABYIMANA Thaddée ari nawe uhari kugeza ubu.
Padiri Jean Paul RUTAKISHA niwe padiri mukuru ubu uyobora paruwasi ya Kibuye akaba yarasimbuye padiri Gaudens MURASANDONYI, afatanyije na padiri Antoine MUSABYIMANA.
Umuhamagaro muri paruwasi (Vocation)
Muri iyi myaka mirongo itanu paruwasi ya Kibuye imaze ishinzwe, Abiyeguriye Imana ntibakunze kuba benshi kuko kugeza ubu, paruwasi ya Kibuye yibarutse abapadiri batatu kavukire aribo KUBWIMANA Innocent, padiri HAGUMINEZA Jean Paul na padiri Maxime BUGINGO.
Abo bapadiri banyuma babonetse muri uyu mwaka wa Yubire.
Ababikira n'abafurere : paruwasi ya Kibuye ifite ababikira bane : batatu bo mu muryango wa Mutagatifu Mariya aribo : Sœur Géneviève UWAMARIYA, Sœur Marie Odette MUKANKIKO, Sœur Anastasie UWAMUGIRA, na Furere Jean Chrysostome RURANGIRWA wo mu ba Furere ba Mutagatifu Gabriël, n'Umuvandimwe muto wa Yezu Louise MUKAGAHIMA.
Ubunyamabanga bwa paruwasi : Abanyamabanga ba paruwasi babaye muri iyi paruwasi ni aba bakurikira :
- KALIHANGABO Ignace (+) - KAGINA Juvenal (+)
- CYUBAHIRO Gélase (+) - SEMINARI François (+)
Ubu hari SIBOMANA Pascal kuri uwo murimo. Uretse umurimo w'ubunyamabanga akora, yashinze korali HIMBAZIMANA, akomeza umuryangoremezo w'abakurikiyeyezu, ikoraniro ry'abakarisimatiki.
Abarayiki bakoreye paruwasi Kibuye
Abandi bakwiye kwibukwa bakoze ibikorwa byiza ni aba bakurikira : MUNYANKINDI Charles watanze ikibanza kirimo shapeli ya Karambo, RUBEBA Appolinaire wari umwarimu watanze ikibanza cya shapelle ya Nyabikenke n'ishuri rya Groupe Scolaire.
MUNYANDINDA Claudien wafashije paruwasi mu kubona ikibanza kirimo shapeli ya Gasura. N'abarimu nka BINIGA Léonidas wabaye igicumbi cy'ishuri rya Kibuye mu gihe cy'imyaka 53. Yigishije amasomo asanzwe ariko kandi yigisha by'umwihariko Iyobokamana kandi aritangamo urugero rwiza rw'umukirisitu nyawe.
Mwarimu SIMUTAKIRWA Mathias nawe wigishije igihe kirekire ku ishuri rya Ruragwe yakoze nawe n'umurimo w'ubukateshisti, abakirisitu bo mu Kayenzi na Ruragwe yarabigishije, haboneka abakirisitu benshi.

Abalayiki paruwasi ishimira muri Yubile y'imyaka 50

I. Centrale Ruragwe

1. Berchimas MUNYENTWARI
2. Laurent NTIBIRAMIRA
3. Thélèsphore NYIRINGABO
4. Fréderic RUTINDUKA
5. Aléxis MUGEMANA
6.Grégoire MUNYAKAYANZA
7.Juvénal KAGINA
8. Casimir RUTAMUJYANE

II. Centrale Gitesi

1. Augustin MAHINA
2. Asarias BURIHO
3. KANYOGOTE
4. Catéchiste KOSMA
5. Daniel MUNYENSANGA
6. Félicien BIZIMUNGU

J.Paul RUTAKISHA
Padiri Mukuru wa paruwasi Kibuye

PADIRI YOHANI BAPTISTA MENDIONDO HABINEZA YIZIHIJE YUBILE Y'IMYAKA 50 (1962-2012) AHAWE UBUSASERDOTI

(*N.D.L.R) Padiri Yohani Baptista Mendiondo Habineza yitegura kwizihiza Yubile y'imyaka 50 , yaganiriye n'umukristu wa paruwasi ya Mukungu wari ufite amatsiko yo kumenya ibanga ry'ubuzima yabayemo kugeza aya magingo. Reka natwe tubonereho atumare amatsiko.*

Gakwaya Jérôme : Nyakubahwa padiri HABINEZA Yohani-Batisita, kubera Yubile mutegura uyu mwaka, abakristu badusabye kugira icyo dutangaza mu kanyamakuru ka diyosezi yacu "Umusemburo w'ubusabane". Ni yo mpamvu tubasaba kubidufashamo mutubwira muri make ubuzima bwanyu nk'Umusaserdoti.

1. **G J**: Padiri HABINEZA Yohani-Batisita ni nde ? (identification)

P JB : muri 1961, maze umwaka umwe mu Rwanda, uwanyise iryo zina, dutarama, ni Musenyeri Ludoviko GASORE wari Igisonga cya Musenyeri Aloyizi BIGIRUMWAMI, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo ; nsanga ari ryiza, ririmo gahunda nziza, ndarishima n'Umwepiskopi BIGIRUMWAMI ararishima, ati : izina ni ryo muntu. Ubundi nitwa MENDIONDO Yohani-Batisita. Data yitwaga MENDIONDO Batisita na mama Pasikalina. Navukiye mu Bufransa y'i Burengerazuba-hepfo (Pays Basque). Ababyeyi banjye bari abahinzi b'abakene cyane ; inzu twari dutuyemo n'isambu, byose byari ibya databuja, igice cya gatatu cy'ibyo twejeje n'icya kabiri cy'amatungo maremare byari ibya databuja. Ni databuja wari ushinzwe gusana inzu, ariko ntabwo yayisanaga rwose, iyo nzu yaravaga cyane bigatuma dutega amasafuriya iyo imvura iguye. Twari abana bane : abahungu babiri n'abakobwa babiri. Umwana w'imfura ni mushiki wanjye na n'ubu uriho ageze ku myaka 88. Naho mukuru wanjye yitabye Imana kimwe n'undi mushiki wanjye wari umubikira, yitaba Imana afite imyaka 56.

2. G J : Igitekerezo cyo kuba umusaseridoti mu Rwanda cyaje gite ?

P JB : Ibyo kubivuga muri make biragoye ; gushaka kuba padiri byaje buhoro buhoro nkiri muto ndi umuhereza wa misa, hanyuma maze kuba ingaragu nsa n'ubyanze, ariko ngeze ku myaka 15 numva rwose Yezu ampamagarira kuba umusaserdoti. Ndangije imyaka ibiri mu iseminari nkuru y'iwacu kavukire (diocèse de Bayonne), njya gukorera igihugu umurimo wa gisirikari, banyohereza mu gihugu cya Algérie mu rugamba rw'igihe abanyalijeri baharaniraga ubwigenge, abafransa nabo babirwanya. Ni ho nahuye n'abasirikare benshi b'abanyafurika, ni bo banteye gutekereza gukomeza seminari muri Afurika hamwe n'abaseminari b'abanyafurika. Icyo gihe nashatse no kujya mu gihugu ubu cyitwa Burkinafaso, ariko ntibyashoboka. Byatumye ndangije kuba umusirikare nsubira mu iseminari y'iwacu. Aho ni ho, umunsi umwe haje padiri Jorji LOVENS wo muri diyosezi iyi ya Nyundo, akaduha amakuru y'ino, avuga n'abaseminari b'ababirigi n'ab'abafransa biga mu Nyakibanda hamwe n'abanyarwanda kandi ari abafratri ba Musenyeri BIGIRUMWAMI. Nanjye rero ni ko kuza mu Rwanda, abepiskopi ba Bayonne na Nyundo bombi bamaze kubisuzuma no kubyemera. Nageze ku Nyundo mu mwaka w'1960, mu kwezi kwa 8. Mu mwaka w'1962, kuri PENTEKOSTI, ku wa 10 Kamena ni bwo Musenyeri Aloyizi BIGIRUMWAMI yaduhereye ubusaseridoti ku Nyundo turi batanu abanyarwanda 2, abafransa 2, n'umubirigi 1.

3. G J : Abakristu twaganiriye bashima cyane ubwitange bwanyu. (Twavuga nk'imirimo mwakoze hubakwa paruwasi n'ivuriro ku buryo ngo mwikoreraga umucanga n'amabuye ku mutwe ; tutibagiwe n'amashuri hafi ya yose yo muri paruwasi yacu).
Mwatubwira bimwe mu byabateye inkunga muri ubwo bwitange ?(motivation)

P JB : Mu byo bamvugaho rimwe na rimwe gukabya birimo, ariko kwitanga byari ngombwa kandi si jye jyenyine witanze n'abandi benshi bagize uruhare mu kwubaka amavuriro, amashuri, za Kiliziya (Mukungu, Musango, Bigugu, Gisovu), za shapeli, imihanda, amakanivo n'amateme.

Mu by'ukuri nabonaga aka Karere kose ka Mukungu katazwi kandi katitaweho bihagije, ibitaro n'amavuriro biri kure cyane, amasaha ane, atanu ndetse atandatu y'urugendo ku maguru, nta mihanda, nkihagera hari umuhanda umwe gusa, na wo utakigendwa. Muri iyo minsi kandi hateye indwara y'icyorezo cya tifusi yamaze abantu, nibuka bavuga urugo rwa naka rwarimbuwe rwose, ababyeyi n'abana. Umupadiri ubonye nk'ibyo agomba kugira impuhwe, akibuka Yezu. Reba Ivanjili, Mt 9,36. «…Abagirira impuhwe, kuko bari barushye kandi bameze nk'intama zitagira umushumba ».

4.G J : Naho se inzitizi mwahuye nazo ni izihe ?

P JB : Inzitizi zabaye nyinshi, hagombye kwihangana no kudacogora, sinabura gushimira abo twakoranaga, abadutabaraga, abantu hafi bose batangaga umusanzu, ngashimira cyane umuryango w'Abari b'Urukundo (Filles de la charité), nibuka uko nawe ubwawe, Jérôme, uko bakuvuye muri iyo myaka ukiri mu mashuri abanza, ahari mu mwaka wa gatanu. Tuvuge ko mu nzitizi nyinshi habonetse abatabazi benshi.

5. G J : Igice kinini cy'ubuzima bwanyu mwagihariye paruwasi Mukungu, ahantu haruhije kuba (ingendo ku maguru kandi mu bisozi bihanamye).

Abakristu bemeza ko kugira ngo mutumwe muri paruwasi Mukungu iyi myaka yose mubifitemo uruhare. Mubivugaho iki ?

P JB : Ni koko igice kinini cy'iyo myaka 50 maze ndi umupadiri ni icya paruwasi Mukungu. Ukwezi kumwe i Rambura (1962), amezi 7 i Muramba (62-63), imyaka 7 ku Gisenyi(63-69), imyaka 2 n'amezi 3 cg 4 mu Birambo, ku Mubuga amezi nk'abiri, ku Mukungu imyaka 39(1973-2012). Niko biri, ntacyo mbivugaho kandi ni byiza kuko nahabaye ntumwe n'Umwepiskopi wa Diyosezi, ntana rimwe abakuru ba Kiriziya bansabye kujya ahandi, ahubwo ni jye wababwiye ko ahari nari nkwiye kujya ahandi, bakansubiza ngo mbe ngumye ku Mukungu.

6. G J : Mwumva mumeze mute nyuma y'imyaka 50 y'Ubusaserdoti ? (votre sentiment)

P JB : Nakwifashisha ibaruwa yandikiwe Ababebureyi mvuga nti : Yezu-Kristu ntahinduka ari ejo hashize, none no mu gihe kizaza, ahora ari umwe. Kristu ni We Musaserdoti, Umuhuza w'Imana n'abantu. Ubusaserdoti bwanjye (ministeriel ni ukuvuga ubwo duhereza, de service), ubw'abapadiri bose ni ubwa Yezu ; ni We wadutoye, ku bwa Kiliziya, ngo tube mu bantu mu cyimbo cye, tube We wigisha, tube We ubatiza, tube We ugirira imbabazi abafite ibyaha, cyane cyane tube We mu guhimbaza UKARISTIYA, ati : namwe mubikore munyibuka. Ibyo byose narabikoze mu myaka 50. Batumira abantu mu birori bya Yubile, nasabye ababishinzwe kwandika iri jambo ryo mu ibaruwa Paulo Mt yandikiye Abanyefezi : Nihasingizwe Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu. YUBILE ni ugushimira, Yubile kandi ni ugusaba imbabazi, nzisaba Imana, nzisaba abantu, ngahabwa Penitensiya, Isakramentu duherwamo imbabazi ubwanjye nahaye abantu benshi ariko nanjye ndi umunyabyaha. YUBILE ni ivugururwa rikomeye muri Kristu wapfuye akazuka ari twe agirira.

7.G J : Mwabwira iki abasaserdoti babyiruka ubu (ngo bazagere ikirenge mu cyanyu) ?

P JB : Nababwira nti « Nimwange mukomere, ikirenge mu cya YEZU ; urugero ni YEZU, yee natwe ariko kuri twebwe ni ngombwa gushishoza kuko haba ubwo dushobora gutanga urugero rubi buhoro cyangwa cyane ; ntibikabe !

8.G J : Naho se abakristu ba paruwasi Mukungu mwababwira iki ?

P JB : Nabo nababwira nti : nimukomere, mubane na Yezu muri Kiliziya, mu rugo, mu muryango-remezo, mu nama, muri santarali, muri diyosezi, mukundane, mwirinde irari ry'ifaranga, ritabatwara mwarigize ikigirwamana, mukunde misa, mwirinde kunyurwa n'ubusa, muharanire Yezu utuzaniye imbabazi z'ibyaha, ubugingo bw'iteka, izuka n'ubuzima. Nawe , Jérôme, mu gusoza iki kiganiro, nkubwire nti : KOMERA hamwe na madame n'abana. !

Jérôme GAKWAYA / Paruwasi Mukungu

KUWA 18 GASHYANTARE 2012
IMURIKA RY'AMAZU 140 Y'ABATISHOBOYE N'INYUBAKO Y'IKIGO CY'AMASHULI CYA MURAMA

Kuwa 18 gashyantare 2012, Diyosezi Gatolika ya Nyundo yamuritse amazu 140 agenewe abatishoboye (abapfakazi n'imfubyi zibana) muri paruwasi ya Kinunu, mu mirenge ya Boneza na Musasa, y'Akarere ka Rutsiro, mu Ntara y'Iburengerazuba. Yanamuritse inyubako nshya kandi igezweho, igizwe n'ibyumba 16 ku kigo cy'amashuri cya Murama, mu murenge wa Musasa. Ibyo bikorwa byombi, Diyosezi ya Nyundo yabikesheje ubucuti n'ubufatanye ifitanye n'ishyirahamwe ryo mu Bubiligi, ahitwa Braine-l'Alleud muri Brabant, Association « Les Enfants du Père Martin ».
Ibirori by'uwo munsi byayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, Umwepiskopi wa Nyundo, afatanyije n'intumwa ya Ministri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Nyakwubahwa Emmanuel SEBAHUTU. Bari baherekejwe n'Intumwa za Association « Les Enfants du Père Martin » zari ziyobowe na Madame Inge Quatraro-Hering, hari kandi Umuyobozi wa SNEC Musenyeri RUTAGANDA Alphonse n'Igisonga cy'Umwepiskopi wa Nyundo Musenyeri NSENGUMUREMYI J.M.Vianney, Abapadiri 14 ba zimwe muri paruwasi Association du Père Martin ifitemo ibikorwa itera inkunga. Hari n'Abayobozi bakuru bafitanye isano na Rutsiro : Senateri Emmanuel BAJYANA, Depite muri EALA, Madame Odette NYIRAMIRIMO n'abiwe, Senateri Chrisologue KUBWIMANA, Bwana Denis BISENGIMANA ushinzwe imiyoboreremyiza mu Ntara y'u Burengerazuba, Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro n'Abamwungirije, Abakuru ba RDF na Police muri Rutsiro, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'imirenge ya Boneza na Musasa, Ab'utugari n'imidugudu yaho, abaturage benshi, n'abagenerwabikorwa byamuritswe (abapfakazi, imfubyi, abanyeshuri, n'abarezi babo).

1. KUMURIKA AMAZU AGENEWE ABATISHOBOYE.

Amazu agenewe abatishoboye yubatse mu midugudu 5 :
▪ Mu Murenge wa Boneza : imidugudu 2
▪ Mu Murenge wa Musasa : imidugudu 3
a) Muri Boneza : Niho habereye umuhango nyirizina wo kumurika ayo mazu. Abatumiwe bamaze guhurira kuri paruwasi Kinunu, batangiye urugendo rwo gusura iyo midugudu. Mu Mudugudu wa Bigabiro, niho Musenyeri afatanyije na Bwana Emmanuel SEBAHUTU na Madame Inge bakoze umuhango wo gukata akagozi saa tanu n'iminota 17, maze binjira muri imwe mu mazu 27 yubakiwe abatishoboye b'uwo mudugudu. Bamaze gutambagira inzu neza, bakomereje mu mudugudu wa 2 ahitwa Rwimbogo, mu Kagali ka Bushaka, ahubatswe amazu 30 (umushinga uhita Kinunu II).
b) Muri Musasa : Hakurikiyeho umurenge wa Musasa, ahubatse amazu mu midugudu 3 n'ikigo cy'amashuli cya Murama.
• Umudugudu wa Muhororo: ugizwe n'amazu 25 yo yubatswe mbere hamwe n'amashuri abiri yaje kwongerwa ku bufatanye bwa Kiliziya na Leta.
• Umudugudu wa Gabiro, Akagari ka Gabiro :
-Gabiro I : amazu 15, - Gabiro II : amazu 25.
Hari n'andi mazu yari yarubakiwe abatishoboye mbere ya 2002 ahantu hatatanye. Ubu amazu 100 aratuwe, andi 40 aratunganye bagiye kuyinjiramo.
Muri Gabiro I na II, Leta yatanze ubutaka, abaturage bakora umuganda wo gusiza ibibanza, Diyosezi ya Nyundo na "Les Enfants du Père Martin" barubaka batanga n'ibikoresho.
Mu gutegura abo bafasha kugira imibereho myiza, uhawe inzu ahabwa n'itungo rigufi (ihene)

ngo azabone ifumbire. Muri Boneza na Musasa hanatanzwe inka 25 za kijyambere, abazihawe mbere bazoroza abandi.
c) Batoranya bate abatishoboye ?
Kugirango batoranye abatishoboye, bahamagaza inama y'abaturage bose b'umudugudu, bakabasaba kwerekana abo babona bababaje kurusha abandi kuko ubwabo baba baziranye. Abaturage rero nibo bagena abo gufasha mbere y'abandi n'abazakurikiraho, bityo bityo. Nta vangura iryo ari ryo ryose rihaba.

2. KUMURIKA INYUBAKO NSHYA Y'IKIGO CYA MURAMA

Hakurikiyeho ibirori byo gutaha inyubako nshya y'ikigo cy'amashuri cya Murama. Ni inyubako nziza ikomeye cyane, igizwe n'ibyumba 16 (amashuri 15 n'ibiro by'Umuyobozi), byubakishije amatafari ahiye na sima n'ibyuma; asakaje amabati meza akomeye y'ibara ry'ubururu-juru kandi ateretse heza rwose.
Abashyitsi bamaze kugera mu myanya, indirimbo yubahiriza Igihugu yabimburiye ibirori, hakurikiraho umuhango wo gufungura ishuri ku mugaragaro (coupure du ruban), saa saba n'igice no kwinjira bareba uko ibyumba bimeze. Ibirori byaranzwe n'akarasisi k'abanyeshuri n'abatishoboye (abapfakazi n'imfubyi zibana), imbyino n'indirimbo zadufashaga gushimira abayobozi batugezagaho ijambo ribereye iby'uwo munsi mukuru. Amaze kwerekana abashyitsi; Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro, Bwana Gaspard Byukusenge yashimiye mu izina rye n'iry'Abadahigwamumihigo bose bagize itorero ry'intore za Rutsiro, ashimira Kiliziya Gatolika na Leta y'u Rwanda mu bufatanye bwiza bagaragaje mu bikorwa by'iterambere Diyosezi ya Nyundo na Migeprof baje kumurikira abaturage b'imirenge ya Boneza na Musasa. Yabijeje ko mu migambi y'Akarere ayobora, bazabungabunga ibyo bikorwa bakanabyongera.
Mu ijambo bavuze, buri muyobozi, yaba uwa SNEC, yaba ushinzwe imiyoborere myiza mu Ntara bashimangiye ingingo yo gufata neza izo nyubako, bifuza ko abana biga i Murama babona rwose uburezi n'uburere binoze, bituma bagera ku iterambere ari indashyikirwa.
Intumwa ya Ministri, Bwana SEBAHUTU Emmanuel, nawe yashimiye Association "Les Enfants du Père Martin" na Diyosezi ya Nyundo, n'inzego zose zo mu Ntara zashyigikiye ibikorwa byamuritswe uwo munsi. Yagaragaje ko ashima cyane agaciro gakomeye k'ibikorwa byamuritswe, mu bwiyoroshye bwamutangaje.
Musenyeri HABIYAMBERE Alexis wa Nyundo yashimiye abitabiriye ubutumire bwe bose, yibutsa bose ijambo abana baririmbye bati "TUZARWUBAKA" u Rwanda rwacu rwavuye mu bihe bibi byadusigiye imfubyi n'abapfakazi n'ibyasenywe byinshi. Ati twatangiye kurwubaka, tuzakomeza dufatanye buri wese atanga umusanzu we, akunze abanyarwanda n'Igihugu cyamubyaye. Ati ibi bisaba ko tugira umutima ukunda, muzima. Ashimira Association "Les Enfants du Père Martin". Musenyeri yibukije ko dufite inshingano yo kwitanga, tukita ku rubyiruko. Yabwiye abayobozi b'amashuli ko bagomba guharanira ko abanyeshuri babo batsinda neza, yibutsa ababyeyi ko bakwiye gushaka uburyo abana biga muri 9YBE na 12YBE bajya babona ifunguro kugira ngo bashobore kwiga. Ngo ikirima ni ikiri mu nda. Yabwiye inzego zose ati : Dufatanye, ni abana bacu twese. Na none Musenyeri yashimiye uko Padiri Martini yitangiye abababaye. Ati Imana ihora itwereka ibitangaza, Padiri Martini yasize imbuto nziza, yaharaniye amashuri n'urubyiruko, ibyo yatangiye tuzabikomeza.
Hakurikiyeho kuzimanira abashyitsi no gusabana, saa cumi n'imwe dusezeranaho.

3. TUMENYE PADIRI MARTINI NA ASSOCIATION « LES ENFANTS DU PERE MARTIN »

a. Padiri Martini

Nyakwigendera Padiri Martini BAJYAMBERE yavukiye mu Murenge wa Musasa, Akarere ka Rutsiro. Aba padiri wa Diyosezi ya Nyundo muri Nyakanga 1976. Yashinzwe cyane iby'uburezi. Muri 1994, yari padiri ushinzwe amashuri Gatolika muri Prefegitura ya Kibuye (Représentant Préfectoral de l'Enseignement Catholique).
Jenoside yamumazeho umuryango we wose. We yashoboye kurokoka hamwe n'abandi bapadiri bake ku Nyundo. Inshuti ze zo mu Bubiligi azitabaje, zaje kumujyana, maze ashobora no kujyana utwana twari twatemaguwe bikabije, ngo bazatumuvurize iyo ngiyo. Ubu umwe amaze kuba inkumi nziza y'imyaka makumyabiri n'ibiri (22ans).
Aho bamwakiriye Braine – l'Alleud (Brabant), baje kwifuza ko yagumayo, baramukundaga cyane. Ariko we aranga rwose, ati u Rwanda rurankeneye ndatabaye ngiye gufasha abandi kurusana. Bamupakiriye contineri yuzuye imyenda n'udukoresho tw'ibanze ngo azaramire imfubyi, abapfakazi n'abana b'inshuti azasanga. Akigera ino, yahise amenyesha izo nshuti ze uko byifashe, azisaba gukora ibishoboka ngo bamufashe gutabara abo asanze. Yarafite n'igitekerezo cyo gushinga ishuri ryo kwigisha abana ineza, icyo yitaga Université de la Paix, aho abantu bakwiga ko UMUHORO USIMBURWA N'AMAHORO. Kubera ko hari abana benshi bari baracikishije amashuri, bakuze, yahise asaba inshuti ze kumufasha gushinga ishuri ry'imyuga. Bamwohererereje umuhanga mu by'imyuga witwaga Michel Seghers. Batangira imyiteguro. Ariko mu rugendo rumwe bavuye i Kigali, bagira impanuka y'imodoka bagiye kwinjira i Musanze (Ruhengeri), bombi bayigwamo, hari kuwa 06/08/1997.

b. Association "Les Enfants du Père Martin".

Ni ihuriro rigizwe n'inshuti za Padiri Martini BAJYAMBERE zo mu Bubiligi (Braine-L'Alleud n'ahandi). Bashimye umutima mwiza wa Padiri Martini wari witangiye imbabare kandi agatanga urugero mu gukunda igihugu cye n'abanyarwanda, nuko bati ibyo Padiri Martini yatangiye tuzabimukomereza maze dufatanye n'ab'iwabo muri Diyosezi ya Nyundo, batwereke ibyo yifuzaga, tubatere ingabo mu bitugu babikomeze, uhereye kubo yari yaratangiriyeho. Ni uko imishinga padiri Bajyambere yari afite yakomeje, barayitunganya. Bashyiraho komite yo kubiyobora n'abahuzabikorwa babiri bo kubikurikirana.
Mu Bubiligi : Madame Inge Quatraro-Hering
Mu Rwanda : Madame Adrienne MUKAMITALI

c. Ibikorwa by'Association "Les Enfants du Père Martin"

Batangiye baha abanyeshuri imyenda mpuzankano (uniformes) n'ibikoresho : 1995 – 1997 batanze ku bana 500 buri mwaka. Ni nabwo batangiye gutekereza ibyo kubaka amashuri no kubakira abatishoboye.
• Kubakira abatishoboye :
Kuva 2002 – 2003 bubakiye abatishoboye benshi :
▫ Amazu 12 y'abapfakazi, 6 ku Gisenyi, 6 i Kinunu
▫ Amazu 10 y'imfubyi, 7 ku Gisenyi, 3 i Busasamana.
Hari n'ibindi bikorwa binyuranye bagiye bagira mu ma paruwasi bagirango bafashe abo bubakiye kurwanya ubukene :
• Ubworozi
Abatishoboye bahawe ihene :

▫ Ihene 60 : i Mushubati (Rutsiro)
▫ Ihene 100 : ku ishyirahamwe Sainte Cecile
▫ Ihene 60 : ku ishyirahamwe Sainte Anne.
Banatanze inka za kijyambere :
▫ Muri Boneza : 25 (Rutsiro)
▫ Mu Byahi : 1 (muri Rubavu)
▫ Mushubati : 1 (muri Rutsiro).

• Kubaka amashuri

2002 : Amashuri i Kaburamba (Ngororero -Muramba)
2003 : Amashuri i Rwamigega (Rubavu -Busasamana)
2004-2005: Amashuri i Mwumba (Ngororero-Gatovu)
2006 : Amashuri i Kabitovu (Rutsiro-Murunda)
2007 : Salle polyvalente ku ishuri ryisumbuye rya Saint Jean (Rutsiro-Murunda)
2008 : -Amashuri ya Jarama (Nyamasheke – Kibingo)
-Amashuri ya Viro (Nyamasheke – Kibingo)
-Amashuri ya Bihe (Rubavu – Busasamana)
-Amashuri ya Manihira (Rutsiro- Congo-Nil)
2009 : -Amashuri ya Murama (Rutsiro-Kinunu) niyo yamuritswe none (ibyumba 16)
-Amashuri ya Sanzare Nyundo 9YBE (Rubavu)
-Dortoir (inzu yo kuraramo) i Kibingo (Nyamasheke)
-Dortoir (inzu yo kuraramo) Ecole Saint Jean Murunda (Rutsiro)

• Mu myuga :
Bubatse atelier y'ububaji bayiha imfubyi zibana, ku Gisenyi.

• Kurihira abanyeshuri minerval (amafaranga y'ishuri).
Muri paruwasi nyinshi za Diyosezi ya Nyundo, Association « Les Enfants du Père Martin » ifite abana itangira amafaranga y'ishuli. Baba baratoranyijwe n'abapadiri bazi abo bana bakennye cyane. Kuri ubu abana : - 380 bararangije, - 220 baracyiga mu mashuli yisumbuye - 10 bari muri za Kaminuza (Universités)
Ibikorwa bakoze ubu bimaze kurenga amafaranga y'u Rwanda 1.097.451.700 Frw.

•Bayabona bate ? : Madame Inge yavuze ko bashaka ibikoresho by'ubukorikori bw'abanyarwanda, nka za cartes, imitako inyuranye, uduseke, bakabicuruza hirya no hino mu Bubiligi basaba ababigura kwumva ko baraba bagize uruhare mu gufasha abanyarwanda bababaye. Ubundi ngo baranayasaba.
Padiri Martini agire iruhuko ridashira, urugero rwiza n'imbuto yateye bibere abanyarwanda impamvu y'ubwiyunge n'ubumwe bunoze. Amahoro agwire mu Baturarwanda.

Padiri Evariste NDUWAYEZU
Paruwasi BUSASAMANA

RAPORO Y'UMWIHERERO W'ABAKOZI BO MU RUGO
GISENYI, KUWA 01/05/2012

I. Intangiriro

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mukuru w'umurimo kuwa 01/05/2012, Kominote ya Emmanuel / Segiteri Gisenyi yateguye umwiherero w'abakozi bo mu rugo, umwiherero wabereye muri Foyer Aloys Bigirumwami. Iyi raporo iragaragaza ibyo uwo mwiherero wibanzeho hamwe n'ibitekerezo byatanzwe n'abakozi ku mibereho yabo n'iyi ngo babamo. Uyu mwiherero wateguwe mu rwego rwa service ya "presence et temoignage" ikaba yari yatumiwemo abakozi bo mu rugo b'abakominoteri bo muri Segiteri ya Gisenyi.

II. Intego y'umwiherero

Uyu mwiherero wari ufite intego zikurikira :
1. Kuganira n'abakozi bo mu rugo nk'urwego rw'imirimo
2. Kungurana ibitekerezo n'abakozi bo mu rugo uburyo umurimo wabo wabateza imbere mu mibereho isanzwe no kuri roho.
3. Gusabana n'aba bakozi hagamijwe kubifuriza umunsi mukuru w'abakozi no kubagaragariza urukundo n'icyizere.

III. Abayoboye umwiherero

Umwiherero wayobowe n'abakorerabushake bakurikira :
1. Mukandirima Christine, 2. Nsengiyumva Camille, 3. Bugirimfura Gilbert.

IV. Uko umwiherero wagenze

Nyuma yo kwifuriza ikaze abitabiriye umwiherero, hakurikiyeho kubagezaho ibiganiro byari biteganijwe.
Ku kiganiro cya mbere, Nsengiyumva Camille yabagejejeho insanganyamatsiko y'umwiherero iteye itya : « Umurimo wanjye, inzira yo kwiteza imbere no kwitagatifuza ». Yakomeje abagezaho impamvu y'uyu mwiherero ko ikigamijwe ari ukugirango abahagarariye abakoresha baganire n'abakozi hagamijwe gushimangira ibigenda neza no gukosora ibitagenda byose hashingiwekuri iriya nsanganyamatsiko. Ku bijyanye n'umunsi w'umurimo, havuzwe ko uyu munsi washyizweho na Kiliziya (St.Joseph) ariko ibihugu biza kuwugira uwabyo ariyo mpamvu wizihizwa hirya no hino ku isi. Ku bijyanye n'impamvu yatumye hatekerezwa guhuza abakozi bo mu rugo, hasobanuwe ko ibi bishingiye ku miterere y'uyu murimo bizwi ko uri mu rwego rw'imirimo informel kandi iciye bugufi. Aha rero, Kominote ya Emmanuel ikaba isanga iki cyiciro cy'abakozi kidakwiye kwirengagizwa ahubwo gikwiye guhabwa agaciro kandi n'abakozi babarizwa muri iki cyiciro bagafatwa nk'abandi bakozi ku bijyanye n'uburenganzira.
Ku bijyanye n'insanganyamatsiko, abakozi bunguranye ibitekerezo n'abahagarariye abakoresha ku bijyanye no kwiteza imbere ndetse no kwitagatifuza. Ku bijyanye no kwiteza imbere, abakozi basobanuye ko n'ubwo umushahara bahabwa akenshi uba uri intica ntikize, bavuze ko bagerageza kuwucunga neza. Bamwe bafunguye amakonti mu bigo by'imari icirirtse naho abandi bakaba bayakusanya nyuma y'igihe gito bakayohereza ku ivuko kugirango ababyeyi babagurire nk'itungo, buhoro buhoro bakagenda biteza imbere.
Ku kiganiro cya kabiri cyatanzwe na Bugirimfura Gilbert, uyu yabaganiriye ku bijyanye

n’uburenganzira n’inshingano z’abakozi bo mu rugo. Aha, yasobanuye ko abakozi bafite uburenganzira nk’ubw’abandi bakozi harimo kugira amasezerano y’akazi, guhabwa umushahara wumvikanweho kandi ku gihe, konji y’umwaka n’ibindi. Ku bijyanye n’inshingano, aba basobanuriweko bagomba gukora akazi basabye n’umutima mwiza cyane cyane bita ku mirerere y’abana baba bashinzwe ndetse no gucunga neza umutungo cyane cyane ibiribwa.

Ku kiganiro cya gatatu ku myifatire ikwiye kuranga umukozi wo mu rugo cyatanzwe na Madame Mukandirima Christine, uyu yaganirije aba bakozi ku bibazo n’amakosa bikunze kugaragara ku bakozi bo mu rugo. Aha, havuzwe ku bijyanye n’ingeso yo kudahama hamwe, kugavura, umuco wo gukwirakwiza amakuru yo mu rugo ukoramo ndetse rimwe na rimwe gufata nabi abana. Akaba yarasabye abakozi b’abakominoteri guca ukubiri n’izi ngeso abibutsa ko bakwiye kwitwara gikristu kugirango umurimo wabo ubabere inzira nyayo yo kwiteza imbere no kwitagatifuza.

V. Imihango yo gusoza

Imihango yo gusoza umwiherero yayobowe na Bwana Ntawangwanabose Théogène, umuyobozi wa Kominote ya Emmanuel muri segiteri ya Gisenyi. Muri iyi mihango, umwe mu bakozi yafashe ijambo ashimira abateguye uyu mwiherero kandi abizeza ko bazashyira mu bikorwa ibyo bungukiyemo kandi bakazabigeza no ku bandi bakozi ndetse no ku bakoresha babo. Yifuje ko amahugurwa nk’aya yajya ategurwa kugirango barusheho gusobanukirwa n’uburenganzira bwabo no kumenya uburyo bamenya kurangiza neza inshingano bafite imbere y’abakoresha. Mu ijambo risoza umwiherero, umuyobozi wa kominote yashimiye Nyagasani we mugenga wa byose. Yashimiye abitabiye uyu mwiherero kimwe n’abohereje abakozi babo ndetse n’abagize uruhare mu gutuma uyu mwiherero ubaho kandi ukagenda neza. Yashoje abasaba gushyira mu bikorwa ibyo bungukiye muri uyu mwiherero ndetse no kubigeza ku bandi. Nyuma y’imihango yo gusoza, hakurikiyeho ubusabane n’igitambo cya misa.

VI. Ifishi y’isuzumamyifatire

Mu rwego rwo kumenya uko uburenganzira bw’abakozi bwubahirizwa ndetse n’imyitwarire y’ingo bakoramo, hakozwe ifishi yahawe buri mukozi kugira ngo buri wese agaragaze uko ibintu bimeze. Nyuma yo gusuzuma ibikubiye muri aya mafishi nk’uko bigaragara ku mugereka, abakozi bo mu ngo z’abakominoteri bagaragaje ko muri rusange uburenganzira bwabo bwitabwaho ku buryo bushimishije, ko bakundwa, bakitabwaho, ko batenderezwa cyangwa ngo bahutazwe kandi ko nta hohoterwa rishingiye ku bitsina bakorerwa. Cyakora hari umukozi wagaragaje ko akorerwa ivangura ku mafunguro amwe amwe atabonaho, undi yavuze ko akunda gutotezwa ngo kubera ko umuceri uba waguzwe ushira vuba naho undi umwe avuga ko hari igihe ajya akubitwa. Twasaba abayobozi kuzaganiriza abakominoteri kuri izi ngingo hagamijwe ko ibintu byarushaho kugenda neza hagati y’umukozi n’umukoresha hagamijwe ko umurimo waba inzira yo kwiteza imbere no kwitagatifuza.

Abayoboye umwiherero :

Mukandirima Christine, Nsengiyumva Camille, Bugirimfura Gilbert

I BUSASAMANA ABASASERDOTI BASABANYE N'ABASEMINARI BABO

Uko imyaka igenda isimburana ihuriro ry'abaseminari bo muri paruwasi ya Busasamana riragenda rishinga imizi. Abaseminari basanzwe bahura kugira ngo barusheho kubagarira ubuvandimwe bubahuza ndetse banarebere hamwe uko bamerewe mu buzima barimo bubaganisha kuri Altari ntagatifu.
Ku itariki ya 02/01/2012, nyuma y'iminsi babyitegura, kuri paruwasi abaseminari babukereye, n'ababyeyi babo bahuye n'abasaserdoti babo mu rwego rwo kwifurizanya Noheri nziza, kwishimira umwaka barangije n'intera buri wese yateye, kwifurizanya umwaka mushya wa 2012 no kurushaho guhamya ubuvandimwe.
Uyu munsi utagira uko usa watangijwe n'igitambo cya misa cyayobowe na padiri Mbonabakira Vincent, padiri mukuru wa paruwasi Busasamana. Mu nyigisho ye, yagarutse ku mayobera y'ukwigira muntu kwa Jambo. Yadushishikarije kurangamira Kristu, tukamuhamya dushize amanga nka Yohani Batista tukemera agakuzwa naho twe tugaca bugufi. Yibukije ko umusaserdoti abereyeho guhamya ibyerekeye Yezu Kristu we werekanywe na Yohani Batista.Yezu yaje gukuraho ibyaha bya muntu. Yezu yazanye ubuzima bushya, yaje kutugobotora ku ngoyi ya sekibi kugira ngo abe ari we wenyine twizirikaho. Mbere yo gusoza igitambo cya misa, padiri mukuru yasabye abarimuri iyo misa gusabira abaseminari kurushaho gutega amatwi ubahamagara kandi mu migirire yabo bajye barushaho kwishushanya na Kristu ubahamagara. Nyuma y'igitambo cya misa bamwe mu babyeyi bataherukaga kuri paruwasi beretswe ibikorwa byagezweho muri paruwasi, nyuma bakomereza ibirori mu nzu y'amahoro.
Mu busabane bwahabereye, bose bafite akanyamuneza bishimiye Noheri dukesha Umucunguzi ndetse n'umwaka mushya muhire wa 2012. Intero yari imwe y'ibyishimo. Mu magambo yahavugiwe, bagiye bagaruka ku mpamvu yabahuje, bashimira abaseminari ndetse babaha n'impanuro.
Nyuma yo kwerekana no gushimira abashyitsi bitabiriye uyu munsi barangajwe imbere na padiri mukuru wari ukikijwe n'abasaserdoti bafatanya ndetse na babiri mu babikira b'izuka batuye i Busasamana, uwavuze mu mwanya w'abaseminari yabagaragarije ibyishimo batewe n'uyu munsi ababwira uko bamerewe. Yavuze ko abaseminari ba Busasamana bihatira kwakira uburere bahabwa bikabafasha gukura mu bwenge no mu gihagararo kandi bakihatira kugororokera Imana. Yashimiye abasaserdoti batwitaho bashyize imbere uburere bwacu. Yashimiye kandi by'umwihariko padiri mukuru kuko aduhoza ku mutima ndetse ko no kugira ngo umunsi ushoboke bikaba biterwa n'uko yigomwa agakora mu mufuka agira ngo buri wese atahe yishimye. Yarangije asaba buri wese mu bari bitabiriye uyu munsi gukomeza kuzirikana no gusabira padiri Etienne Izimenyera ubu urwaye.
Si we wenyine washimiye abasaserdoti kuko n'urangije uwa gatandatu mu i Seminari nto yashimiye buri wese witanze none akaba arangije iseminari nto. Yashimiye cyane ababyeyi be bamufashije kwiga neza ndetse ashima n'ubwitange bw'abasaserdoti bacu kuko bamufashije muri byinshi.
Ari uwavuze mu mwanya w'ababyeyi, ari uhagarariye umukuru wa komite nyobozi ya paruwasi ndetse n'umubikira, bose bagarutse ku myitwarire myiza ikwiye umuseminari ndetse banabashimira ko birengagiza ibibazo bahura na byo mu buzima bakagendera mu nzira nziza ari na ko bakurikira amasomo yabo neza bakiga bagatsinda. Bashimiye abasaserdoti ko bakunda abifuza kwiha Imana ndetse bakanabibafashamo. Ibi bigaragazwa cyane n'uko hari benshi baza babagana kandi bakaza bisanga.
Abasaserdoti, yaba padiri Jean Damascène Sibomana na padiri Evariste Nduwayezu, bashimiye abaseminari ko bihatira kunga ubumwe, babashimiye kandi ko bakunda paruwasi

yabo n'abasaserdoti babo badusaba gukomeza kwitwara neza no kwiga neza. Badusezeranije gukomeza kutuba hafi mu nama no mu isengesho.
Mu ijambo rya padiri mukuru, ahereye ku busobanuro bw'ijambo seminari riva ku ijambo ry'ikiratini semen, seminis, yibukije ko umuseminari ari nk'urubuto umuntu atera akaba arutezeho imbuto nyinshi kandi nziza. Yasabye abaseminari kwemera kurerwa bakarangwa n'ikinyabupfura no kwiyubaha. Nk'umwe mu bagize komisiyo ya Diyosezi ishinzwe ihamagarwa ashishikajwe no kubona abagana inzira yo kwiha Imana. Kuri we yumva umusaserdoti afite inshingano yo gukunda no kwita ku baseminari. Yavuze yeruye kandi ko seminari irerera Kiliziya abasaserdoti ndetse abatabaye bo bakaba abalayiki beza bafitiye Kiliziya n'igihugu akamaro. Yibukije ko kuba padiri bitazira aho ahubwo bivomererwa bityo uwiyumvamo uwo muhamagaro agerageza kuwubungabunga.
Duhereye ku mugani uvuga ko igiti kigororwa kikiri gito, twahamya ko n'umwana atozwa imico myiza akiri muto. Mu buto bwe, umwana nibwo abuzwa imico mibi itabereye umuntu nyamuntu. Kwita k'umuseminari muto ni ukubareramo umuco w'abakristu bazima n'uwa gisaserdoti. Nk'uko uwiba ahetse aba abwiriza uri mu mugongo ni nako ugira neza aba amurikira abamubona. Iyi migani iragaragaza umugambi mwiza abasaserdoti b'i Busasamana bafite wo gutoza abaseminari babo kuba abantu nyabantu n'abakristu nyabo. Abasaserdoti bifuza abasaserdoti beza batojwe gukunda Imana n'abo Imana ibatumaho. Ni ibyo gushimira. Turashimira cyane abasaserdoti bakorera ubutumwa i Busasamana. Urukundo rwa kibyeyi batugaragariza, twe abaseminari turarubashimira. Turashimira by'umwihariko Nyakubahwa padiri mukuru wa paruwasi yacu we ufite abaseminari mu nshingano ze. Turamushimira uko yitangira abaseminari. Mu mirimo myinshi afite, abaseminari aduha umwanya wa mbere. Turamushimira ko aduhora iruhande. Uretse kandi abaseminari ba paruwasi ya Busasamana, yita ku baseminari bose muri rusange. Ibi bigaragazwa n'ibyishimo yakirana abasaserdoti, abihayimana ndetse n'abari mu nzira yo kwiha Imana. Turishimira uwo mutima mwiza agira. Ntabwo turi abana b'ingayi. Turabashimira ko batwitaho bakatwereka urukundo rwa kibyeyi. Turabashimira kandi ingero nziza baduha.

Imana ibakomeze mu buzima bwanyu.

Diyakoni Emmanuel HAKIZAYEZU.
(Ni padiri kuva taliki ya 14/7/2012)

UMUNSI WAHARIWE URUBYIRUKO KU NSHURO YA KARINDWI MU RWANDA MURI PARUWASI YA KIBUYE

Ku cyumweru tariki ya 29/01/2012, kimwe no mu yandi ma paruwasi mu gihugu, paruwasi ya Kibuye yizihije umunsi wahariwe urubyiruko muri Kiliziya Gatolika mu Rwanda.
Mu rwego rwo kwitegura uwo munsi wari ufite ubutumwa bwari bufite insanganyamatsiko igira iti: "Nimwishime muri Nyagasani", urubyiruko rwateguriwe isengesho ry'iminsi icyenda (noveni) aho muri iyo minsi, rwazirikanye ku byatuma rwimakaza ubutabera n'amahoro mu bantu.
Ibirori by'uwo munsi byabimburiwe n'igitambo cya misa cyayobowe na Padiri Antoine Musabyimana, Vicaire akaba na Aumônier w'urubyiruko muri paruwasi ya Kibuye, ari kumwe na Padiri Cyimana Jean-Paul wo muri Diyosezi ya Kabgayi.
Nyuma y'amasomo y'icyumweru cya 4 mu byumweru bisanzwe by'umwaka wa Kiliziya, Padiri yasomeye abakristu ubutumwa bwa Musenyeri Servilien Nzakamwita bwari bugenewe by'umwihariko urubyiruko kuri uwo munsi. Nyuma y'isomwa ry'ubutumwa Misa yarakomeje; ihumuje urubyiruko n'abari batumiwe bahuriye ahari hateguriwe gukorerwa ibirori, ibiganiro ndetse no gusangira.
Amagambo yahavugiwe yagiye anyuranamo n'imbyino, amakinamico n'imivugo by'urubyiruko rwari rwavuye muri Santarali ya Kibuye, iya Ruragwe, iya Gitesi no mu nkambi y'impunzi z'abanyekongo ya Kiziba. Mu byo abo bana bavugaga mu mbyino zabo, amakinamico n'imivugo, bagarukaga ku ngaruka mbi zo kwiyandarika, bakavuga ku kamaro ko kwihesha agaciro ko ari ukugendera kure ibishobora kubangamira imibereho myiza yabo no gushungura ntibapfe guhubukira ibigezweho byose no kwirinda imitego y'abanyamafaranga.
Umuyobozi w'urubyiruko muri paruwasi mu ijambo rye, yavuze ko urubyiruko rugiye guhagurukira ubutumwa kugeza mu miryango-remezo ndetse byanashoboka bakazanabukorera no mu yandi ma paruwasi mu rwego rwo kuvoma ubumenyi. Yasabye ko bajya bahura buri kwezi na Padiri Aumônier bakagirana inama ndetse bakaboneraho no kwigishwa ibijyanye n'ukwemera. Yasabye kandi ko paruwasi yababonera imipira yo gukina mu rwego rwo gutuma barushaho kumenyana no kwegerana.
Umuyobozi wa Santarali ya Kibuye wari watumiwe muri ibyo birori, mu ijambo rye, yashimiye urubyiruko rwari rwashoboye kuza kwifatanyiriza hamwe guhimbaza umunsi warwo, aboneraho kurutuma kubatari baje kubagezaho ubutumwa bw'uko bagomba gukangukira ubukristu. Yabasabye kwirinda ibidahesha agaciro Kiliziya n'ababyeyi; abasaba kuba urumuri aho bari hose kuko aribo mizero ya Kiliziya y'ejo hazaza. Yasoje ijambo rye abizeza ubufatanye.
Umukuru wa komite nyobozi ya paruwasi nawe wari watumiwe, yasabye urubyiruko muri rusange kudapfusha imbaraga zarwo ubusa rwirirwa mu bitarufitiye akamaro, ko ahubwo rugomba guhaguruka rugakora, rukihuriza hamwe (nk'uko abana bo muri centre Amizero babikoze) mu kwihangira uturimo ducirititse kuko umurimo uwo ariwo wose wakorewe gahunda neza ubeshaho nyirawo. Nk'uko bivugwa mu kinyarwanda ko ngo ugendana n'abasore agendana ubwungo, urubyiruko nk'abana bafite amarere y'ubuto, umukuru wa komite nyobozi yabasabye kuyobora neza umuvuduko wabo, aho bagomba kwitonda bakitonda, aho bagomba kwihuta bakihuta. Yabasabye gutegura neza ejo habo hazaza birinda ibyabagusha mu byaha nk'icy'ubusambanyi bashobora kwanduriramo sida n'ibindi babukuramo(nko gutwara inda z'indaro) bishobora kubatesha ishema n'agaciro ntibabe bakifitiye icyizere.

Padiri Antoine, Aumônier w'urubyiruko akaba ari nawe wari umushyitsi mukuru mu ijambo rye, yatangiye aganirira urubyiruko ku ihuriro mpuzamahanga ry'urubyiruko rizabera i Kigali kuva kuwa 14 kugeza kuwa 18/11/2012. Yababwiye ko iryo huriro rizaba ririmo urubyiruko rugera ku bihumbi umunani (8000) ruturutse mu Rwanda, ahandi muri Afurika no hirya no hino ku isi. Abo bose bazahurira i Kigali mu rugendo nyobokamana rw'amizero ku isi. Padiri Aumônier yakomeje asobanurira urubyiruko amavu n'amavuko y'urwo rugendo nyobokamana rw'amizero, abaha na gahunda y'itegurwa ry'iryo huriro ry'i Kigali, ababwira ko abazarijyamo ari urubyiruko rufite imyaka y'amavuko guhera kuri 18 kugera kuri 30 kandi ko abongabo bagomba kuzaba bararangije kwiyandikisha bitarenze ku itariki ya 15/10/2012 mu ma paruwasi yabo kandi ko bazishakira amafaranga y'itike izabageza i Kigali n'izabagarura. Ibindi bagezeyo kimwe n'ibizabatunga bariyo, hari abazabibakorera ari nabo bategura urwo rugendo nyobokamana rw'amizero ku isi, bakaba babarizwa mu muryango w'Abafurere b'i Taizé (France).

Padiri Antoine yababwiye kandi ko iryo huriro ritazaba ririmo abanyagatolika gusa n'ubwo aribo bazaba ari benshi, n'abo mu matorero EAR, EPR na Pentecote nabo bazaba bahari.

Nyuma yo kubaganiriza kuri iryo huriro ry'i Kigali, Padiri Antoine yavuze n'uko byifashe mu rubyiruko rwa paruwasi ya Kibuye. Muri rusange yavuze ko uko urubyiruko rwitabira gahunda zarwo bidashamaje. Santarali ya Ruragwe yesaga imihigo yaracogoye ku mpamvu zidasobanutse.

Santarali ya Kibuye, urubyiruko rwaho ni akazuyazi. Ntirushyushye ntirunakonje. Santarali ya Gitesi; urubyiruko rwaho ruri mu makaye naho mu bikorwa ntiruboneka.

Kuri bimwe mu byasabwe n'umuyobozi w'urubyiruko nk'amahugurwa ahoraho yifuje, Padiri Aumônier yavuzeko ibyo bintu bikorwa, ariko ko mu buryo bwo kuvugurura, yasabye urubyiruko ko arirwo rwazamuha gahunda. Ku bijyanye n'imipira yo gukina, Padiri Aumônier yavuze ko icyo kibazo urubyiruko rushobora kukikemurira. Yavuze ko agihabwa ubutumwa muri paruwasi ya Kibuye, nta gasanduka k'urubyiruko yahasanze, ngo yahise agashyiraho urubyiruko rurabimenyeshwa, ikibabaje ni uko ngo rutitabira kugira icyo rugashyiramo cyarwunganira kwigurira nk'iyo mipira n'ibindi rwashobora gukenera, gusa ngo n'ubwo byifashe bityo, ikibazo cy'imikino bazagifatanya.

Padiri Antoine n'ubwo hari ibyo yanenze, yaranashimye. Yashimye uko umunsi wateguwe, ashimira n'abawitabiriye, yashimiye umuyobozi w'urubyiruko wacyuye igihe ubwitange yagaragaje mu gihe cya mandat ye, yashimiye umuyobozi w'urubyiruko mushya ibakwe n'imbaraga afite mu kubyutsa urubyiruko, amubwira ko azamuba hafi buri gihe, yashimiye paruwasi inkunga yatanze kugira ngo umunsi ugende neza.

Padiri yasoje ijambo rye asaba urubyiruko kwiyongeramo imbaraga n'umurava, ati : Nyagasani abakomeze kandi mukomeze mwishime muri Nyagasani.

Ignace Banyaga
Komite Nyobozi/P.Kibuye

INGABIRE YANJYE IRAGUHAGIJE (2 Kor 12,9a)

“Niba Imana turi kumwe ninde waduhangara” (Rm8,31)

Ingabire yanjye iraguhagije, ni amagambo dusanga mu Ibaruwa ya kabiri Mutagatifu Pawulo yandikiye Abanyakorinti, aho yabibutsaga ko Imana irema Muntu kandi ikamugenera ibimukwiye kandi bimubeshaho hano ku isi, kandi na none bikanamutegurira ikuzo ridashira ryo kuzabana Nayo aho Iganje mu ijuru. Aha bisaba gusa ko uyu umaze kwibonera ko yahawe ku ngabire z’Imana, agomba kuzikoreha neza kandi akazirikana ko azitwaye mu tubindi tumeneka ubusa, akigengesera, akamenya bihagije ibinyura Imana akagerageza kwihatira gukora ibiyinyura n’ubwo rwose bigoye ariko ni ibintu bishoboka. Ni muri urwo rwego twifuje kuganira ku mubano wacu n’Imana n’uburyo dukoresha ingabire zinyuranye twahawe, ibi biraza byuzuza ibyo twavuzeho mu nimero ya 32 ya Mutarama-Kamena 2010, aho twavugaga ko Roho w’ukuri ariwe uzatuyobora, aho kandi twazirikanye binonosoye ku ngabire za Roho-Mutagatifu.

Twongere twiyibutse, ubundi ingabire ni iki ?

Aha ngaha mu kugerageza gusobanura ingabire icyo aricyo, turifashisha Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika ku nimero yayo y’1996, aho bagira bati : “Ingabire ni ubuntu bugeretse ku bundi, Imana itugenera cyangwa se iduha tutabigizemo uruhare, kugira ngo dusubize ku muhamagaro wayo cyangwa se ngo twitabe ijwi ryayo. Ingabire ni ukugira uruhare ku buzima bw’Imana, ingabire itwinjiza mu mushyikirano w’Imana Data, Imana Mwana n’Imana Roho-Mutagatifu. Ku bwa Batisimu kandi umukristu agira uruhare ku ngabire ya Kristu, umutwe w’umubiri We ariwo Kiliziya”, aha nibutse ko twagenekereje kuko byari mu rurimi rw’igifaransa.
Muntu we se yakira ate iyi ngabire ?

Rimwe na rimwe iyo witegereje uko abantu tubayeho, abantu twese mu bihe byose, ni ukuvuga ibihe byahise iby’ubu ndetse hakiyongeraho n’imigambi mu bihe bizaza, usanga akenshi dushaka kwigenera ibizatubaho, tukigira yewe abagenga b’ibihe, ibi bikatubuza cyangwa bikatwibagiza ko turi muri iyi si turi abagenzi kandi ko ntacyo tutunze, dufite cyacu, ahubwo ko tugomba guturiza Nyagasani We dukesha mbere na mbere iyi ngabire ndenga-kamere y’ubuzima; kuri ibi ngibi Mutagatifu Pawulo yongera kutwibutsa ko “Byose tubyemerewe ariko ko byose atariko bidufitiye akamaro” (1Kor 6,12), aha ni hahandi usanga muntu atiyakira agashaka gukomatanya byose arundarunda ibifite akamaro n’ibitagafite, hanyuma hagira ikimubaho agatangira kwitakana Imana, agira ati rwose kuki njyewe rwose kuki Imana itanyumva? Kuki naka cyangwa nyirakanaka bameze kuriya, Imana impora iki? Kuki itansubiza kandi nyitakambira ubudatuza? Kuki abandi babayeho neza, njyewe ibyago bikaba binyibasiye, ubukene, inzara, kubura amahoro bikaba bimbayeho akarande, rwose Mana nacumuye iki? Ariko se ayo mahoro y’abandi ni ayahe? Nicyo umuntu yakagombye kwibaza kuko hari ubwo abantu bamwe bashobora kwitiranya amahoro, umunezero n’ibindi bitajyana nayo. Mutagatifu Agusitini we bidatinze, ahita ashakira kandi akabonera igisubizo uwibaza gutya wese aho agira ati: “Rwose iyo umuntu avuga ngo Imana ntiyamushubije cyangwa ntimwumva, ni uko wenda yasabye nabi ni ukuvuga yasabye ibidatunganye, nawe ubwe yasabye adatunganye cyangwa se yabisabye mu buryo budatunganye”. Ni nabyo Mutagatifu Bernardo aheraho atwereka ko Bikira Mariya ariwe Mugabekazi w’ingabire zose, ari nabyo byatumye Imana idashaka ko hari icyo twaronka kitanyuze mu biganza by'uwo Mubyeyi, natubere urugero rwo gukunda ingabire Imana idusakazamo, turusheho kumukunda

kuko aricyo dusabwa mu buzima bwacu kandi tuzirikane ko kumukunda kurushaho aribyo bizatuma twiyakira kandi tukakira n'abandi.

Muntu yakora iki kugira ngo yakire iyo ngabire ?

Ubusanzwe, umuntu uwo ariwe wese no mu byo akora byose iyo asanze hari ibyo adatunganya cyangwa ibyo yirengagije gutunganya afata akanya ko kwisuzuma akiherera, aza kuvumbura ko ari umunyantege nke maze akabona ko n'ibyo yagenderagaho byose ni ukuvuga ibyo atunze, uko abayeho, ibyo byose afite uwo abikomoraho, abikesha, bikamuvumburamo ishyaka ryinshi ryo gufata iyambere maze akegurira uwo nyine akesha ubuzima, ikintu cya mbere gishobora kubigaragaza ni isengesho rimuhuza n'Imana, agaciro k'ibyo atunze kandi ayikesha bikagaragazwa ubwo, kandi na none iba ari ya nzira y'ubutungane turangamiye twese nk'uko Mutagatifu Matayo abivuga agira ati: "Mwebweho muzabe intungane nk'uko So wo mu ijuru ari intungane" (Mt5,48), aha niho Mutagatifu Berinardo yongeraho ko "Nta muntu ushobora kuba intungane niba atifuza kurushaho kuba intungane, kandi muntu yerekana birushijeho ubutungane iyo arangamiye iyo ngabire ndengakamere".
Muri iryo sengesho rero, uwo mushyikirano w'imbere muntu agirana n'Imana atuje kandi ashimira, bigaragazwa no kwirinda uburyarya n'ubuhendanyi ubwo aribwo bwose, kuko bisaba kuritegura bihagije nka ba bakobwa b'umutima bategereje umukwe kugeza igihe aziye kandi amatara yabo acyaka. Reka twibukiranye duhabwa Batisimu n'andi masakramentu, aha tubona ibimenyetso bigaragara inyuma ariko biba bifite icyo bishushanya cyangwa se bigenura kikaba kitagaragarira amaso y'umuntu, gusa ariko bikagaragarira amaso y'umutima wemera kandi ukunda uwo ibyo bimenyetso bishushanya, bivaho kandi bikanamuganaho.Niko bigomba kugenda nta kubishidikanyaho muri rya sengesho, muri wa mushyikirano w'umuntu n'Imana, aho dusenga tuzi neza ko Imana itwumva mbese nyine nk'uko umwana aganira n'umubyeyi we !
Hari ibigomba kugaragarira uwiyemeje uwo mushyikirano kandi ntibigomba no kumuca intege, ni uko mu buzima bw'isengesho atari ikintu gihama hamwe, bugira uko bukura kuko bugenda bunyura mu bihe bitandukanye ariko nyine bigafasha umuntu kwisuzuma (examen rétrospectif), akareba niba tera imbere muri uwo mushyikirano cyangwa seniba asubira inyuma, ibyo bikamutera gufata umugambi uhamye, ibi tuvuga ntibisobanura ko twe tubivuga twageze kuri iyo ntera ahubwo ni ukugira ngo dufatane urunana maze duhekane muri urwo rugendo rwo gusabana no gushyikirana n'Imana yacu.

Twakwibaza tuti uguhinduka kwa Muntu gushingiye kuki?

Iyo Muntu yitegereje ibi byose byatumye atagera ku mushyikirano we n'Imana, niwe wibaza cyangwa se ushobora kwibaza icy'uguhinduka kwe cyangwa uwo mugambi yifitemo ushingiyeho; niba asanga ko iyi mihindukire ari mbere na mbere impano y'Imana, kuko agira atya umunsi umwe akabona arayakiriye, mu gihe we nyine aba yakomeye ku isengesho kandi ntabikore by'akanya gato ahubwo mu gihe gihagije. Iyo ngabire ntihatwa, itangwa ku buntu kandi ku buryo buyunguruye, nubwo haba habayeho ubudahemuka mu isengesho kugira ngo butegure kandi bworohereze iyi ngabire, ariko rero na none, si icyo Imana iyitangira kuko kuyironka atari ukuyigura.
Bitewe nuko umuntu abikora cyangwa se ashyikirana n'Imana, iyo mpano twavuze haruguru, ishobora guhita izamba mu ntangiriro, ni ukuvuga mu gihe gito gishoboka, iyo hatabayeho kuyitaho bihagije, aha abanditsi ku buzima bwa Roho (ubuzima nsabanira-Mana) babivugaho bati iyo ngabire ishobora guhabwa umuntu ku buryo atabibona, bikaba byatuma atayitaho, ishobora kudahoraho cyane mu ntangiriro, ariko ishobora guhinduka ijya mbere cyangwa se

igasubira inyuma bitewe nyine na kwa kuyitaho twavugaga haruguru. Aha rero bisaba gusa ko umuntu agomba kuzirikana neza ku byo arimo byose, akabikora yisubiraho, mu bwiyoroshye, no kwicisha bugufi : “Umusoresha we yihagararira kure atinya no kubura amaso ngo ayerekeze hejuru maze yikomanga ku gituza avuga ati Mana yanjye mbabarira jyewe w’umunyabyaha!”(Lk18,13). Guhinduka kwa muntu bigomba gushingira mbere na mbere kuri Kristu Rumuri rw’amahanga yose, rumurikira abantu bose, kandi rugashashagiranira kuri Kiliziya yose; iyi Kiliziya ikaba iri ku ruhande rwayo muri Kristu nk’ikimenyetso kigaragara kigomba kugeza ku Bumwe buhamye n’Imana hamwe ndetse n’ubumwe bw’inyoko-muntu yose, bigatuma igira intego yo gukurikiranira bya hafi amahame ayigenga yagiye afatirwa mu nama zagiye ziba mu bihe bitandukanye kugera kuyiheruka yabereye i Vatikani ku ncuro ya kabiri.

Umwanzuro

Mu gusoza iyi nyandiko, twibukiranye ko twagize akanya ko kongera gutekereza ku ngabire twahawe, twasanze buri wese afite ingabire ze kandi ko agomba kuzishimira, akazishyira ahagaragara kugira ngo zifashe cyangwa se zimurikire abamubona bose bakurizeho gusingiza Data uri mu ijuru (reba Mt5,16), maze rero nka Pawulo Mutagatifu tugire tuti: “Naho twebwe, ubwo turi ab’amanywa, tujye twiramira, kandi twambare intwaro z’Imana, ukwemera n’urukundo bibe ikoti ry’intamenwa, amizero y’uko tuzakizwa abe nk’ingofero y’icyuma” (1Tes 5,8) : “Ngaho rero nitubadukane imbaraga, imihigo yacu izire gucogora”, nk’uko Umwepiskopi wacu yabitwibukije ubwo twasozaga Isabukuru y’imyaka 10 dushoje Sinodi idasanzwe muri Diyosezi yacu, maze koko ubukristu bugumye kutubyarira ubuvandimwe nyabwo nk’uko twabyiyemeje, ni nabwo kandi ntakubishidikanyaho Ingabire y’Imana izaba iduhagije nk’uko twabizirikanye; maze njyewe, wowe, twese hamwe dukomere; maze na none nka Pawulo, tujye duhora twishimiye ingabire dufite kandi tuyubahe, dusenga ubudahwema, dushimire Imana muri byose, kuko aribyo idushakaho muri Yezu Kristu. Turamenye ntitukazimye Roho w’Imana, ntitugahinyure ibyahanuwe, ahubwo tujye tugenzura byose, ibyiza tubigumane, maze ikibi cyose tukirinde(reba 1Tes 5,16-22), maze ubundi ari igihe turya, ari n’igihe tunywa, icyo dukoze cyose, tujye tugikorera guhesha ikuzo Nyagasani, nk’uko Pawulo Mutagatifu akomeza kubivuga (reba 1Kor10,310), kandi mbere na mbere duharanire Ingoma n’ubutungane bwayo, naho ibindi tuzabigerekerwaho (Mt6,33). Mubyeyi w’Abakene udusabire!

Fratri Faustin HABIMANA
Seminari Nkuru ya Nyakibanda

UBUTUMWA BWA KOMISIYO Y'UBUTABERA N'AMAHORO MU BIGO BY'AMASHURI BUGEZE HE ?

Basomyi b'akanyamakuru Umusemburo w'Ubusabane, Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya paruwasi ya Gisenyi yishimiye kongera kubagezaho aho igeze mu bikorwa yiyemeje byo guharanira ubutabera n'amahoro mu bigo by'amashuri abanza bya Kiliziya Gatolika. Ubushize twarebeye hamwe zimwe mu ngeso mbi rimwe na rimwe zikunze kugaragara mu bigo by'amashuri, aho usanga abanyeshuri bamwe na bamwe bishora mu ngeso mbi, nk'ubusambanyi, agasuzuguro, ubujura bworoheje, urugero : nko kwitiza ikaramu ya mugenzi wawe kandi utayimusabye. Muri iki gice noneho tugiye kurebera hamwe uko byifashe kuri urwo rugamba rwo gufasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa neza ibikorwa bikomeza umuco w'amahoro. Muri uku kwezi kwa kabiri n'ukwa gatatu Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya paruwasi ya Gisenyi yatanze ibiganiro mpaka « Ku butumwa Imana yahaye muntu imaze kumurema nkuko tubisanga mu byanditswe bitagatifu (Int.1.26-28). Iyo iri somo urisomye neza ukaricengera witonze, wumva neza ubutumwa muntu yahawe ubwo Imana yari imaze kumurema aribwo bwo kuyobora isi, kuyitegeka, ndetse no kuyigira nziza, no gutegeka ibyo Imana yari imaze kurema byose ariko na none iyo winjiye mu mateka ya mwene muntu kuva isi ikiremwa usanga rimwe na rimwe mwene muntu ubwo butumwa atabugendamo neza uko bikwiye ukaba ushobora gusanga bamwe aho gushobora gutegeka isi ahubwo isi idutegeka uko yishakiye. Njyewe ntekerezako igihe cyose umuntu afashe mugenzi we akamugirira nabi, akamwica, icyo gihe aho gutegeka isi ahubwo niyo iba yatangiye kudutegeka, kuberako hari benshi cyane bica bagenzi babo kuko basangiye isambu, akumva namukuraho ya sambu azayisigarana akayitunga wenyine. Icyo gihe mwene muntu aba yatangiye kwikunda cyane kandi Kiriziya idutoza gukunda bagenzi bacu nkuko twikunda. Kugira ngo rero dushobore kugendera neza kuri ubwo butumwa Umuremyi wacu yaduhaye tukiremwa, mbere na mbere n'ukumenya ko icyo twifuza ko batugirira natwe twakigirira bagenzi bacu (Lc 6.31-32).

Ni muri urwo rwego rero ubwo twaganiraga n'abanyeshuri, iri somo twaritinzeho cyane, kandi nkuko n'abanyeshuri ubwabo babigarutseho cyane usanga rimwe na rimwe dutandukira tukibagirwa inshingano n'ubutumwa dufite hano ku isi. Ikindi twagarutseho ni ukureba imibanire y'umunyeshuri na mwarimu. Aha naho ntabwo bikunze kugenda neza cyane kuko usanga hari abanyeshuri bashaka kwitwara uko bishakiye, urugero : umwana ukererwa buri gihe, gusakuza cyane mu ishuri igihe mwarimu atanga amasomo, abana bakubita bagenzi babo.... Noneho igihe mwarimu agerageje guhana umwana witwaye nabi mu bandi bana, ugasanga wa mwana atakiriye neza uko guhanwa, ugasanga umwana ahora ahanganye na mwarimu aho kumutega amatwi no kumwumva. Iki nacyo twagitinzeho cyane kuko usanga aho umwana atabona ko mwarimu abereyeho kumufasha no kumuha ubumenyi. Ntabwo mwarimu abereyeho guhangana n'umwana. Mwarimu n'umurezi ugomba kurerera Imana n'abantu, kandi twibuke natwe ko abarimu bitanga cyane ku buryo bushoboka bwose. Igihe rero afashe igihe atangiye kwigisha umwana agatangira gusakuza, icyo gihe wa mwana atuma abandi bana badakurikira neza. Icyo gihe rero aba yatangiye kubuza abandi uburenganzira bwabo bwo kwiga neza. Ibindi byakunze kugaragara ni abanyeshuri bataha igihe cyo gutaha kitaragera. Iki nacyo twagitinzeho kuko niba umwana yagiye kwiga agataha igihe kitageze ntabwo azashobora kumenya ibyo abandi bize. Ikindi gikunze kugaragara mu mashuli hari n'abarimu bahana abanyeshuri bagifite uburakari ugasanga bikururiye ibibazo hagati y'umurezi n'umubyeyi ndetse n'umunyeshuri. Ibyo byose rero bigomba gukosoka, umunyeshuri igihe cyose abonye mwarimu akamubonamo umubyeyi we, na mwarimu igihe abonye umunyeshuri akamubonamo umwana abereye umurezi. Umubyeyi nawe akumvako mwarimu adashishikajwe no gukubita umwana gusa ahubwo ari umufasha we mu kurera uwo mwana.

Ese aho Komisiyo y'Ubutabera n'amahoro igereye mu bigo by'amashuri abanza byatanze iki ?
Ni ukuvuga ko ubu abanyeshuri batangiye gusobanukirwa neza n'umurimo wo guharanira amahoro ndetse n'ubutabera ku buryo hari abana batangiye inzira yo gufasha bagenzi babo bagenderaga mu ngeso mbi, urugero : hari umwana washoboye gufasha mugenzi we wagenderaga mu ngeso z'ubusambanyi kandi ari umunyeshuri ariko ubu yarabiretse, « yisubiyeho ». Hari abana b'abakobwa bari batangiye kujya mu gikorwa cyo guceza mu tubari tw'imisururu ihiye ariko bagenzi babo barabafashije ubu barabiretse bariga nta kibazo.
Hari n'utanga ubuhamya bwe ku giti cye: ati nanjye ubwanjye ntarinjira muri komisiyo y'ubutabera n'amahoro nitwaraga uko nishakiye, mwarimu yambwira ikintu nkumva ko ntacyo bimbwiye nkamusenya, ariko ubu komisiyo yamfashije kumva agaciro ka mwarimu imbere yanjye, nanjye ubwanjye byangiriye akamaro.

None se abarimu bo babibona bate ? Ese impinduka ihari mu bana ni iyihe ?

Mu by'ukuri abarimu ubwabo iyi gahunda ya Komisiyo y'ubutabera n'amahoro mu bigo by'amashuri abanza barayishimiye cyane. Nkuko byagaragaye aho twagiye tunyura ku bigo by'amashuri, abarimu bifuzako iyi gahunda yakwaguka ikagera ku banyeshuri benshi cyane, ndetse bifuzako komisiyo yajya itanga ikiganiro kuri buri shuri uhereye mu mwaka wa kane kuzamura. Kuri iki cyifuzo komisiyo ya paruwasi iracyabitekerezaho. Ikindi bifuza nuko abarimu bakeneye kubona amahugurwa, maze bagasobanukirwa neza na komisiyo y'ubutabera n'amahoro, ubutumwa ifite n'icyerekezo cyayo.
Bavandimwe rero, murumva ko komisiyo y'ubutabera n'amahoro ifite ubutumwa butoroshye na gato. Tuboneyeho umwanya wo gushimira abantu bose bageragezа kwitanga kugirango isi yacu tuyigire nziza nkuko Imana ibishaka, harimo abitangira amahoro uko bwije n'uko bukeye, Imana ibongerere imbaraga, mwahisemo neza Nyagasani muri kumwe.
Twese hamwe dutahirize umugozi umwe mu nzira yo guharanira amahoro.
Umubyeyi Bikira Mariya Umwamikazi w'amahoro abidufashemo.

Alfred HABUMUGISHA
Umuyobozi wa Komisiyo y'ubutabera n'amahoro
Paruwasi Gisenyi.

ICYO BIBILIYA IVUGA KU MATURO

Intangiriro

Amaturo ni ngombwa mu buzima bwacu, ni uburyo bwo gushimira Umuremyi wacu. Tugomba gutura kuko Imana ariyo yatuye mbere, yaraturemye maze itura Umwana wayo w'ikinege ngo apfire ku musaraba aritwe agirira, kubera ibyaha byacu :

• Yh 3,16 : koko Imana yakunze isi cyane bigeza aho itanga Umwana wayo w'ikinege, igirango umwemera wese atazacibwa ahubwo agire ubugingo bw'iteka.

• Ef 4,28 : Uwari umujura ntakongere kwiba, ahubwo ajye yihatira gukoresha amaboko ye imirimo ifite akamaro, kugirango abone n'icyo afashisha abari mu bukene.

Tugomba gutura dute ?

Tugomba gutura ibyishimo, ntakwijujuta kuko ibyo dutunze byose ari iby'Imana, kandi Imana ntacyo ibuze. Gutura kwacu nitwe bigirira akamaro, kandi iyo umuntu agiye ntacyo ajyana : Lk 12,16-21 (Umugani w'umukungu kiburabwenge).

• Sir 35,4 : Ntuzahinguke imbere y'Uhoraho imbokoboko, ahubwo ayo maturo yose jya uyatanga kubera itegeko.

Ubwoko bw'amaturo

Amaturo akubiye mu moko atatu :

A) Ituro rya roho : umuntu atura Imana roho ye.

• Zaburi 31,6: nshyize ubugingo bwanjye mu maboko yawe; ni wowe unshungura, Uhoraho, Mana nyir'ukuri.

• Lk23,46 : nuko Yezu arangurura ijwi ati:"Dawe, nshyize ubuzima bwanjye mu maboko yawe".

B) Ituro ry'umubiri : Umuntu atura Imana umubiri we wose, kubera ubwami bw'ijuru, nk'uko Yezu yitanze ku musaraba kubera ibyaha byacu.

• Mt26,26 : Nuko bafungura, Yezu afata umugati; amaze gushimira Imana, arawumanyura, awuhereza abigishwa be, ati : "Nimwakire, murye: iki ni umubiri wanjye".

• Rom 12,1-2 : Nimuture imibiri yanyu ibe igitambo nyabuzima gitagatifu kandi kinyuze Imana ngiryo iyobokamana ryabava ku mutima.

C) Ituro ry'umutungo : Umuntu atura byose kuko ibyo dutunze byose biva ku Mana.

• Sir 38,11 : Uzature ububani n'ifu y'ingano ho urwibutso, umurike ituro ritubutse, utitangiriye
itama.

• Intu 20,35 : Naberetse buri munsi ko ari ngombwa kuvunika dutyo, kugira ngo, tugoboke abatishoboye, twibuka n'amagambo Nyagasani Yezu yivugiye ubwe ati "utanga arahirwa kuruta uhabwa".

Ituro ry'umutungo ririmo ibice umunani :

1) Ituro risanzwe : Ni ituro dutura mu Misa. Abenshi bakunze kuryita ituro ry'agaseke. Iri turo ritangirwa mu ibanga, ni ukuvuga ko nta mubare uteganyijwe umuntu ategetswe gutanga. Ikindi kandi kimwe n'andi maturo yose ni uko uritanga atagomba kuritanga nk'uwiyerekana kugira ngo abandi bamubone.

• Mt 6,2-4 : 2 Igihe rero utanga imfashanyo, ntukavugishe ihembe imbere yawe, nk'uko indyarya zibigira mu masengero no mu mayira, kugira ngo baratwe n'abantu. Ndababwira ukuri : baba bashykiriye ingororano yabo. 3 Naho wowe, nutanga imfashanyo, ikiganza cyawe cy'ibumoso ntikikamenye icyo icy'iburyo gikora, 4 bityo imfashanyo yawe ijye igirirwa mu ibanga ; maze So umenya ibyihishe, azabikwiture.

• Lk21,1-4 : 1Nuko Yezu yubura amaso abona abakungu bashyiraga imfashanyo zabo mu bubiko bw'amaturo. 2Abona n'umupfakazi w'umukene ashyiramo uduceri tubiri. 3Nuko aravuga ati : « Ndababwira ukuri : uriya mupfakazi yarushije abandi gutura. 4Kuko bariya bose bashyizemo amaturo avuye mu by'ikirenga, naho we yashyizemo ibyari bimutunze byose mu bukene bwe ».

2) Ituro ryo gufasha : ni ituro duha abavandimwe bacu batishoboye, abarwaye, ibirema, abakene n'abatindi.
• Sir 3,30 : Amazi azimya ikibatsi cy'umuriro, gufasha abakene bigahanagura ibyaha.
• Sir 7,32-35 : No ku bakene jya utanga utitangiriye itama, kugira ngo usenderezwe imigisha, ubuntu bwawe bujye bugera ku bazima bose, abapfuye nabo ntukabime ineza yawe. Ntugatererane abarira, kandi ujye ushyigikira abashavuye. Ntugatinye gusura umuntu urwaye ibikorwa nk'ibyo bizaguhesha igikundiro.
• Rom 12,8 : Uwahawe gutera abandi inkunga, nayibatere. Utanga, atange nta kindi akurikiranye ; uyobora, ayoborane umwete ; utabara abatishoboye, nabafashe anezerewe.
• 1Yh 3,17 : Niba umuntu atunze iby'isi, maze yabona umuvandimwe we akennye ntamugirire impuhwe, urukundo rw'Imana rwamubamo rute ?
3) Ituro ryo gusangira : Ni ituro dutanga mu miryango-remezo no mu yindi miryango ya Agisiyo Gatolika. Hagamijwe kwifasha, kwiyubaka, no kubaka umuryango tubarizwamo.
• Sir 29,12 : Mu bigega byawe, ujye ubikamo imfashanyo z'abakene, nizo zizakurinda ibyago byose.
• Heb13,16 : Ntimukibagirwe kugira neza no gushyira hamwe ibyo mutunze, kuko Imana ishima bene ibyo bitambo.
4) Ituro ry'urwunguko : ni ituro dutura kuri buri kintu mu mutungo wacu, tugatura umusaruro wa mbere kuri Uhoraho.
•Imigani 3,9-10 : 9 Uzahimbaze Uhoraho mu byo utunze byose, umuture umuganura w'umusaruro wawe ; 10bityo ibigega byawe bizuzura ingano, na divayi isendere urwengero rwawe.
• Lk 11,41 : Ahubwo nimujye mutanga imfashanyo ku byo mutunze, byose bizabatunganira.
5) Ituro ryo gushimira : Ni ituro dutanga ku Mana kubera ibyiza itugirira.
• Lev 22,19-20 : 19 Kugira ngo rero ibyo bitambo mubishimirwe, mujye mutura imfizi itagira inenge iturutse mu bushyo bw'ibimasa, intama cyangwa ihene. 20Muzirinde gutura itungo rifite inenge, ntabwo mwabishimirwa.
• Lk 19,8 : Nuko Zakewusi yegera Nyagasani, aramubwira ati : « Rwose, Mwigisha, kimwe cya kabiri cy'ibyo ntunze, ngihaye abakene ; niba kandi hari uwo nahuguje, ndamusubiza ibye inshuro enye.
• 2Kor 9,11-12 : 11Muzakungahazwa ku buryo bwose, bizatume mutanga mutizigamye maze imfashanyo tuzaba tubashyikirije, zitere benshi gushimira Imana. 12Umurimo w'ayo maturo, ntugamijwe gusa mu gukenura abatagatifujwe, ahubwo agenewe no kugwiza amasengesho yo gushimira Imana.
6) Ituro ry'icya cumi : Ni ituro dutura ku nyungu twagize mu byo dukora mu buzima bwacu bwa buri munsi. Iri turo twarigereranya n'ituro dutanga rimwe mu mwaka.
• Sir 35,8 : Ibyo utanga byose bijye birangwa n'umucyo, kandi uturane ibyishimo kimwe cya cumi cy'ibyo utunze.
• Mal 3,10 : Nimuzane mu cyumba cy'ububiko icya cumi cyose cy'ibyo mutunze maze mu ngoro yanjye habemo ibyo kurya. Bityo muzabe mungerageje, uwo ni Uhoraho, umugaba w'ingabo, ubivuga, maze murebe neza uko nzabafungurira imiyoboro yo mu ijuru, nkabasenderezaho imigisha myinshi.
7) Ituro rya Padiri : Umuntu utugaburira ifunguro rya roho natwe tugomba kumugaburira ibitunga umubiri we, kandi ni abakristu bagomba kumutunga muri byose, kugira ngo nabo bashobore gukora umurimo w'Imana (reba Lk10,4-12 na 1Kor 16,1-4).
• Sir 7,31 : Uzatinye Uhoraho, kandi uhe icyubahiro umuherezabitambo, maze umuhe umugabane we nk'uko byategetswe, ari byo umuganura ku byo wejeje, ibyatuweho igitambo cyo kwigorora, ituro ry'inkoro, ibyatuweho igitambo cy'ubutungane, n'ibindi byose bigerurwa ku maturo matagatifu.
• Mc 9,41 : Umuntu wese uzabaha ikirahuri cy'amazi yo kunywa abitewe n'uko muri aba

Kristu, ndababwira ukuri, ntazabura igihembo cye.
• 1Kor 9,11-14 : 11Ubwo twababibyemo imbuto z'Imana, murasanga bikabije ko dusarura ku byo mutunze ? 12Niba abandi babafiteho ubwo burenganzira, twe twabuzwa n'ikikububagiraho ? Nyamara ntabwo twigeze tubwitwaza !Twihanganiye byose, ngo hato tudatera imbogamizi
Inkuru Nziza ya Kristu. 13Ariko se ntimuzi ko abakorera ingoro y'Imana batungwa n'iyo Ngoro nyine, n'abahereza ku rutambiro, bagahabwa umugabane ku byo batuye ? 14Bityo rero n'abogeza Inkuru Nziza, Nyagasani yabageneye gutungwa na yo.
•Gal 6,6-7 : 6Uwigishwa ijambo, nahe ku bye byose urimwigisha. 7Ntimuzibeshye : Imana ntireregwa. Icyo umuntu azaba yarabibye ni cyo azasarura.
Nkuko abapadiri bitanga bawigisha, natwe dutegetswe kurangwa n'ubwitange igihe tubashimira tubaha ku byo dutunze nk'uko Imana yabigennye.
8) Ituro ry'urukundo : Ni ugukunda mugenzi wawe nkawe ubwawe. Ni ukuvuga ko nta kintu na kimwe wagombye kugomwa mugenzi wawe kandi ugifite.
• Sir 18,15 : Mwana wanjye, ineza yawe ntukayigerekeho incyuro, kandi ibyo utanze ntukabyongereho gucunaguza.
• Mt 10,42 : Uzaba yarahaye icyo kunywa umwe muri aba baciye bugufi, n'aho rwaba uruho rw'amazi afutse, kuko ari umwigishwa wanjye, ndababwira ukuri : ntazabura ingororano ye.
• Mt25,35-36 : 35Kuko nashonje mukamfungurira ; nagize inyota mumpa icyo kunywa ; naje ndi umugenzi murancumbikira ; 36nari nambaye ubusa muranyambika ; nari ndwaye muransura ; nari imbohe muza kundeba.
• Lc3,11 : Na we akabasubiza ati « ufite amakanzu abiri agabane n'utayafite, n'ufite icyo kurya, na we agenze atyo ».
Kuki dutura ariko ntituronke imigisha ?
Turatura ariko ntituronke imigisha y'Imana kubera :
Dutura nabi: itungo riremaye, amafaranga yacitse cyangwa yataye agaciro ndetse n'ibisigazwa.
• Sir34,18-19 : 18Utuye igitambo cy'ibyibano aba atanze ituro ritakirwa, kandi amaturo y'indakoreka ntashimisha. 19Umusumbabyose ntanyurwa n'amaturo y'abamwanga, kandi ntababarira ibyaha akurikije umubare w'ibyishwe.
• Mal 1,13-14 : 13Murongera, muti « Uyu murimo uraruhanyije ! » maze mukansuzugura, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga. Murazana itungo munyaze, iricumbagira cyangwa ririrwaye, mukarintura ; bene ayo maturo, nshobora se kuyakira ? Uwo ni Uhoraho ubivuga. 14Arakaba ikivume, uwampigiye kumpa ikimasa cyo mu bushyo bwe, akantura ituro rifite inenge, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga, kuko ndi umwami w'igihangange, n'izina ryanjye rikaba rikwiye gutinywa mu mahanga.
Ntitwubahiriza amasakaramentu cyangwa tuyahabwa nabi
• 1Kor 11,28-30 : 28Buri wese nabanze yisuzume rero, maze abone kurya uwo mugati no kunywa kuri iyo nkongoro ; 29kuko uwarya cyangwa akanywa atubahirije umubiri wa Nyagasani, aba ariye kandi anyoye ikizamubyarira ubucibwe. 30Ni cyo gituma benshi muri mwe barwaye kandi bamugaye, ndetse bamwe bakaba barapfuye.
Duhambiriwe n'umwe mu mizi 7 y'ibyaha (ubute, uburakari, ubusambo cg ubugugu, inda nini, ishyari, ubwandavure cyangwa irari, ukwikuza).
UMWANZURO
Iyo urebye muri iki gihe usanga hari uburyo abantu bamwe na bamwe banga gutanga ituro bavuga ngo ituro ritangwa n'abakuze cyangwa abakize (abafite amafaranga) , ngo bo ntiribareba. Muri aba bafite ibi bitekerezo usanga abenshi ari abaherutse guhabwa no guhesha Amasakaramentu cyangwa barangije amashuri.
Iyi nyandiko ikubiyemo bimwe mu byo Bibiliya ivuga ku ituro, irareba buri mukristu wese itavangura : ingano, ubukungu, amashuri… ahubwo buri wese atanga ituro kubera akamaro

rimufitiye akanaritanga uko yifite. Ibi bice twagerageje kugabanyamo ituro si ukuvuga ko aribyo gusa bibaho, ahubwo ni uko aribyo by'ibanze. Igihe nawe rero ku giti cyawe wiyumvamo gutanga ituro ariko ufite indi mpamvu itari imwe muri izi ziri aha, naryo igihe urituranye umutima mwiza rirakirwa.
Ibyo byose ni mwe bigirirwa, kugira ngo musenderezwe ineza y'Imana, maze murusheho kuba benshi bashimira Imana, bayihesha ikuzo ! (2Kor 4,15).
Bikorewe ku Muhororo ku wa 13/03/2012
Fratri NKURUNZIZA Thaddée

AMATSINDA Y'ABANA MURI PARUWASI YA NYUNDO ATANGIYE GUSHINGA IMIZI

Hashize imyaka isaga itatu amatsinda y'abana atangiye muri Diyosezi ya Nyundo. Iyi gahunda y'amatsinda y'abana yatangiriye mu miryangoremezo 100 ya Paruwasi 10 zatoranyijwe na Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa kugira ngo yivugurure maze ibe ahantu harangwa amahoro n'ubwiyunge.
Gutangiza ayo matsinda y'abana byakomotse ku cyifuzo cy'abakristu babonaga ari ngombwa gutoza abana bato kubana kivandimwe hakiri kare nyuma y'amahano yabaye muri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Hari kandi n'indi mpamvu ikomeye yo kwunganira igihe kidahagije cy'inyigisho z'Iyobokamana mu mashuli ndetse no kuri paruwasi igihe bategurirwa guhabwa amasakramentu.
Paruwasi ya Nyundo ni imwe muri izo paruwasi 10 zatoranyijwe arizo : Nyundo, Biruyi, Busasamana, Muramba na Muhororo muri Zone pastorale ya Gisenyi, na Nyange, Birambo, Mushubati, Mubuga na Kibingo muri zone pastorale ya Kibuye.
Amatsinda y'abana amaze gutangizwa mu miryangoremezo myinshi igize santrali 6 zigize Paruwasi ya Nyundo, abayobozi bayo bihutiye gushaka imfashanyigisho yabateguriwe na Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa , iyi Biro nayo ibahugura ku mikoreshereze y'ako gatabo ndetse inabahugura ku biranga imyifatire n'imikurire y'abana(psychologie du développement de l'enfant) baboneka mu itsinda kugira ngo barusheho kubamenya bityo babone uko babafasha. Ibi byakozwe muri paruwasi zose zatoranyijwe no mu zindi paruwasi zitatoranyijwe.
Kimwe n'ahandi, muri Paruwasi ya Nyundo hashyizweho Komite ihuza abarezi b'amatsinda y'abana yose, ifite inshingano yo gufasha amatsinda kurushaho kugera ku ntego. Uretse gusura abarezi mu masantrali no gukorana nabo inama kenshi kuri Paruwasi, iyi komite, ifatanyije n'abarezi ndetse n'ubuyobozi bwa Paruwasi itegura kandi igafasha abana bibumbiye mu matsinda kwizihiza umunsi ngarukamwaka bibuka Yezu aturwa Imana mu Hekaru, ubusanzwe Kiliziya yizihiza ku itariki ya 2 Gashyantare buri mwaka.
Uyu mwaka, ku nshuro ya 3, Paruwasi ya Nyundo yijihije uwo munsi tariki ya 11/2/2012. Insanganyamatsiko y'uwo munsi ari nacyo cyerekezo abana bihaye ku munsi wo gushimira Imana kubera imyaka itatu ishize amatsinda y'abana atangiye ni : Abana, turangamire ijuru nta nkomyi, kuko Yezu akunda abana bato.
Ibirori byo kwizihiza uwo munsi byatangijwe n'igitambo cya Misa yayobowe na Padiri Gaspard Kanzira, Padiri mukuru wa Paruwasi ya Nyundo ari kumwe na Padiri Piyo Kwitonda bafatanya ubutumwa muri Paruwasi. Iyo misa yitabiriwe n'abana basaga 2.000 bafite imyaka kuva kuri 7 kuzamura dore ko ubusanzwe abana bose bibumbiye mu matsinda bagera ku 4.282 bari mu matsida 129 ku miryangoremezo 154 igize Paruwasi ya Nyundo.
Mu nyigisho yagejeje ku bari mu misa, Padiri mukuru yavuze ko hirya no hino hakigaragara abahohotera abana ku buryo bunyuranye. Yifuje ko aba basabirwa kugira ngo Imana ibafashe guhindura imyitwarire. Yasabye kandi abana kurangwa n'imyifatire myiza, bakaba abana

bumvira ababyeyi, bumvira abarezi haba ku ishuri n'ababayobora mu matsinda.
Muri iyo misa Padiri Gaspard afatanyije na Padiri Piyo bahaye umugisha ababyeyi batwite bari baje mu misa, bawuha n'abana bose bari baje buri wese ku giti cye.
Igitambo cya misa gihumuje hakurikiyeho ibirori byari byateguwe n'abana bo mu masantrali 6 agize paruwasi ya Nyundo. Mu mikino yose berekanye, haba mu mbyino, mu ndirinbo no mu dukinamico tugufi, abana bagaragaje ibyiza bakura mu matsinda barimo, bagaragaza ariko n'imbogamizi ahanini zishingiye ku babyeyi bamwe na bamwe batarumva akamaro k'itsinda bityo ntibohereze abana babo mu itsinda.
Semanza François, ukuriye Komite ya Paruwasi ishinzwe amatsinda y'abana , amaze kugaragaza uko amatsinda ahagaze hakurikijwe amasantrali nk'uko tuza kubibona mu mbonerahamwe ikurikira, yagaragaje ibyiza amatsinda y'abana amaze kugeraho muri Paruwasi ya Nyundo aribyo ibi bikurikira :
a) guhimbaza umunsi mpuzamahanga w'iyogezabutumwa ry'abana bibuka Yezu aturwa mu ngoro ntagatifu,
b) guhimbaza igitambo cya misa rimwe mu kwezi, ku cyumweru cya gatatu cya buri kwezi, icyo gihe misa ikaririmbwa n'abana bahagarariye Centrale ndetse akaba ari nabo basoma amasomo,
c) abarezi babonye amahugurwa ku gatabo k'imfashanyigisho y'abita ku matsinda y'abana kandi bagira n'umwiherero byibura rimwe mu gihembwe,
d) mu rwego rwo kunoza umubano mu matsinda y'abana, Komite ihuza abashinzwe amatsinda y'abana ku rwego rwa paruwasi yasuye amatsinda y'abana mu masantrali yose. Abana nabo barasuranye bahabwa n'igitambo cya Misa.
e) Muri buri santrali hashyizweho Chorale y'abana. Hashinzwe kandi Chorale y'abana ku rwego rwa Paruwasi ihuza abana baturutse mu masantrale yose.
f) Bakoze kandi igikorwa cy'urukundo cyo gusura gereza ya Nyakiriba, bafatanya n'abagororwa gutura igitambo cya Misa. Icyo gihe babagemuriye ibiribwa bihwanye n'amafranga 70.000 byatanzwe n'abana bibumbiye mu matsinda.
g) Bafite Konti muri RIM SA ishami rya Gisenyi.

Uko amatsinda y'abana ahagaze muri Paruwasi ya Nyundo

PARUWASI NYUNDO

Centrale	succursale	Imiry.remezo	Umubare w'abarezi	Umubare w'abana	Umubare w'amatsinda
Nyabirasi	12	41	67	1.205	40
Kinigi	5	12	25	427	12
Kanama	11	34	37	1.140	31
Nyundo	9	32	28	520	27
Rusamaza	17	15	35	514	14
Bulinda	6	14	12	476	5
Igiteranyo	60	150	204	4.282	129

Dore uko amasantrale yasuranye n'uko bagiye batanga ituro ryo gushimira Imana muri iryo sura :

Santrale yasuye	Santrale yasuwe	Ituro ryatanzwe
Nyundo	Kinigi	32.970
Bulinda	Rusamaza	14.750
Nyabirasi	Kanama	60.830
Igiteranyo		108.550

Kubera ibyo byiza byose bamaze kugeraho ndetse n'ibindi bitavuzwe, mu izina ry'abandi,

uhagarariye Komite ishinzwe amatsinda y'abana ku rwego rwa paruwasi,
- yashimiye Imana yabagiriye ubuntu bugeretse ku bundi ikabaha abayobozi ba Kiliziya batazimiza izo baragijwe,
- yashimiye by'umwihariko Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo n'abamufasha bose kuba baratekereje gushyiraho amatsinda y'abana mu miryangoremezo.
- Yashimiye abasaserdoti babaye muri Paruwasi ya Nyundo n'abayirimo ubu kuko batahwemye gufasha no guteza imbere abana bato.
- Yashimiye Abihaye Imana bafite ubutumwa muri Paruwasi ya Nyundo kubera inkunga n'inama nyinshi baha amatsinda y'abana no mu kubaba hafi igihe cyose.
- Yashimiye kandi Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa idahwema guhugura no kugira inama abarezi b'amatsinda y'abana.
- Yashimiye Komite zose za Paruwasi, abayobozi ba Santrali zose, abayobozi b'imiryangoremezo, ababyeyi b'abana n'abandi bakristu kuko badahwema kubumva no kubakira igihe cyose baje babagana.

Yavuze kandi ko bafite ingamba zikurikira :
- Gusura no gusurwa n'abana bo mu yandi maparuwasi,
- Gutegurira abana amasakramentu y'ibanze mu matsinda yabo babifashijwemo n'abarezi b'amatsinda y'abana, ababyeyi, n'abandi bose babifite mu nshingano zabo.
- Gufasha abana kwiteza imbere babakorera udushinga duto duto nk'ubworozi bw'amatungo magufi cyane ko roho nzima itura mu mubiri muzima.
Yarangije ijambo rye ashimira abana bato bayobowe n'abarezi babo mu matsinda y'abana umurava n'ubwitange bafite, abifuriza gukomereza aho baboneza icyerekezo bafite kigira kiti : Turangamire ijuru nta nkomyi kuko Yezu akunda abana bato.
Muri ibyo birori Umwenebikira Mama Mariya Jeannette Uwamahoro, ukurikiranira hafi amatsinda y'abana muri Paruwasi ya Nyundo akaba yaranasuye amasantrali yose afatanyije n'abakuriye amatsinda y'abana muri paruwasi, yagaragaje bimwe mu bimenyetso by'ihohoterwa rikorerwa abana bahuye nabyo basura amasantrali:

Mama Mariya Jeannette n'abana muri Centrale Kanama

- Hari ababyeyi babuza abana kujya mu misa bagasigara ku ngo,
- Hari ababyeyi babuza abana kwitegura amasakaramentu,
- Hari ababyeyi batuma abana biba amasakaramentu

Mama Pascal wavuze mu izina ry'Abiyeguriye Imana baba muri Paruwasi ya Nyundo, yatangiye avuga ko twese dufite Imana, Umubyeyi umwe dukomoraho ibyo dutunze byose. Yakomeje avuga ko Imana yaduhaye ababyeyi batubyaye ku mubiri kandi ikaduha n'umubyeyi Kiliziya. Yishimiye ibyiza abana bagenda bageraho mu matsinda. Yaboneyeho kuvuga kubijyanye no kwiyegurira Imana, avuga ko hari imiryango myinshi inyuranye y'abiyeguriye Imana ndetse n'abasaserdoti, ariko ko kugira ngo umwana abigereho agomba gukuza ubwenge, akagira ubwitonzi ndetse n'imico myiza. Yasabye abana kwihatira kwiga bagatsinda kandi mu mikurire yabo bagaharanira kwigana Yezu wakuze akunda Imana n'abantu.
Uhagarariye Komite Nyobozi ya Paruwasi yavuze ko kwizihiza ku nshuro ya gatatu umunsi uhuza amatsinda y'abana muri paruwasi ya Nyundo bisigiye abana guharanira kurushaho kumvira ababyeyi babo kandi bakumva ko ari inshuti za Kristu, kwirinda kurushaho ingeso mbi, ubusinzi, ubujura n'izindi ngeso mbi zose.
Yavuze ko ababyeyi bakwiye gukunda abana kuko ari impano y'ikirenga y'Imana,

bakabatoza uburere bwiza, ikinyabupfura, iyobokamana. Yagize ati" tubakunde, tubabere urugero rwiza twigana urugo ruhire rw'I Nazareti.
Mu ijambo rye, umushyitsi mukuru, Padiri mukuru wa Paruwasi ya Nyundo yashimangiye impamvu amatsinda y'abana ari ngombwa, yibutsa ko amatsinda afasha abana kwiga amasengesho ahenshi atakivugwa mu ngo, avuga ko amatsinda afasha abana kumenya Kiliziya by'umwihariko ayo matsinda agafasha abana kwiga Isomo ry'Iyobokamana ritagitangwa neza henshi mu mashuri abanza ndetse n'ayisumbuye. Yashishikarije abarezi kwita kurushaho ku bana bashinzwe bategura Kiliziya y'ejo, asaba akomeje imiryangoremezo idafite amatsinda y'abana kuyashyiraho agira ati : « Abasinziriye nimukanguke burakeye ».
Yasabye abiyeguriye Imana baba muri paruwasi ya Nyundo kugira ubutumwa bitangira muri Paruwasi, ashimira by'umwihariko Mama Jeannette uburyo akurikiranira hafi amatsinda y'abana muri Paruwasi ya Nyundo.
Ibirori by'uwo munsi byashojwe n'ubusabane bwabereye mu kigo cy'amashuri abanza cya Kayanza, aho abana bose n'abarezi basangiye ibyo bari bateganyije mu bushobozi buke bwabo.

MUSEBYUKUNDI Didace

PARUWASI YA NYUNDO YISHIMIYE ITORWA RY'UMWEPISKOPI WA DIYOSEZI YA RUHENGERI MUSENYERI VISENTI HAROLIMANA

Tariki ya 15 Gashyantare 2012, muri katedrali yo ku Nyundo, abakristu ba paruwasi ya Nyundo bifatanyije na Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti Harolimana mu gutura igitambo cya misa yo gushimira Imana kubera ko uyu yatorewe kuyobora Diyosezi ya Ruhengeri.
Mu gitambo cya Misa, Musenyeri Visenti Harolimana yasabye abakristu kumufasha gushimira Imana iduha ibyiza birenze imivugirwe, ikabiduha itarebye uko duhagaze. Yifuje ko twakomeza gusaba Imana kugira ngo ibyiza iduha ibidukomereze. Yasabye ko twajya tugira umutima wakira ibyiza Imana iduha kandi tugaharanira kubibyaza umusaruro.
Yashimiye abakristu ba paruwasi ya Nyundo bafatanyije n'abapadiri babo kuba bateguye uwo munsi, kuko bamufashije kwakira ingabire y'Imana yo kumutorera kuba Umwepiskopi.
Yibukije abakristu ko iyo nkuru yayimenyeshejwe tariki ya 31 Mutarama 2012 ku munsi wa Mutagatifu Yohani Bosco inshuti y'urubyiruko. Yakomeje avuga ko, mu buzima bwe, atigeze atekereza ko yazaba Umwepiskopi, agaragaza ko byose tubihabwa n'Imana ku buntu bwayo

uhereye ku buzima busanzwe ndetse n'ubuzima bw'iteka duteganyirijwe.
Yavuze ko nubwo Imana iduha ibyiza byayo ku buntu bwayo, dukwiye guhora twigengeseye kuko ubwo bukungu tubutwaye mu tubindi tumeneka ubusa. Yavuze ko nta bindi bindi Nyagasani aheraho atoranya uretse urukundo akunda abayo. Yibukije itorwa rya Simoni Petero aho Yezu yamubajije ubugira gatatu ati : "Simoni mwene Yonasi urankunda?" nyuma akamuha kuragira intama ze.

Yasabye abakristu kumusabira kugira ngo ahore adacogora ku rukundo rwa Kristu na Kiliziya kuko aribwo azaba Umushumba mwiza witangira intama ze, Umushumba witanga atizigamye, Umushumba wita ku ntama zose agaha umwanya w'ibanze izifite intege nke, umushumba wihutira gutabara intama ze akazirinda gutana. Umushumba wemera kwitangira intama ze ndetse byaba ngombwa akazipfira. Umushumba uhaguruka akajya gushaka intama zazimiye. Yasabye ko iryo sengesho rishimira abakristu barihuza no gusaba kugira ngo ibyiza Imana iduha iduhe kubibyaza umusaruro.

Misa ihumuje, abakristu bateraniye ku rubuga rwa Kiliziya, maze haba ibirori byo kwizihiza uwo munsi. Itorero Gira amahoro rya paruwasi ya Nyundo ryari ryabukereye.
Mu guha ikaze abashyitsi, padiri Gaspard Kanzira padiri mukuru wa paruwasi ya Nyundo yavuze ko uwo munsi wari ngombwa kubera ko Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti Harolimana yatorewe kuba Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri yari amaze imyaka myinshi ari padiri mukuru wa Seminari nto yo ku Nyundo iri muri paruwasi ya Nyundo. Yavuze ko Musenyeri Visenti yafashije kenshi mu mirimo inyuranye abapadiri bakorera muri paruwasi ya Nyundo, haba gusoma misa, gutanga amasakramentu n'ibindi. By'umwihariko yakiriye abaseminari benshi bavuka muri paruwasi ya Nyundo. Yakomeje avuga ko ibyo byose byatumye umunsi nk'uyu utegurwa kugira ngo abakristu bagaragarize Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti ko bamuhoza ku mutima.

Prezida wa Komite Nyobozi ya paruwasi ya Nyundo yavuze ko kuva tariki ya 31/1/2012 ubwo inkuru y'uko padiri Visenti Harolimana yatorewe kuba Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri, abakristu ba paruwasi ya Nyundo bakomeje gushimira Imana bashimira na Nyirubutungane Papa Benedigito XVI wamutoreye uwo murimo. Yakomeje avuga ko bashimira Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti Harolimana kubera imyitwarire ye badashidikanya ko ariyo Papa yaba yarahereyeho mu kumutorera kuba Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri. Ibyo yabivuze agira ati "Ujya gutora agira aho ahera". Yagaragaje bimwe mu biranga imico myiza ya Musenyeri Visenti Harolimana. Yagize ati : "Muri iyi myaka Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti Harolimana amaze hano ku Nyundo yagaragaye nk'umuntu wubaha Imana, umuntu utuje, umuntu w'amahoro, umuntu witanga, umuntu utega abandi amatwi, umuntu wita ku batishoboye, umuntu ujya inama n'umuntu ugaragaza ubuhanga mu byo ashinzwe". Yakomeje avuga ko kuba Musenyeri Visenti atorewe kuba Umwepiskopi wa Ruhengeri bije mu gihe gikwiye no k'uwo bikwiye. Yavuze ko abakristu ba paruwasi ya Nyundo batazibagirwa uburyo Musenyeri Visenti Harolimana yabanye nabo, asaba Musenyeri Visenti gukomeza kurangwa n'imico myiza aho agiye. Yongeyeho ko abakristu ba paruwasi ya Nyundo bazitabira ku buryo bugaragara ibirori umunsi Nyiricyubahiro Visenti Harolimana azahabwa inkoni y'ubushumba. Yashoje asaba umwe mu bo bahuriye muri Komite Nyobozi ya paruwasi ya Nyundo guha Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti Harolimana impano y'urwibutso paruwasi yari yamugeneye.

Nyiricyubahiro Myr.Visenti Harolimana yakira impano

Muri ibyo birori, Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti Harolimana nawe yafashe ijambo, ashimira abikuye ku mutima umwanya abakristu ba paruwasi ya Nyundo bamugeneye, ngo basangire ibyishimo kubera ko Imana yitorera bamwe muri bo ikabashinga imirimo ikomeye. Yavuze ko icyo gikorwa abakristu bagaragaje gishimangira ubuvandimwe. Yakomeje avuga ko uko yakoranye neza n'abanya Nyundo adateze kubyibagirwa cyane ko n'abakristu bamuhaye impano ishimangira ubuvandimwe.
Nk'uko abyivugira, Musenyeri Visenti Harolimana yageze ku Nyundo afite imyaka 13 aje kwiga mu i Seminari nto, ahakura ubwenge n'uburere, yongera kuhagaruka mu mwaka wa 2000 aje kuyobora Seminari nto. Mu Karere k'u Bugoyi kandi yakabayemo ari ku Gisenyi imyaka 3 nyuma yo guhabwa ubusaserdoti na Nyirubutungane Papa Yohani Paulo II mu mwaka wa 1990 i Mbare muri Diyosezi ya Kabgayi. Yavuze kandi ko yishimira kuba yarabonye uko Abepiskopi 4 bayoboye Diyosezi ya Nyundo basimburana, uhereye kuri Musenyeri Aloyizi Bigirumwami wayoboye bwa mbere Diyosezi ya Nyundo, Musenyeri Visenti Nsengiyumva, Musenyeri Wenceslas Kalibushi na Musenyeri Alexis Habiyambere uyiyobora ubu.
Amaze kugaragaza ko imyaka amaze ku Nyundo igiye kuba ½ cy'imyaka afite y'amavuko, yavuze ko agiye mu Ruhengeri ari umuntu wa Nyundo, bityo Nyundo na Ruhengeri bikaba bigiranye igihango. Ngo igihe abanya Nyundo bazajya bajya mu Ruhengeri bazajya bahasanga umubyeyi n'umuvandimwe, ndetse ngo nawe nazajya aza ku Nyundo azajya ahasanga ababyeyi n'abavandimwe. Yongeye kwishimira ko abanya Nyundo bishimiye itorwa rye kandi ko bazabigaragaza bifatanya nawe ari benshi umunsi azahabwa ubwepiskopi. Uwo munsi washojwe n'ubusabane bwabereye kuri Home St.Barthélémy ku Nyundo aho abari batumiwe basangiye ifunguro ryari ryateganyijwe bacinya n'akadiho.

MUSEBYUKUNDI Didace

YADUHAYE ATITANGIRIYE ITAMA (Yoh 19,26 -27)

Muri iyi minsi twibukaho jenoside yakorewe abatutsi, abantu benshi bababazwa n'ukuntu aba bavandimwe batereranywe bakicwa nta kivurira, abavandimwe, Leta ndetse n'amahanga barebera. Hari bamwe barengera, bakemeza ko n'ijuru ryabatereranye cyangwa se bakibaza niba mwijuru bemera ko abantu bazira akarengane. Gusa igishimishije, ni uko mu buhamya bwinshi butangwa, abarokotse bose bamamaza ibitangaza by'Imana mu kaga katagira urugero bahuye nako. Ndetse twemeza tudashidikanya ko n'abapfuye n'ubwo tudashobora kubona ubuhamya bwabo batigeze batereranwa n'ijuru, kuko Imana yari hamwe nabo.
By'umwihariko Umubyeyi Mariya yagaragaje kenshi umubabaro, ndetse kenshi yagiye aburira abantu (yifashishje amabonekerwa) akaga kugarije ibihugu, bitewe n'ibyaha bikomeza kwiyongera.
Muri iyi nyandiko tugiye kurebera hamwe zimwe mu ngero z'imiburo uwo Mubyeyi yabaga yatanze nyamara abantu bakanga kumva no kuva ku izima kugera ishyano riguye.

"Bikiramariya abonekera mutagatifu Gatarina mu gihugu cy'Ubufaransa"2

Ayo mabonekerwa y'umwana w'umukobwa (Catherine Laboure) yabaye hagati ya mata na nyakanga 1830. Akaba yari muri noviciat i Parisi aho yiteguraga kwinjira mu muryango w'ababikira b'abari b'urukundo (filles de la charité).
Ubwa mbere yeretswe umutima wa mutagatifu Visenti (inshuro eshatu zikurikirana), ubundi akabona Nyagasani mu Isakaramentu ry'Ukaristiya. Ibyo bikaba aribyo byamuzamuyemo icyifuzo cyo kubona n'Umubyeyi Mariya, kandi agahora asenga abisaba.
Tariki ya 18 nyakanga saa tanu n'igice z'ijoro nibwo yumvise ijwi rimuhamagara. Arakanguka, avanaho umwenda wo mwidirishya, abona umwana ufite hagati y'imyaka ine n'itanu. Umwana aramubwira, ati "byuka vuba, uze muri shapeli, Umubyeyi Mariya araguhamagara. Nibwo Gatarina abyutse, arambara, maze akurikira uwo mwana wabengeranaga urumuri, kuburyo urwo rumuri rwabamurikiraga aho banyuraga. (Gatarina yemeza ko uwo mwana ari Marayika murinzi wari wazanywe no kumwereka umubyeyi.)
Gatarina yasanze Umubyeyi Bikiramariya yicaye mu ntebe bari bateguriye bwana Richenet muri Misa y'umunsi mukuru wa Mutagatifu Visenti. N'ibyishimo byinshi, amupfukama imbere, arambitse inkokora ze ku mavi y'uwo mubyeyi.
Bikira Mariya asobanurira Gatarina ibyago byari bigiye kugwirira Ubufaransa Yarateruye, ati " Mwana wanjye Imana irashaka kuguha ubutumwa. Mu kubutanga uzahura n'ibibazo bikomeye. Ariko humura, kuko ibyo byose uzaba ubikorera kugirango icyubahiro cy'Imana gishyirwe hejuru." Arongera, ati: " uzagire ubutwari kuko ugomba kubimenyesha bwana Aladel ushinzwe kukuyobora mu nzira watangiye yo kwiyegurira Imana; kandi atazahita yemera ibyo umubwira. Ibyo werekwa byose, uzabivugane kwizera no kwicisha bugufi.
Uwo mubyeyi, amaze kwemerera Gatarina kumuba hafi muri ubwo butumwa, yahise amumenyesha ibyago byari bitegereje igihugu cy'Ubufaransa. Ati " ibihe bizaba bibi, ibyago bigiye kugwira muri iki gihugu. Ubwami bw'ubufaransa buzahirikwa, abantu bose bashegeshwe n'ibyago by'amoko menshi. (Gatarina yemeza ko ayo magambo yayavuganye ikiniga.). Yungamo, ati " ibyago bizaba bikomeye ariko uzabwire abagize imiryango ibiri Visenti yashinze ngo yite ku bakene, uti ntimuzagire ubwoba kuko Imana, Mutagatifu Visenti ndetse nanjye ubwange tuzaba turi kumwe namwe. (iyo miryango ni uw'abari b'urukundo n'abarazaliste)". Arongera, ati " ariko mbabajwe cyane n'ibibi ndetse n'uburyo amategeko atubahirizwa muri iyi miryango yombi". Arakomeza, ati " mwana wanjye, umusaraba

[2] Byakuwe mu gatabo «Vie de Cathérine LABOURE »

uzasuzugurwa, ujugunywe hasi, uribatwe. Amaraso azaseseka, mbese bizaba nko kongera gucumita icumu mu rubavu rwUmwami wacu. (aha ho, Umubyeyi ntiyari agishobora kuvuga.)
Ati " mu mihanda yose hazaba ari imivu y'amaraso kandi abantu bose bazaba bari mu gahinda katavugwa. Mu bihayimana b'i Parisi hari abo ibyo byago bizatwara harimo n'Umushumba (Monseigneur Archêveque). Ayo magambo yarayavuze ararira.
Muri make, iri yerekwa ryerekana neza ukuntu Umubyeyi Bikiramariya yita by'umwihariko ku mibabaro yacu akababazwa cyane n'ibibi bitubaho.
Ntibyahagarariye aho kuko uyu Mubyeyi yategetse Gatarina gucurisha umudari w'ibitangaza (la medaille milaculeuse) ku buryo muri ibyo byago abambaraga uwo mudari wabarindaga ku buryo butangaje. Uretse n'ibyo n'abapfaga bawambaye wabahaga ingabire yo gupfa neza. Ntibyatinze ibi byose uko byakabaye biba uko Umubyeyi yabihanuye.
Uwo Mubyeyi uko yifatanyije n'abafaransa muri uwo mwaka wa 1830, akaza kubaburira ibyago byari bibugarije, niko twibuka imiburo yahereye abanyarwanda (mbere gato ya genoside) mu mabonekerwa y'i Kibeho. Izo ni ingero mu zindi zerekana ko Nyagasani ku musaraba yaduhaye umubyeyi udukunda koko. Ntiyadusondetse rero, ahubwo yaduhaye atitangiriye itama. Ntadutererana, yifatanya ubutitsa n'abababara.
Mubyeyi iyo tugufite tuba dufite byose!

Jérôme GAKWAYA
Paruwasi MUKUNGU

IKIREZI KIBEREYE RUREMA

Reka mvuge ikirezi kibereye Rurema
Uwo Rugira yahunze
Ubwiza busesuye
Akamutaka ubugwaneza.

Bumwe butagereranywa
N'uburanga bwahebuje
Uwo ni Umwali Mariya
Nyina wa Jambo
Dukesha ubuzima.

Umwe usa n'inyenyeri
Yaka neza yo mu rukerera
OO! mama mvuze
Inyenyeri nibuka
Ya nyenyeri yawe
Yatumurikiraga

Ubwo wasuraga uru Rwanda
Yakaga bidasanzwe
Mu ijuru rigana i Kibeho
Buri mugoroba, benshi
Twagiraga amatsiko yo kuyireba.

Kuko urumuli rwayo
Rwari rutandukanye cyane
N'urw'inyenyeri zindi
Ubwo waje kutumara amatsiko
Ugira uti : Erega bana banjye

Mba mbamurikiye
Mbereka ko nabasuye
Kandi nkinabikomeje
Ni rwo rumuli mwabonye
Rwadutse rudasanzwe
Ubwanyu mukabyibonera.

Waradusuye uratubohora
Abari barayobotse cya
Cyago ari cyo rusenzi
Imwe yiturira mu mibabaro
Bari bahari ibyo birazwi.

Ku bw'ubutumwa waduhaye
Bagarutse mu nzira nziza
Y'ubugingo buhoraho.
Wateguye abana bawe
Bali bagiye kuzataha
Umunota ku wundi.

Byari kuzabaviramo
Kuzacibwa iteka ryose
Ubutumwa butubera imbarutso
Yo kuronka ubuzima buhoraho
Ari nacyo kiduhumuriza
Twebwe abari ku isi.

Tugarutse imbere yawe
Tutakiri inkumi n'abasore gusa
Ahubwo ibikwerere n'ubukombe!
Imyaka itanu utwibarutse
Si akayabo gashyitse se!

Reka twibukiranye Mama,
Incuro ya kabiri utwibarutse
Twakumeneye akabanga kagira
Kati : tukwiziritsehoooo!

None umwaka ugira gatanu
Tuvutse, ako tukumenera ni aka :
Dushaka kukwamamazaaa.
Tukagukorera tukagukunda
Tukagukundisha n'abandi

Tukajya tubigirana umurava
n'Ubupfura tugukomoraho
Twanakubwiye ko tuzahora
Tugutura abadufashije
Kubona uru Rumuli

Haba ubwo dusamara
Ibi by'abana tukibagirwa
Ntitubaguture uko twabivuze
Kuko kwibagirwa iwawe bitarahangwa
Ujye utumenyera uwo mugambi

Maze ubahoze ku mutima
Ntibazacogore ku rugamba
Maze twese tukazibanira
Ubuziraherezo iteka ryose
Ntidushidikanya ko ubitwemereye
Urakoze Mubyeyi.

Ese Nyina wa Jambo
Twakunganya iki ?
Twakwitura iki kigukwiye
Ko ubuntu bwawe ari ikirenga !
Agatsinda bugera kuri bose

Ntibujya burobanura bibaho
Ni twe tunanirwa kwakira.
Tuzahora tugushima
Tuguture ibyacu byose
Ngo ubitubikire ahatagera ibyonnyi.

Hagira ibyago abatakumenye
Ngo ubavuganire kwa Jambo
Maze batone, batete, batohagire
Itoto ry'umutima usukuye
Burya nta we usaza ari mu Mana !

Ntitugusezeyeho Mubyeyi
Gumana natwe iminsi yose
Dutuze umudendezo
Mu gituza cy'uwatubyaye
Utwitulize mu gishura cyawe
Mubyeyi Maragahinda.

MUKANTABASHWA Thérèse
Paroisse Stella Maris /GISENYI

UBUTUMWA BWAHAWE ABASASERDOTI MURI NYAKANGA 2012

I. SERVICES GENERAUX
Monseigneur J.M.V. NSENGUMUREMYI : Vicaire Général, Représentant diocésain de l'Education Catholique, O.P.M.
Abbé Jean Népomuscène MALIYAMUNGU : Econome Général, Gestionnaire du Domaine de la Trinité, Etudes à l'ULK (le soir)
Abbé Fabien RWAKAREKE : Vicaire Episcopal chargé du suivi du synode diocésain, Chancelier, Service diocésain de Coordination Pastorale,
Délégué spécial de l'Evêque auprès de Abahire.
Abbé Laurent NGENDAHAYO : Recteur du Petit Séminaire St.Pie X, chargé de la Pastorale des vocations et des grands séminaristes, Coordination
Pastorale des Veuves, Vicaire Judiciaire.
Abbé Elie HATANGIMBABAZI : Econome Général adjoint, Gestionnaire du Centre d'Accueil Saint François Xavier, Etudes à l'ULK
(Droit le soir), Aumônier de la Fraternité Notre Dame de la
Résurrection.
Abbé Etienne MUKERAGABIRO : Directeur de la Caritas Nyundo/Gisenyi, chargé du suivi des Projets d'autofinancement et de développement dans les
paroisses Zone Gisenyi, chargé du service diocésain de
Catéchèse/Gisenyi, Professeur au Petit Séminaire.
Abbé Thaddée MUSABYIMANA : Directeur de la Caritas Nyundo/Kibuye, chargé du suivi des Projets d'autofinancement et de développement dans les
Paroisses Zone Kibuye, chargé du service diocésain de
Catéchèse/Kibuye, gestionnaire du Home Saint Jean, Délégué
de l'Evêque auprès du Centre KOMERA.
II. SERVICES INTERDIOCESAINS
Abbé Léandre NSHIMYIYAREMYE : Professeur Résidant au Grand Séminaire de Rutongo.

III. ZONE PASTORALE DE GISENYI
1. DOYENNE DE MUHORORO
Doyen : Abbé Bernard KANAYOGE
GATOVU
Abbé Emmanuel NGAYINTERANYA : Curé
Abbé Flavien DUSHIMIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.
MUHORORO
Abbé Bernard KANAYOGE : Curé, Aumônier E.T.O. Gatumba, Aumônier Postulat Abahire, Aumônier Postulat BENEBIKIRA.
Abbé Jean François UWIMANA : Vicaire, Econome, Aumônier ADEC, Aumônier de l'Hôpital, Pastorale de la Jeunesse.
Fratri Charles NIYONTEZE : Stagiaire, Econome-adjoint, Pastorale de la Jeunesse.
RUSUSA
Abbé Léonidas NGOMANZIZA : Curé, Aumônier APEJERWA Nyange
Abbé Innocent TUYISENGE : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier ASPAD/Ngororero.
Fratri René Claude HAKIZIMANA : Stagiaire, Econome adjoint, Pastorale de la Jeunesse.
2. DOYENNE DE MURAMBA
Doyen : Abbé Jean Bosco NYIRIBAKWE
MURAMBA

Abbé Colomban NIYONSABA : Curé, Aumônier E.I.C. Muramba.
Abbé J. Damascène BIZIMANA : Vicaire, Econome, Aumônier ESECOM, Pastorale de la Jeunesse.
Abbé Jean Paul HAGUMINEZA : Vicaire, Aumônier ISMG, Aumônier Centre de Formation aux Métiers.
KABAYA
Abbé Théophile NIYONSENGA : Curé, Aumônier G.S. IBUKA
Abbé François KUBWIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Professeur de Religion.
RAMBURA
Abbé Jean Bosco NYIRIBAKWE : Curé, Aumônier Kibisabo et Kibihekane
Abbé Félicien HARINDINTWARI : Vicaire, Aumônier et Professeur de Religion au G.S. Rambura (G).
Abbé Jean de Dieu BARIGORA : Vicaire, Econome, Aumônier et Professeur de Religion au G.S.Rambura (F), Pastorale de la Jeunesse.
3. DOYENNE DE NYUNDO
Doyen : Abbé Eugène URAYENEZA
BUSASAMANA
Abbé Vincent MBONABAKIRA : Curé, Conseiller Projet IABU
Abbé Evariste NDUWAYEZU : Vicaire
Abbé Jean Damascène SIBOMANA : Vicaire, Econome, Aumônier Collège St.Matthieu, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier Postulat des Filles de la Résurrection.
NYUNDO-EVECHE
Abbé Etienne MUKERAGABIRO : Vicaire dominical Paroisse Cathédrale, et à la Prison de Nyakiliba (voir aussi services généraux).
NYUNDO-PAROISSE-CATHEDRALE
Abbé Gaspard KANZIRA : Curé, Aumônier APEFOK, Aumônier de la Prison Nyakiliba, Chargé des Ecoles de la Paroisse, Aumônier Orphelinat Noël de Nyundo.
Abbé Pie KWITONDA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier et Professeur de Religion à l'Ecole d'Arts.
NYUNDO – PETIT SEMINAIRE
Abbé Laurent NGENDAHAYO : Recteur, Professeur, Aumônier G.S.N.D.A, voir aussi Services Généraux.
Mgr.Dominique NGIRABANYIGINYA : Professeur
Mgr.J.M.V. NSENGUMUREMYI : Voir services généraux
Abbé Evariste DUKUZIMANA : Préfet des études et Professeur, Etudes à Distance KIE, Vicaire dominical à la Cathédrale.
Abbé Justin TUYISENGE : Professeur, Vicaire dominical à Nyundo-Cathédrale
Abbé Emmanuel HAKIZIMANA : Econome de la Communauté et du Petit Séminaire, Professeur, Vicaire dominical à Nyundo Cathédrale.
Fratri Faustin HABIMANA : Stagiaire, Professeur, Préfet de discipline.
GISENYI-PAROISSE
Abbé Eugène URAYENEZA : Curé, Aumônier et Professeur de Religion au Collège Inyemeramihigo, Chargé de la Pastorale de la Famille.
Abbé Pie NZAYISENGA : Vicaire, Econome, Aumônier des Ecoles Secondaires de la Paroisse, Pastorale de la Jeunesse.
Abbé Jean Népomuscène MALIYAMUNGU : Vicaire dominical à la paroisse Gisenyi, (voir aussi services généraux).
Abbé Elie HATANGIMBABAZI : Etudes et Aumônier à l'ULK, Vicaire dominical à la Paroisse Stella Maris Gisenyi (voir aussi services généraux).

MUHATO
Abbé Valens ABAYISENGA : Curé, Aumônier des Ecoles Secondaires de la paroisse
Abbé Antoine de Padoue NSINGIJIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Coordination Pastorale de la Jeunesse/ Zone
Pastorale Gisenyi, Professeur de Religion.
GISENYI-FOYER MGR.ALOYS BIGIRUMWAMI
Mgr. Médard KAYITAKIBGA : Repos
Abbé Fabien RWAKAREKE : Vicaire dominical à la paroisse de Muhato,
voir aussi services généraux.
Mgr.Jean Baptiste HATEGEKA : Repos
Abbé Etienne IZIMENYERA : Responsable du Foyer, Econome à partir du 01/10/2012
4. DOYENNE DE BIRUYI
Doyen : Abbé Prosper NTIYAMIRA
KIVUMU
Abbé Pierre Claver NKUNDIYE : Curé, Econome, Aumônier des Sœurs Bénédictines de Kigufi.
Abbé Joseph SCHMETZ : Vicaire
Fratri Vincent MANIRAMFASHA : Stagiaire, Econome adjoint, Pastorale de la Jeunesse.
BIRUYI
Abbé Prosper NTIYAMIRA : Curé
Abbé J.M.Muzeï SEKABARA, Vicaire
Abbé Pascal BAHATI : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.
KINUNU
Abbé Léonidas NGARUKIYINTWARI : Curé
Abbé J.Damascène HAKIZIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.

IV. ZONE PASTORALE DE KIBUYE
1. DOYENNE DE MUSHUBATI
Doyen : Abbé Léonidas HABARUGIRA
MURUNDA
Abbé Léonidas HABARUGIRA : Curé, Aumônier de l'Hôpital et Aumônier ES Murunda
Abbé Jean Claude MUTUYIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse
Fratri Martin BAMFASHEKERA : Stagiaire, Econome-adjoint, Pastorale de la Jeunesse.
CRETE CONGO-NIL
Abbé Gilbert NTIRANDEKURA : Curé, Pèlerinage au Sanctuaire marial
Abbé Straton NSHIMYUMUREMYI : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.
MUSHUBATI
Abbé J.Colbert NZEYIMANA : Curé, Aumônier TTC Rubengera
Abbé César DUSABEMUNGU : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse.
Abbé Patrick BATEGANYA : Vicaire.
NYANGE
Abbé Jean Baptiste TUYISHIME : Curé, Aumônier des Ecoles Secondaires de la Paroisse
Abbé Janvier HABINEZA : Vicaire
Abbé Noël HITIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse, Aumônier et Professeur de Religion E.S. St.Joseph.
2. DOYENNE DE MUKUNGU
Doyen : Abbé Jean Baptiste MENDIONDO
BIRAMBO
Abbé Laurent SAFARI : Curé, Aumônier Ecole des Sciences et URUMURI
Abbé Callixte NDAGIJIMANA : Vicaire, Aumônier ESI Kirinda

Abbé Philibert KAYIRANGA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse,
Aumônier Ecole Secondaire de l'Assomption, Coordination
Pastorale de la Jeunesse Zone Kibuye à partir du 1/12/2012.
MUKUNGU
Abbé Jean Baptiste MENDIONDO : Curé, Econome
Abbé J.M.V. HODALI : Vicaire, Pastorale de la Jeunesse.
GISOVU
Abbé Jean d'Amour UWIMANA : Curé, Centre des Métiers
Abbé Théodore MPAYIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse
3. DOYENNE DE KIBUYE
Doyen : Abbé Jean Paul RUTAKISHA
KIBINGO
Abbé Epimaque NAYIGIZIKI : Curé
Abbé Denys IRIVUZUMWAMI : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse,
Professeur de Religion E.S. de Kibingo.
MUBUGA
Abbé Antoine MUSABYIMANA : Curé, Aumônier E.S. St.Alphonse Mubuga
Abbé Modeste MURAGIJIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse
KIBUYE
Abbé Jean Paul RUTAKISHA : Curé, Aumônier de l'Hôpital, Aumônier Collège Ste.Marie Kibuye, Aumônier KHI Kibuye.
Abbé Eugène MURENZI : Vicaire, Directeur du Centre KOMERA
Abbé Fraterne NAHIMANA : Vicaire, Econome, Pastorale de la Jeunesse,
Aumônier ETO Kibuye.
HOME SAINT JEAN
Abbé Thaddée MUSABYIMANA : Gestionnaire du Home Saint Jean, Vicaire dominical à la Paroisse Kibuye, (voir aussi services généraux).
V. EN DEHORS DU PAYS
1. Abbé Jean Baptiste BUGINGO : Belgique (Paroisse)
2. Abbé Théogène HAVUGIMANA : Belgique (Etudes-Doctorat en Philosophie)
3. Abbé J.M.V.TWAGIRAYEZU : Belgique (Paroisse-Doctorat Théologie Pastorale)
4. Abbé Gérard TUMUSABYIMBABAZI : Belgique (Paroisse)
5. Abbé Dismas IYAKAREMYE : Allemagne (Paroisse)
6. Abbé Jean HAKORIMANA : Espagne (Etudes-paroisse)
7. Abbé Valens BISABWIMANA : Espagne (Paroisse)
8. Abbé Laurent HABIMANA : Italie (Paroisse)
9. Abbé François KAYIRANGA : Italie (Paroisse)
10. Mgr. Jean Baptiste KAROGOYA : Italie-Vatican
11. Abbé Epimaque MAKUZA : Italie (Paroisse-Doctorat Théologie Morale)
12. Abbé Cyprien DUKUZUMUREMYI : Italie (Paroisse-Doctorat Droit Canonique)
13. Abbé Alfred UWANTAGARA : Italie (Doctorat Spiritualité)
14. Abbé Théodose MWITEGERE : Italie (Etudes-Doctorat Théologie Biblique)
15. Abbé Protais DUSABE : Italie (Paroisse)
16. Abbé Valère SAFARI-BURUSU : Etats-Unis (Etudes)
17. Abbé Jean Bosco MUSINGUZI : Etats-Unis (Paroisse-Etudes)
18. Abbé Aimable UWIMANA : Belgique (Paroisse-Doctorat Spiritualité)
19. Abbé Déo BAHIZI : Belgique (Etudes-Philosophie)

VI. AUX ETUDES DANS LE PAYS
1. Abbé Jean Népomuscène MALIYAMUNGU : Licence en Comptabilité à l'ULK/Gisenyi

2. Abbé Elie HATANGIMBABAZI : Droit à l'ULK / Gisenyi
3. Abbé Evariste DUKUZIMANA : Maths – Physique – Education A1 à KIE à distance.
Fait à Nyundo, le 27 Juin 2012
+ Alexis HABIYAMBERE, S.J,
Evêque de Nyundo.

UDUKURU TWO HIRYA NO HINO

MUTARAMA 2012

Tariki ya 1/01 : Abakristu bamaze gufata umuco mwiza wo gutangira umwaka mushya biragiza Imana. Ku Nyundo ku munsi wa mbere w'umwaka, Musenyeri yatuye igitambo cya misa akikijwe n'abasaserdoti baba ku Nyundo, Katedrali yuzuye, ndetse bamwe bahagaze. Yabibukije ko umunsi wa mbere w'umwaka ari n'umunsi wo gusaba amahoro kandi ko amahoro nyayo ashingira k'urukundo, bityo intego ya Diyosezi ko ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, twese tuyikomeyeho twaba twubaka amahoro.
Tariki ya 18-19/1 : Abasaserdoti bagize inama ibahuriza hamwe bifurizanya umwaka mushya, banarebera hamwe ibyakozwe n'ibiteganywa gukorwa na za services diocésains (inzego zihuza ibikorwa bimwe na bimwe bya Diyosezi : Iyogezabutumwa, Amashuri, Caritas, Ubutabera n'amahoro na Catéchèse).
Tariki ya 21/01 : Abahire ba Nyina wa Jambo 17, abakobwa 14 n'abahungu 3 basezeranye burundu. Ni icyiciro cya kabiri. Abamaze gusezerana burundu uko ari 56 bose bari baratangiye kera umuryango utaremerwa ku mugaragaro n'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo ku itariki ya 1/01/2005. Bakurikiwe n'abandi bakigenda basezerana umwaka umwe umwe bagana igihe cy'ayo masezerano ya burundu.
Tariki ya 29/01 : Incuti za Diyosezi z'i Viterbo ho mu Butaliyani zaje kuramutsa Umushumba wa Diyosezi ziyobowe na Padiri Martini Bahati.
Tariki ya 31/01 : Twamenye inkuru nziza y'itorwa rya Musenyeri Visenti Harolimana ngo abe Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri. Mu ma saa tanu niho Musenyeri Smaragde Mbonyintege na Musenyeri Augustin Misago bageze kwa Musenyeri Alexis Habiyambere, uko ari batatu bamanuka berekeza mu kibaya, ahari Seminari nto ya Nyundo Padiri Visenti Harolimana yari amaze imyaka isaga icumi ayobora. Wabaye umunsi w'ibyishimo cyane muri Nyundo yose. Bigeze ku mugoroba n'abasaserdoti ba Ruhengeri baba barahatashye biba urusobe rwo gusingiza Imana no kwifuriza ishya n'ihirwe uwatorewe kuba Umwepiskopi wa Ruhengeri.

GASHYANTARE 2012

Tariki ya 3/02 : Musenyeri Alexis Habiyambere yakiriye Bwana Volke wo muri Kolping. Uwo muryango ufite ishuri ry'imyuga muri paruwasi ya Muramba.
Tariki ya 12/02 : Musenyeri Alexis Habiyambere wari Umuyobozi wa Diyosezi ya Ruhengeri mu gihe yari igitegereje Umwepiskopi wayo, yajyanye na Musenyeri Visenti Harolimana baturira hamwe igitambo cya misa amwereka abakristu ba Ruhengeri yatorewe kuyobora.
Tariki ya 16/02 : Ku Nyundo mu rugo rw'Umwepiskopi habaye igitaramo cyo kwishimira no gusezera kuri Musenyeri Visenti Harolimana. Hari abasaserdoti bakorera ku Nyundo n'ingo zose z'abiyeguriyimana zihagarariwe.
Tariki ya 18/02 : Muri paruwasi ya Kinunu hatashywe ibikorwa byiza byinshi dukesha ishyirahamwe ryitwa « Les Enfants du Père Martin » (Abana ba Padiri Martini), bahagarariwe na Madame Inge Quatraro-Hering. Iby'iryo shyirahamwe murabyisomera muri aka gatabo

kimwe n'uko batashye amazu 140 yubakiwe abatishoboye, n'ikigo cy'amashuli cy'i Murama kigizwe n'ibyumba by'amashuli 16.
Tariki ya 19/02 : Musenyeri Alexis Habiyambere yaturiye igitambo cy'Ukaristiya cyo gutangiza umwaka mu iseminari nto yitiriwe Mt.Pio X. Wanabaye n'umwanya wo kwongera gushimira Myr Visenti Harolimana ibyiza yakoreye muri urwo rugo. Abana bamusezeyeho bishimiye ko yatowe, nyamara banababajwe n'uko abagiye kure.

Tariki ya 20/02 : Diyosezi ya Ruhengeri yakiriye uwatorewe kuyiyobora. Musenyeri Alexis Habiyambere wari umuyobozi wayo yari yagiye mbere kugira ngo yakire Myr Visenti Harolimana waje aherekejwe n'abapadiri, abiyeguriyimana n'abahagarariye abakristu bo ku Nyundo. Basanze no mu Ruhengeri abaho nk'abo, babiteguye. Babanje muri chapelle yo kwa Musenyeri mu Ruhengeri bashengerera Isakramentu ry'Ukaristiya, bose bamaze guhabwa umugisha bagiye mu nzu y'inama baricara barasabana.

WERURWE 2012

Tariki ya 8/03 : Umushumba wa Diyosezi hamwe n'abagize akanama gashinzwe iby'umutungo barebeye hamwe ibyakoreshejwe umwaka ushize bashyiraho n'ingengo y'ibizakoreshwa muri uyu mwaka wa 2012.
Tariki ya 12/03 : Twumvise inkuru y'incamugongo y'uko Myr Augustin Misago Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro, yitabye Imana.
Tariki ya 12/03 : Musenyeri Alexis Habiyambere yagiranye inama na Musenyeri Visenti Harolimana amushyikiriza ibyo yagombaga kumwereka byose, undi nawe arabyakira.
Tariki ya 15/03 : Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo Musenyeri Alexis Habiyambere, abapadiri n'abiyeguriyimana benshi ba Diyosezi, bagiye ku Gikongoro kwifatanya n'abaho mu mihango yo gushyingura Musenyeri Augustin Misago, washyinguwe muri Katedrali ya Gikongoro. Hari imbaga y'abapadiri, n'abakristu benshi cyane.
Tariki ya 21-22/03 : Musenyeri Alexis Habiyambere yagiye mu nama ya ACOREB ihuza Abepiskopi bo mu Rwanda no mu Burundi yabereye i Remera-Ruhondo.
Tariki ya 24/03 : Musenyeri Visenti Harolimana yaherewe Ubwepiskopi mu Ruhengeri. Imihango yayobowe na Myr Alexis Habiyambere. Hari Abepiskopi bose bo mu Rwanda, benshi b'i Burundi, uw'i Buganda, abapadiri barenga 500, abihayimana baturutse mu miryango inyuranye, n'imbaga itabarika y'abakristu. Ku Nyundo, ku Gisenyi no ku Mubuga aho avuka, bari bagiye bishyira hamwe bagakodesha imodoka. Ntawavuga rero abo mu Ruhengeri bashimiraga Imana kuba bongeye kubona Umushumba bwite uje bamusonzeye nk'uko babigarutseho kenshi. Byose byari biteguye neza cyane. Hari Ministri w'Intebe n'abandi bayobozi bakuru mu nzego zinyuranye. Bose bagarutse k'ubufatanye bwiza buriho, kandi bifuza gukomeza, buhuza Kiliziya na Leta.

MATA 2012

Tariki ya 03/4 : Abasaserdoti ba Diyosezi ya Nyundo hafi ya bose baturiye hamwe n'Umwepiskopi igitambo cya Misa bahereyemo amavuta matagatifu umugisha, n'abo basaserdoti bavugurura amasezerano bagiriye Imana.
Tariki ya 11/4 : Umwepiskopi akikijwe n'abapadiri benshi baturiye hamwe igitambo cy'Ukaristiya bibuka abapadiri n'abandi biyeguriyimana ba Diyosezi ya Nyundo bishwe muri jenoside yakorewe Abatutsi. Banibutse by'umwihariko abiciwe muri Katedrali ya Nyundo no hirya no hino yayo muri icyo gihe. Nyuma ya Misa bagiye kwunamira izo nzirakarengane aho zishyinguwe mu rwibutso ruri hafi ya seminari.
Tariki ya 12/4 : Umugezi wa Sebeya wuzuye ku buryo butigeze bubaho. Ikibaya cyose cya

Kayanza kirasendera, wangiza byinshi cyane. Turashimira ababangukiye kwimura cercueils zo mu Rwibutso, ubu zigitegereje ko haboneka uburyo burambye bwo guhangana n'uwo mugezi. Ku nkengero yawo amazu yagiye asenyuka abantu batakaza byinshi. Ingabo zirwanira mu mazi zatabaye vuba zifasha abantu kwambuka. Bagombye kwifashisha utwato, babaha n'imyambaro ibuza kurohama bituma abari barengewe bose bashobora kugera ahumutse. Turabibashimira cyane.
Tariki ya 16/4 : N'ubwo Musenyeri Alexis Habiyambere yari yarashyikirije byose uwamusimbuye, ndetse akaba ari nawe umuha ubwepiskopi, yasanze ari ngombwa ko ajya no gusezera by'umwihariko ku bapadiri ba Diyosezi ya Ruhengeri abashimira ko bakoranye neza.
Tariki ya 17/4 : Musenyeri yagiranye inama n'abapadiri bagize inteko ngishwanama (Consulteurs).
Tariki ya 26-27/4 : Muri iyi minsi isoza ukwezi habaye inama zo kureba imiterere y'ibikorwa rusange Diyosezi zihuriraho : Caritas Rwanda, RIM na CORAR, bagira ngo babihe umurongo uboneye utuma bijya mbere.

GICURASI 2012

Tariki ya 04/5 : Musenyeri yayoboye igitambo cya misa muri Kiliziya ya Regina Pacis yo gushyingura Padiri Ignace Samurenzi S.J. wari Umukuru wa Collège yaragijwe Roho Mutagatifu y'i Bujumbura. Muri iyo misa, hari n'abapadiri ndetse n'abakristu benshi baturutse i Burundi kuko uwo mupadiri bamushimaga cyane.
Tariki ya 08 -11/5 : Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bagiriye inama yabo isanzwe i Kigali
Tariki ya 12/5 : Myr Vincent Harolimana na Myr J.Damascène Bimenyimana bitabiriye inama y'ababyeyi bafite abana mu iseminari ya Nyundo. Bayijemo nk'abo Kiliziya yagize ababyeyi kandi nk'abarerewe muri urwo rugo. Abaseminari bishimiye kwakira izo ntore z'imbonera Imana yitoreye zakuriye aho biga muri iki gihe. Bitera abana ishyaka ryo kumva ko byose bishoboka iyo uretse Imana ikakwiyoborera.
Tariki ya 16 -17/5: Mu minsi ibiri nk'uko bisanzwe abapadiri bose ba Diyosezi ya Nyundo bahuriye mu nama yabo ya kabiri y'umwaka. Bamaze kureba uburyo bukwiye bwo gusohoza ubutumwa bwabo, banagejejweho gahunda nyinshi zirimo iz'itangwa ry'ubusaserdoti.Banafashe imigambi yo gukomeza guha ingufu imiryangoremezo, amatsinda y'abana, n'iyobokamana mu mashuli no mu bigishwa. Uyu mwaka kandi bifuza ko abakristu barushaho kwumva ubutumwa bukomeye urugo rw'abakristu rufite, abarugize bakarushaho kwunga ubumwe, kurera neza abana, gusengera hamwe, cyane cyane bakajya inama.
Tariki ya 18/5 :Twumvise inkuru y'incamugongo y'urupfu rutunguranye rwa Padiri Octave Ugirashebuja S.J. ,umuntu wagiraga abantu benshi inama, mu bwiyoroshye n'ubwitange buhebuje.
Tariki ya 20/5 : Ku Mukungu habereye Yubile ya padiri J.Baptiste Mendiondo Habineza. Iby'uwo mupadiri w'ingirakamaro wemeye kuva iwabo akigira umunyarwanda, akabaho mu bwiyoroshye yitanga cyane, murabisoma mu nyandiko iri muri aka gatabo ya Jérôme Gakwaya.
Tariki ya 22/5 : Muri Kiliziya ya Regina Pacis habereye misa yo guherekeza padiri Octave Ugirashebuja S.J, yayobowe na Myr Alexis Habiyambere akikijwe n'abapadiri benshi, abayezuwiti n'abandi bamenye padiri Octave, abo yigishije mu Nyakibanda, mu myiherero no mu bindi biganiro. Abiyeguriyimana bari benshi cyane n'imbaga y'abakristu. Bose bashimaga ukuntu uwo musaserdoti yitangaga, akigishanya ubuhanga n'urukundo ntacibwe intege n'uko kenshi yabaga arwaye, akayigendana, akayikorana nta muntu uje amwiyambaza ngo amusubize inyuma. Abamumenye bazahora bamwibuka kandi bashimira Imana yaberetse urwo rugero.

Tariki ya 28/5 : Intumwa nshya ya Papa mu Rwanda yakiriye Abepiskopi aho atuye kandi akorera i Kigali.
Tariki ya 31/5 : Umushumba wa Diyosezi yagiranye inama n'abagize komite za Caritas mu bice byombi (2 zones pastorales) ahahoze ari Kibuye n'aha Gisenyi.

KAMENA 2012

Tariki ya 02/6 : Urwunge rw'amashuri rw'Umwamikazi w'Afurika rwo ku Nyundo rwizihije umunsi mukuru w'uwo Mubyeyi Bikiramariya. Musenyeri niwe wabaturiye igitambo cya misa.
Tariki ya 08/6 : Musenyeri Alexis Habiyambere yayoboye misa yo gusoza icyumweru cy'uburezi gatolika mu Karere k'ahahoze ari Gisenyi.
Tariki ya 15/6 : Ibirori na none byo gusoza icyumweru cy'uburezi gatolika biyobowe n'Umwepiskopi byabereye i Mushubati ahahuriye abahagarariye amashuri y'ahahoze ari muri Kibuye.
Tariki ya 21-22/6 : Twakiriye muri Katedrali ya Nyundo reliques za Mutagatifu Margarita Mariya Alacoque. Abakristu biganjemo abo mu muryango w'Umutima Mutagatifu n'aba Communauté de l'Emmanuel baraye bashengereye Ukaristiya baha n'icyubahiro izo reliques. Abahaje bibukijwe ubutumwa Nyagasani yahaye Mutagatifu Margarita Mariya bwo kwitura urukundo umutima wa Yezu wadukunze cyane.
Tariki ya 23/6 : Urubyiruko rwo muri Diyosezi, barenze 5000, bahuriye i Congo-Nil, bagiye kwiyambaza Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene, bishimira kuhahurira n'Umushumba wa Diyosezi n'abapadiri babashinzwe, bagasenga bishimye kandi bakahaherwa n'impanuro nyinshi zibafasha guhangana n'iyi si yuzuye imitego itabarika.
Tariki ya 24/6 : Musenyeri Alexis Habiyambere yari ku Mubuga ahabereye misa n'ibirori bya Yubile y'Urwunge rw'amashuli rwaho.
Tariki ya 26/6 : Musenyeri yabonaniye muri Centre St.François Xavier yo ku Gisenyi n'abagize itsinda ritekereza ku Igenamigambi rya Kiliziya Gatolika yo mu Rwanda.
Tariki ya 30/6 : Abanovisi batatu, bose bavuka muri paruwasi ya Muramba bagize amasezerano ya mbere mu muryango w'Ababikira b'Izuka rya Nyagasani. Ayo masezerano bayakoreye i Masaka mu rugo rukuru rw'uwo Muryango (Prieuré). Muri iyo misa kandi, ababikira babiri bizihije Yubile y'imyaka 25 bamaze basezeraniye muri uwo muryango. Abo ni : Sr.Langwida Habyarimana na Sr Renata Mukabutera. Iyo misa yarimo Abepiskopi 3, Myr Thaddée Ntihinyurwa w'i Kigali, Myr Alexis Habiyambere wo ku Nyundo, na Myr Yohani Damascène Bimenyimana wa Cyangugu.
Amakuru yacu naha tuyasoreje, tuzakomeza ubutaha.
Françoise BAMURANGE